# UBUZIMA BWA GIKRISTU MU BIKORWA

shepherds
GLOBAL CLASSROOM

Shepherds Global Classroom iriho kugirango itunganye umubiri wa Kristo binyuze mu itangwa ry'integanyanyigisho ku abayobozi ba Gikristo mu isi yose. Dufite intego yo kugwiza gahunda z'imyitozo y'abasangwabutaka binyuze mu gushyira mu maboko amasomo 20 y'abatoza bo mu buryo bw'Umwuka, mu bihugu byose byo mu isi.

Iri somo rishobora gukurwa kuri uru rubuga rwa murandasi ku buntu
https://www.shepherdsglobal.org/courses

Umwanditsi Mukuru: Dr. Stephen K. Gibson

Copyright © 2021 Shepherds Global Classroom

Iki gitabo cyahinduwe mu Kinyarwanda, gikuwe mu nyandiko ya mbere mu rurimi rw'Icyongereza.

Uburenganzira bwose burabitswe.

Ibikoresho biva mu gice cya gatatu bifite ba nyirabyo kandi bifite impushya mu buryo butandukanye.

Keretse aho byagaragajwe, naho ubundi, ibyanditswe byera byose byakuwe muri Bibiliya Yera (Bibiliya Yera) Copyrights reserved ©2001 by Bible Society of Rwanda. Uburenganzira bwose burabitswe.

**Uruhushya rwo kumenyesha:**

Aya masomo ashobora gucapurwa no gukwirakwizwa ku buntu mu buryo bwanditse kandi bwa digitale hakurikijwe amabwiriza akurikira: (1) Ibiri muri aya masomo ntibishobora guhinduka mu buryo ubwo aribwo bwose; (2) Kopi ntishobora kugurishwa hagamijwe inyungu; (3) Ibigo by'uburezi bifite uburenganzira bwo gukoresha / gukoporora aya masomo, kabone niyo basaba amafaranga y'ishuri; ndetse (4) Amasomo ntashobora guhindurwa atabiherewe uburenganzira nubugenzuzi bwa Shepherds Global Classroom.

# Ibirimo


Amabwiriza ku Abayobozi b'Isomo ........ 5

(1) Ubunyangamugayo bwa GiKristu ........ 7

(2) Umwitozo wo Kumvira Imana ........ 19

(3) Umurimo ........ 27

(4) Imibanire ........ 37

(5) Kuyoborwa n'Imana ........ 47

(6) Inyigisho za Bibiliya ku Urushako ........ 57

(7) Ubwere bw'Urushako ........ 67

(8) UbuKristu mu kubungabunga ibidukikije ........ 81

(9) Amafaranga ........ 87

(10) Kuba Umunyakuri ........ 99

(11) Agaciro ka Muntu ........ 109

(12) Leta ........ 121

(13) Umubiri w'UmuKristu ........ 129

Ibikoresho byunganira gusobanukirwa ........ 139

Inyandiko y'imikoro yatanzwe ........ 141

# Amabwiriza ku Abayobozi b'Isomo

Niba mwiga nk'itsinda, mushobora gusimburana gusoma. Ukwiye guhagarara ahantu hose hakwiye ikiganiro mu ishuli. Nk'umuyobozi w'itsinda ry'abanyeshuli, ushinzwe gukurikirana ko ibiganiro bidatandukira insanganyamatsiko iri kwigwa. Nibyiza kugira igihe ntarengwa kuri buri gihe cyo kuganira.

**Ibibazo byo kuganira hamwe n'ibikorwa byo - mu ishuli** byerekanwa n'akamenyetso ka ►. Ku bibazo byo kuganira, umuyobozi w'isomo agomba kubaza ikibazo agaha abanyeshuli umwanya wo kuganira ku bisubizo. Niba umunyeshuri umwe ariwe uhora asubiza mbere, cyangwa niba abandi banyeshuli badatanga umusanzu, umuyobozi ashobora kubaza umwe mu bandi banyeshuli.

Muri iki gitabo, hakoreshejwe **ibyanditswe** byinshi. Ibice bigomba gusomwa mu ijwi riranguruye mu ishuli nabyo byerekanwa n'akamenyetso k'umwambi ka ►. Saba umunyeshuri gusoma ibyo bice by'ibyanditswe,abisomere itsinda. Rimwe na rimwe, ibyanditswe byera bitanzwe mu tumenyetso tw'udukubo munyandiko. Urugero: (1 Abakorinto 12:15). Ibyo bice bizishyigikira ibyavuzwe mu nyandiko. Si ngombwa ko umuntu ahora asoma ibyanditswe biri mu dukubo.

Buri isomo rifite **imikoro** isobanurwa ku musozo waryo. Imikoro igombwa gukorwa nyuma y'isomo hanyuma igashyikirizwa umuyobozi ku isomo rikurikira. Niba umunyeshuri atarangije isomo n'imikoro, ashobora kubirangiza nyuma. Ariko, umuyobozi agomba gushishikariza abanyeshuli gukurikiza gahunda kugirango babashe kungukira byinshi mu isomo. Ikarita iri ku musozo w'igitabo igenewe kwandikwaho inshingano umunyeshuri yarangije.

Imwe mu ntego z'amasomo ni ugutegura abanyeshuli kuba abarimu. Umuyobozi w'isomo agomba guha abanyeshuli amahirwe yo guteza imbere ubumenyi bwabo bwo kwigisha. Urugero, umuyobozi w'isomo agomba rimwe na rimwe kureka umunyeshuri akigisha igice kigufi cy'isomo.

Ku musozo wa buri somo haboneka igice kirimo amabwiriza yo gusangira ibitekerezo mu itsinda. Umuyobozi w'isomo ashobora gufata umwanzuro ku gihe kigomba gukoreshwa mu biganiro by'itsinda. Amasomo menshi azajyana no kuganira cyane mu gihe cyo kwiga ibiri mu nyigisho.

Na none ku musozo wa buri somo haboneka isengesho rigufi, risaba Imana gushyira ukuri kwigishijwe mu bikorwa mu buzima bw'abanyeshuli. Umuyobozi w'isomo ashobora gusaba umunyeshuri umwe gusomera ishuli iryo sengesho.

Niba umunyeshuri ashaka kubona **impamyabumenyi itangwa na Shepherds Global Classroom**, agomba kwitabira amasomo no kurangiza imikoro iteganyijwe. Ifishi

yabugenewe iboneka ku musozo w’isomo kugira ngo handikwemo inshingano umunyeshuri yarangije.

# Isomo rya 1
# Ubunyangamugayo bwa GiKristu

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Gusobanukirwa icyo Bibiliya isobanura iyo ivuga ngo "isi."

(2) Kumenya ibice by'ubuzima byagizweho ingaruka n'indangagaciro z'isi.

(3) Gusobanura uburyo n'impamvu ibitekerezo by'uwizera bigomba gutandukana n'iby'utizera.

(4) Gusobanura icyo bivuze uwizera kubaho ubuzima bw'ubunyangamugayo.

(5) Kwerekana ko ukuri kwa GiKristu kugomba gushyirwa mu bikorwa mu bice byose by'ubuzima.

## John Chrysostome, Umubwiriza w'Ubunyangamugayo

John Chrysostome (mu myaka ya za 370),[1] yari umupasiteri wubahaga Imana yari azwi cyane nka "akanwa ka zahabu" kubera ivugabutumwa rye rikomeye kandi ryuzuyemo impano yo kuvuga neza. Yari akunzwe cyane n'abaturage basanzwe kandi akaba n'umubwiriza w'icyamamare mu gice cy'Ubwami bwa Abaroma cyari giherereye mu Burasirazuba. Mu mwaka wa 398, yajyanwe mu murwa mukuru wa Konsitantinopoli (uyu munsi ni Istanbul, muri Turukiya) kugira ngo abe umupasiteri n'umuyobozi mukuru w'itorero ry'igihugu rifite abanyamuryango 100,000.

John yarazwiho kugira umuco wo kugundira ibyo yari aziko ari ukuri. Yakoresheje umwanya we mu gukorera abaturage bose b'umujyi, atari abakire gusa. Yagaburiraga abakene, yubaka ibitaro, kandi ashyigikira abapfakazi. Yarwanije abepisikopi bo muri Anatoliya (agace k'ubutaka kari mu majyepfo y'uburengerazuba bwa Aziya kagizwe ahanini n'igihugu cya Turukiya y'ubu) kubera ruswa yabo n'imicungire mibi y'imari, kandi yabwirije agaya ku kwinezeza kwabo no kwiyandarika. Yahaye impanuro abakire bo muri Konstantinopoli ko kujya mu nzu y' ikinamico[2] bizabangiza. Yagereranyije kujya mu nzu y' ikinamico nko kwiyandurisha agakoko kica. John yagize ati,

> Niba ubona umugore utagira isoni mu nzu y' ikinamico, ugenda ku rubyiniro adatwikiriye umutwe, afite imyitwarire yo gushira amanga, yirimbishije imyenda y'izahabu,yigaragaza nk'umuntu wuzuye irari, aririmba indirimbo z'ubusambanyi,

[1] Gerald L. Sittser. *Water from a Deep Well*. (Downers Grove: InterVarsity Press, 2007), 135

[2] Inkuru ndetse n' imikino yakorerwaga muri iyi nzu y' ikinamico zabaga ziganjemo kutubaha Imana; ibigirwamana; ndetse ahari ubwicanyi n' ubusambanyi.

> akavunagura imbavu abyina, akavuga amagambo y'urukozasoni… ushobora kuvuga ko nta kintu byagukozeho nk'umuntu muri icyo gihe?… Nyuma yaho ibyo muri iyo nzu y' ikinamico birangiriye buri wese agiye, ayo mashusho akomeza kureremba imbere y'umutima wawe, amagambo yabo, imyitwarire yabo, amaso yabo, uburyo bagenda, uko bahagarara... izo mbavu zabo bakoresha ibiteye isoni—Ariko wowe usubira mu rugo wakomeretse inshuro ibihumbi! Ariko ntugenda wenyine—indaya iragukurikira—nubwo bitagaragara ku buryo bweruye… ahubwo urayigendana mu mutima no mu bwenge, maze aho imbere muri wowe itangiza itanura rya Babiloni… aho amahoro yo mu rugo rwawe, isuku y'umutima wawe, n'ibyishimo by'urushako rwawe bihiramo bikaba umuyonga!

Ku baturage b'abakire, John yababuriye ati,

> Ni ubupfapfa n'ubusazi bugaragarira rubanda kuzuza inzu imyenda, kandi abantu baremwe mu ishusho y'Imana bahagarara bambaye ubusa, batitira kubera imbeho, kugeza n'aho batagishoboye guhagarara bemye… Nyamara wowe uri munini kandi urabyibushye, ukora ibirori birimo inzoga kugeza mu rukerera, ukaryama mu buriri bushyushye kandi bwiza. Ese ntutekereza ko uzabazwa uko wasuzuguye impano Imana yakugeneye...? Amafaranga yacu ni ay'Umwami, n'ubwo yaba yarabonetse mu buryo ubwo ari bwo bwose. Ni yo mpamvu Umwami yakwemereye kugira byinshi; si ukugira ngo ubipfushe ubusa… ahubwo ni kugira ngo ubisangire n'abari mu bukene.

John Chrysostome nyuma yaje kuvanwa mu gihugu ajyanwa ku nkombe z'iburasirazuba bw'inyanja yirabura, ariko apfira mu rugendo (Umwaka wa 407 Nyuma ya Kristo). Mu magambo ye ya nyuma yagize ati, "Icyubahiro cyibe icy'Imana muri byose. Amena."

## Uko Bibiliya isobanura Isi

Ubutumwa bwiza bwa Yohana mu gice cyaho cya 17 haboneka isengesho rya Yesu asengera abigishwa be mbere ho gato y'uko abambwa. Iryo sengesho rigaragaza urukundo rwe ruhebuje n'impungenge yarafitiye abigishwa be. Yavuze ko yasabiraga n'abazizera ubutumwa bw'intumwa (umurongo wa 20), bityo abizera bo muri iki gihe na bo barimo.

► Umunyeshuri umwe nasomere itsinda muri Yohana 17:14-18.

Yesu yashakaga gusobanura iki igihe yavugaga ko atari uw'iy'isi? Tuzi ko ataturutse muri iyi si; ko ahubwo ari Umwana w'Imana, waje hano ku isi ava mu ijuru. Ariko, igihe yavugaga ko ataturutse muri iy'isi, ntiyari avuze ko avuye ahandi hantu hatari hano ku isi. Yavuze ko n'abigishwa be batari ab'iyi si, nk'uko na we atari uwo muri yo. Yesu yavugaga abantu bavukiye ku isi, babyarwa n'ababyeyi nk'abandi bose, bakurira mu bihugu byabo nk'abanyagihugu.

None se, Yesu yashakaga kuvuga iki ubwo yavugaga ko abigishwa be batari ab'iy'isi? Tugomba gusobanukirwa icyo Bibiliya iba ivuga iyo ivuze ngo "isi".

► Umunyeshuri umwe nasomere itsinda mu Abefeso 2:1-3.

Iyi mirongo itwereka ko kubaho nk'uko isi ibayeho ari kimwe no gukurikiza inzira ya Satani. Tubonamo kandi ko abantu bo mu isi bayoborwa n'irari ry'ibyaha, kandi bazahura n'uburakari bw'Imana. Abizera bahawe ubuzima bushya kandi ntibakibaho nk'uko isi ibayeho.

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri 1 Yohana 2:15-17.

Mu rwandiko rwa 1 rwa Yohana, isi ivugwa nk'ikintu kibi. Ntikwiye gukundwa, kandi ibintu byayo ntibikwiye gukundwa. Irari n'imigambi mibi ni ibintu biranga isi. Irari ry'ibyaha niryo bita irari ry'isi.

Satani yitwa umutware w'ab'iyi si (Yohana 16:11). Ibyo ntibisobanura ko isi ari iye mu kuri; ahubwo ni we muyobozi w'ubwigomeke ku Mana, kandi abantu bo mu isi nibo bamukurikira. Yamaze gucirwaho iteka, kandi abantu bakomeza kumukurikira na bo bazacirwaho iteka.

Kugira ubucuti n'isi ni ukwihindura umwanzi w'Imana (Yakobo 4:4).

Isi igizwe n'abantu miliyoni ba kamere, baguye mu byaha, batandukanye n'Imana, ariko bakaba bahuzwa n'ibyo bahuriyeho. **Icya mbere, bafite irari cyangwa ibyifuzo bibi**. Bakunda ibintu biri mu isi kurusha Umuremyi w'isi n'ijuru. 1 Yohana 2:15-16 havuga ngo… "Ntimugakunde iby'isi cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby'isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we, kuko ikiri mu isi cyose ari irari ry'umubiri ari n'irari ry'amaso, cyangwa kwibona ku by'ubugingo bidaturuka kuri Data wa twese, ahubwo bituruka mu isi."

**Icya kabiri, irari ryabo ribayobora ku imyitwarire mibi**; ubuzima bwibanze ku kwishimisha ubwabo, akenshi bigakorwa batitaye k'ubutabera n'imbabazi. (Amosi 5:11-15; 21-24). Bagenda mu nzira yabo, basaba ibyo bumva bibakwiriye, kandi bagena ibyo batekereza ko ari iby'ukuri cyangwa bidakwiriye. Nubwo bafite amoko menshi y'idini, ab'isi bose bihindura ubwabo (ubwenge bwa muntu, ubumenyi bwa muntu, irari rya muntu, ineza ya muntu, imbaraga za muntu) nk'ihuriro ryo kuramya kwabo (Abaroma 1:25). Banga gutwarwa n'Imana kandi bemera inyigisho y'ubuzima ibaha impamvu zo gukora ibyo bagambiriye gukora. Ntibashaka kumenya icyiza no kugikora. Bakora ibyo bashaka, hanyuma bakareba uburyo bwo kubisobanura ko ari byo byiza.

Abahanga mu by'imitekerereze n'abajyanama batari abakristu bagerageza gufasha abantu gukemura icyaha cyabo batihannye no kubabarirwa n'Imana. Abafilozofe b'isi bagerageza gusobanura impamvu yo kubaho idafitanye isano n'Imana. Abashakashatsi b'isi bagerageza gusobanura inkomoko y'ibintu byose ariko bahakana Uwabiremye. Abanyapolitiki n'abakozi b'imibereho myiza b'isi bagerageza gushaka inzira zo gukumira ingaruka mbi z'ibyaha ariko banze kwemera ko icyaha ari cyo cyibazo nyakuri. Abamurika imideli b'isi bakora imyambaro igamije gukurura irari no kwiyerekana. Abasusurutsa abantu b'isi batera urwenya ku cyaha, ubupfura, ndetse no ku by'iyobokamana. Abapasiteri bo muri iy'isi bizerera mu mana yihanganira icyaha, kandi yibanda cyane ku kuba umukire, wishimye, kandi wifitiye icyizere.

Abakolosayi 2:8 hatwihanangiriza kudatwarwa n'amayeri y'inyigisho z'abantu n'uburiganya, bishingiye ku bitekerezo by'isi. Umutekamutwe yambura umuntu amugurisha igitekerezo cy'ikinyoma. Isi nayo ni uko ibigenza. Ibeshya abantu ibinyujije mu bitekerezo bibi, ikabambura umubano wabo n'Imana, imigisha yo mu mwuka, ndetse n'ijuru.

Filozofiya n'imbaraga zikorera mu b'isi zigaragarira mu mibereho y'abayigize. Imvugo, imyitwarire, imyambarire, imyidagaduro, n'imico y'ab'isi byose bigaragaza ububi bw'imitima yabo.

Abayoboke ba Kristo ntibashobora gukurikiza indangagaciro za sosiyete batuyemo. Abayoboke ba Kristo bakwiye kuba batandukanye n'imibereho y'abantu babana muri sosiyete.

Imico y'abantu icurwa n'iki kintu Bibiliya yita isi. Ibisekuru bitandukanye by'abantu baba ahantu runaka bigira umuco. Aba bantu baba bifuza ibintu byinshi byiza nko kugira umutekano, gutera imbere, no kugira imiryango ihamye, ariko babikurikirana bakurikije filozofiya y'isi, kandi bafite umuhati wo kubigeraho batagandukiye ijambo ry'Imana. Ibi bivuze ko abayoboke ba Kristo badashobora gukurikira umuco wabo. Imico imwe n'imwe igirwaho ingaruka nziza n'amahame ya Bibiliya kurusha indi, ariko nta gihugu na kimwe gifite umuco wuzuye wubakiye ku bukristo.

► Dushingiye ku byo twize kugeza ubu, bisobanura iki ko abigishwa ba Yesu batari "ab'isi"?

Abizera ntibakurikiza irari n'ibyifuzo by'icyaha. Icyo bashyira imbere cyane ni ugushimisha Imana. Urukundo rwabo rwarahindutse kandi rugenda ruhindurwa uko bukeye n'uko bwije (Abafilipi 1:9-11). Amategeko y'Imana yanditswe mu mitima yabo (Yeremiya 31:33). Amategeko y'Imana si umutwaro ku bizera, ahubwo n'ibyishimo kuri bo (1 Yohana 5:1–3, Zaburi 19:7–11). Abizera baharanira ibifite agaciro karamba (Matayo 6:33). Uko bitwara bigaragaza ko baba bashaka kwirinda kugwa mu moshya no kubaho banesha icyaha.

Abantu bo mu isi batekereza ko abizera ari abantu b'ibitangaza kuko batishimira ibintu kimwe na bo (1 Petero 4:4). Yesu yavuze ko isi yanga umuntu utandukanye mu buryo bwo mu mwuka (Yohana 17:14). Isi ifata nabi abantu batari abayo cyangwa abatayikunda. Ab'isi ntibashobora gusobanukirwa; banga ibyo gukiranuka, kandi umutimanama wabo ubashinja ibyaha bakoze. Niyo mpamvu Yesu yagize ati, "Mu isi mugira umubabaro" (Yohana 16:33). Intumwa Pawulo yagize ati, "abashaka kujya bubaha Imana bose bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa" (2 Timoteyo 3:12).

► Umunyeshuri umwe asomere itsinda mu 2 Abakorinto 6:14–18.

Bibiliya isaba abizera gutandukana n'isi. Uko gutandukana n'isi bitangirira ku mutima n'imyitwarire y'umuntu, nk'uko Yesu yabigishije mu nyigisho ze zo ku musozi. Aha ni ho Yesu yasobanuye ko umutima w'uwizera ugomba kurangwa no kwiyoroshya, kubabazwa n'icyaha, kwicisha bugufi, gukunda gukiranuka, kugira imbabazi, isuku y'umutima, amahoro, no kwihangana mu gihe ahigwa azira kwizera. Imyumvire itandukanye itera imyitwarire itandukanye. Urugero, Abizera ntibashobora kwinjira mu bufatanye bubasaba

gukora ibinyuranye n'iby'Imana. Imana isezeranya kuzaba Data w'uwitandukanya n'isi. Mwibuke ko twasomye umurongo uvuga ko incuti y'isi ari umwanzi w'Imana (Yakobo 4:4).

► Umunyeshuri umwe nasomere itsinda muri Matayo 5:13-16.

Kuba umwihariko no kwitandukanya n'isi ntibivuze ko abizera bagomba kwitandukanya na sosiyete bagashinga imiryango yabo bwite. Yesu yavuze ko atari gusabira abigishwa be ko bakurwa mu isi (Yohana 17:15). Yongeyeho ko abigishwa be ari umunyu n'umucyo w'isi, ibi bikavuga ko bagomba kuba bahari kandi bakagaragara muri sosiyete. Abizera bagomba kugira uruhare muri butegetsi bw'igihugu no mu mirimo y'abaturage, keretse igihe urwo ruhare rwasaba ko bakora ikintu kibi.

Gerald Sittser atubwira uko byari bimeze mu buKristu bwa mbere:

> Aristide, umuhanga mu bya filozofiya w'i Atenayi ... wabaye mu kinyejana cya kabiri, yavuze imico itari mike yatandukanyaga AbaKristu n'abandi baturage. AbaKristu, nk'uko yabigaragaje, babagaho bubahiriza ibyo biyemeje, bavuga ukuri, banyuzwe n'ibyo batunze, bubaha ababyeyi babo, bakunda bagenzi babo, bera, bihangana mu bihe byo gutotezwa, kandi bagirira neza abashyitsi. Bitaga ku bapfakazi no ku mpfubyi. Bitaga ku abacakara mu bugwaneza budasanzwe. Abacakara b'abagabo n'abagore… babashishikariza kuba AbaKristu babikuye ku rukundo babagaragarizaga. Iyo bemeye kuba AbaKristu, bafatwa nk'abavandimwe mu buryo bungana, nta vangura ribayemo."[3]

## Ukwizera Nyakuri

Ibaruwa ya Yakobo ishimangira ko kwizera nyakuri kwa GiKristu kugaragarira mu mibereho y'umuntu. Yakobo yavuze ko abantu bumva Ijambo ry'Imana ariko ntibarikore ari nko kwiyoberanya ubwabo (Yakobo 1:22). Hari abantu batekereza ko ari bo beza kurusha abandi kuko bazi ukuri kwa GiKristu—n'ubwo batubahiriza ibyo bazi—ariko ibyo si ukuri.

Yakobo yavuze ko hariho abantu b'abanyedini, ariko idini ryabo nta gaciro rifite. Imana ishima idini ry'abantu bita ku bibabazo by'abandi, bakaba ari abera, badahumanijwe n'isi (Yakobo 1:27).

► Umunyeshuri umwe nasomere itsinda Yakobo 2:14-26.

Hari abantu bavuga ko kuba agakiza kaboneka mu kwizera, atari ibikorwa, imyitwarire yacu itagira icyo ivuze. Batekereza ko umuntu ashobora kugira kwizera kuzana agakiza nubwo imyitwarire n'imibereho bye byaba bisa n'iby'utizera. Iyi nyandiko mu ibaruwa ya Yakobo ivuga ku bantu nka bo.

---

[3] Gerald L. Sittser. *Water from a Deep Well.* (Downers Grove: InterVarsity Press, 2007), 54

Yakobo avuga ko kwizera gusa bidahagije; ndetse n'abadayimoni na bo bagira imyizerere nyakuri, ariko ntibagira umubano mwiza n'Imana (umurongo wa 19). Umuntu wizera Imana ariko ntayigandukire, agereranwa no kumva ubutumwa bwiza ariko ntiyihane ibyaha.

Ni ngombwa gusobanura neza imirongo ya 21 na 24. Ivuga ko Aburahamu yatsindishirijwe n'imirimo, kandi ko umuntu atsindishirizwa n'imirimo hamwe no kwizera. Ibi bisa n'ibihabanye n'andi magambo yo muri Bibiliya agaragaza ko umuntu akizwa n'ubuntu gusa, atari kubera ibyo yakoze (Abefeso 2:8-9; Abagalatiya 2:16; Abaroma 3:28). Ijambo "gutsindishirizwa" Yakobo akoresha ntirisobanura ko umuntu akizwa no kwizera bivanze n'imirimo, ahubwo risobanura ko imirimo no kwizera bigaragaza ko umuntu yamaze gukizwa. Umuntu ntakizwa n'imirimo, ariko iyo atabayeho ubuzima buha Imana icyubahiro, biba bigaragaza ko atigeze agira kwizera kuzana agakiza. Yakobo avuga ko kwizera k'umuntu kuba gupfuye iyo ubuzima bwe butagaragaza ibyo yizera (umurongo wa 26).

Yakobo yavuze ko nk'uko bidashoboka ko igiti cyera imbuto ebyiri zitandukanye cyangwa ko isoko isuka amazi y'ubwoko bubiri butandukanye, niko bidakwiriye ko mu kanwa k'umuntu havamo umugisha ndetse n'amagambo y'umuvumo (Yakobo 3:9-12). Imyitwarire y'umuntu ikwiriye guhora ihuye n'ukwizera kwe nk'umuKristu.

### Ihame ry'Ubunyangamugayo

Mu Abaroma 2:21-24, Pawulo yabwiraga Abayuda biyumvagamo ko baruta abanyamahanga kuko bari bafite Ibyanditswe, nyamara bo ubwabo batabyumviraga. Yabajije ati, "Ko uhana kwiba, nawe ukiba?" Kandi ati, "Ko wirata amategeko, nawe ugayishisha Imana kuyacumura?" Kwishyira hejuru kwabo nk'abantu bubaha Imana ariko badafite imyitwarire iboneye, byatumye abanyamahanga bavuga amagambo atesha Imana n'Ibyanditswe agaciro.

Iyo umuntu afite ubunyangamugayo, imyitwarire ye ihuza n'ibyo yizera. Urugero, umuntu w'umunyakuri agaragaza kuba umunyakuri mu myitwarire ye no mu byo avuga byose. Umuntu uvuga ko ari umunyakuri ariko agakora ibintu byo kubeshya, nta bunyangamugayo aba afite.

Ijambo "ubunyangamugayo" rishobora gukoreshwa mu gusobanura imyitwarire y'umuntu. Mu ndimi zimwe na zimwe, iri jambo rikoreshwa no mu bindi bintu, nko kuvuga imiterere y'inyubako.

► Utekereza ko bivuze iki iyo bavuga ko inyubako ifite ubwuzuzanye?

Ni ngombwa ko inyubako iba ihagaze. Igomba kwihanganira uburemere bwayo, ndetse n'uburemere bw'ibikorwa byose bikorerwamo. Iramutse ihirimye, abantu n'ibintu bashobora kuhaburira ubuzima cyangwa bagakomereka, kandi agaciro k'iyo nyubako kaba kabaye impfabusa. Ubunyangamugayo ku nyubako bivuze ko yubatswe hakurikijwe amahame akomeye y'imyubakire mu nyubako hose.

Ni byiza kandi ko inyubako imara igihe kirekire ihagaze neza. Umuntu wubaka inzu aba yizeye ko izaramba kugeza ku mpera y'ubuzima bwe bwose. Inyubako za leta cyangwa iz'ibigo binini zisaba ishoramari rinini, kandi ziba zitezweho kumara ibisekuru byinshi.

Iyo inyubako itangiye kunyeganyega cyangwa kugwa, biba bigaragaza ko itari ifite ubwuzuzanye mu kuyubaka. Hari igihe inyubako ishobora kwangizwa n'umutingito, kandi nubwo iba igihagaze, ntiba igitekanye. Ntiba igifite ubwuzure.

Mbere yo gutangira kubaka inyubako ikomeye, hakorwa igishushanyo mbonera—igishushanyo cyerekana ibisobanuro byose. Ibisobanuro by'ingenzi kuri iyi nyubako ni ibirebana n'uburyo inyubako izaba ikomeye bihagije ngo ihagarare. Ibice by'inyubako bigomba guhuzwa neza no gufashanya mu gushyigikira inyubako yose.

Ni ingenzi ko umwubatsi akurikiza igishushanyo mbonera mu gihe yubaka. Niba agabanyije ibiguzi asiga inyuma ibice by'ingenzi by'inyubako, inyubako ntizaba itekanye.

► Kuba umuntu afite ubunyangamugayo bisobanura iki?

Yesu yakoresheje urugero rw'ubwuzuzanye bw'inyubako. Yavuze ko umuntu wumva ijambo ry'Imana kandi akarikurikiza ameze nk'uwubatse inzu ye ku ibuye rikomeye. Iyo nzu iguma ihagaze ndetse n'igihe imiraba ikomeye ije. Umuntu utumvira Imana ameze nk'umuntu wubaka inzu ye ku musenyi (Matayo 7:24-27). Ntibihagije kumva no kumenya ukuri gusa.

► Umunyeshuri umwe nasomere itsinda muri Yakobo 1:22-25.

Yakobo yavuze ko abantu bibeshya ubwabo niba bumva Ijambo ry'Imana ariko ntibarikurikize. Aha yavugaga ku bantu bibwira ko ari beza kubera ko bazi ukuri kwa Bibiliya nyamara ntibaguherekezeho imibereho yabo buri gihe. Abo bantu nta bunyangamugayo bafite.

Yakobo yavuze ko iyo dusoma Ijambo ry'Imana tutagomba kuba nk'abantu bareba mu ndorerwamo ariko ntibahinduke kubera ibyo babonye. Ukuri kw'Imana guhindura ubuzima. Iyo turebye mu Ijambo ry'Imana tubona amakosa yacu, kandi dukwiye kwemerera Umwuka w'Imana ngo ahindure imyitwarire n'imico yacu kugira ngo ijyane n'ukuri kw'Imana.

Ubunyangamugayo bugaragarira mu buryo umuntu abaho. Abizera ntibagomba guhazwa no kubona ko hari imitekerereze cyangwa imyitwarire yabo idahuje n'ukuri kw'Imana.

### Ikizamini cy'Urubuto

Yesu yavuze ko hazabaho abahanuzi benshi b'ibinyoma. Abo ni abantu bashaka kubahwa nk'abayobozi b'amadini cyangwa gushakira inyungu mu murimo w'Imana, ariko badafite imico ikwiriye y'UmuKristu. Yavuze ko tuzabamenyera ku mbuto zabo (Matayo 7:15-18). Iyo tuvuga imbuto, ntituba tuvuga kugera ku byo umuntu yagambiriye cyangwa ibyiza bigaragara. **Ahubwo, urubuto rugaragaza imiterere karemano y'igiti.** Imbuto z'umuntu ni ibikorwa n'imyitwarire bigaragaza imico ye nyakuri y'imbere. Niba umuntu atagaragaza imbuto z'Umwuka (Abagalatiya 5:22-23; 1 Abakorinto 13), cyangwa akabaho

mu buzima bw'icyaha, aba afite kamere y'icyaha kandi si umuyobozi nyakuri w'umwuka (1 Abakorinto 6:9-10; 2 Abakorinto 11:13-15).

Intumwa Petero yavuze ko abizera batagomba gukomeza kugengwa n'irari rya kera, ahubwo bagomba kuba abera mu byo bakora byose (1 Petero 1:14-15).

Kugira imbuto nziza ntibisobanura ko umuntu amenya gushyira mu bikorwa amahame ya gikirisitu ku buryo butunganye. Twese turi mu rugendo rwo kwiga ukuri kw'Imana. Umwana ukora mu busitani ashobora kwibeshya akarandura ibihingwa bitari byo. Imana ntiducira urubanza ku makosa yakozwe ku bushake bwiza. Ariko ubuntu ntibukuraho inshingano zo kwihana k' umuntu wakoze ibyaha. Intumwa Yohana yatubwiye ko umuntu yejejwe uko agenda mu mucyo, akurikiza ukuri mu mibereho ye (1 Yohana 1:7).

**Ubunyangamugayo m'Ubuyobozi**

Abayobozi bafata ibyemezo abandi bantu badasabwa gufata. Inshingano n'amahirwe y'umuyobozi bituma ahura n'ibigeragezo byinshi. Ibyemezo by'umuyobozi ni ingenzi cyane kuko bigira ingaruka ku bantu benshi.

Umuyobozi w'umurimo w'Imana agomba kwibuka ko, agomba gukurikiza urugero rwa Yesu, ahamagarirwa gukorera Imana n'abantu. Intego ye ntigomba kuba iyo guhinduka ikirangirire gishimagizwa no gukorerwa n'abandi.

Iyo iteraniro rigizwe n'abantu benshi bataramya Imana mu kuri, bagerageza guhindura imihango yo gusenga kugira ngo yibande ku myiyerekano. Abo bantu baha agaciro impano kurusha gushyira umutima ku by'Umwuka. Bifuza ko abagaragaza impano aribo bayobora umurimo wo kuramya aho kwifashisha abayobozi nyabo bayoborwa n'Umwuka. Bashimishwa n'imbyino zigarura ibyiyumvo by'umubiri. Bemera ndetse no gukoresha abaririmbyi batakijijwe, bamwe muri bo banemera kuririmba no gucuranga mu tubyiniro, bityo baba badakwiriye kugira uruhare mu kuramya. Umushumba agomba kurinda uko itorero riramya, kugira ngo kuramya gukurure kandi gukorere abaramya by'ukuri.[4]

► Niba umuntu asuye itorero ku cyumweru mu gitondo, agasanga abacuranzi yabonye mu rubyiniro rw'akabari ku wa gatandatu nijoro ari bo bayoboye kuramya, azatekereza iki ku itorero?

Umuyobozi ashobora kugeragezwa akibwira ko amategeko y'imyitwarire myiza atamureba. Bamwe mu bashumba bagirana umubano utari mwiza n'abagabo cyangwa abagore mu itorero nk'uko abayobozi b'isi babikora mu mico yabo. Hari amatorero yemera imyitwarire idahwitse y'abashumba kubera icyubahiro cyangwa umwanya bafite mu itorero.

Umushumba ashobora kugerwaho n'ikigeragezo cyo kwiyumvisha ko ari we nyiri itorero. Niba atekereza gutyo, ashobora gushyira abantu mu myanya bitewe n'ikizere bamufitiye,

---

[4] Kubona inyigisho yuzuye ku bijyanye no kuramya mu buryo bwa gikirisitu, reba isomo rya Shepherds Global Classroom ryitwa *Introduction to Christian Worship*, riboneka kuri https://www.shepherdsglobal.org/courses

aho kubashaka kubera ubushobozi bwo gukora akazi neza. Umushumba w'ubu bwoko ahitamo abavandimwe be kandi ashaka guhitamo uzayobora itorero nyuma ye. Ahishira ibyaha n'amakosa y'abamushyigikiye mu itorero. Afata amafaranga n'umutungo w'itorero nk'aho ari ibye.

### Ubuhamya bw'Itorero

Itorero rishobora kwangirika iyo ridashimangira ubunyangamugayo. Iyo iteraniro risangiye ibyifuzo by'isi, ryemera abayobozi basa n'isi, ryihanganira icyaha mu bayobozi baryo. N'abizera bukuri bashobora gukurikira abayobozi babi kubera kutamenya akamaro k'ubunyangamugayo n'imbuto nziza. Iyo ibi bibaye, abantu b'isi binjira mu buyobozi bw'itorero, bityo itorero rigatakaza ubuhamya bwaryo.

Petero yaburiye ko abayobozi b'ibinyoma mu Mwuka bazakorera itorero nk'akazi k'ubucuruzi (2 Petero 2:3). Iyo itorero ryamamaye muri sosiyete, abantu b'isi bitabira kugerageza kubona umwanya n'icyubahiro mu itorero. Biga imihango yo gusenga n'ubuyobozi mw'itorero ariko bakaba batarihannye ibyaha byabo ngo babone agakiza muri Kristo. Itorero ridafite inyigisho nziza rinanirwa kumenya abo bayobozi b'ibinyoma.[5]

Yesu yakoresheje urugero rw'umunyu asobanura uko bimera iyo itorero ritakaje umwihariko waryo (Matayo 5:13). Umunyu watakaje uburyohe bwawo nta cyo uba urusha umusenyi cyangwa amabuye mato.

Iyo itorero rihindutse nka sosiyete, ntiriba rigishoboye guhindura sosiyete.

Isi isuzugura itorero iyo itorero rikurikiza imigenzo y'isi ntirikurikize ukuri kwa Bibiliya.

### Guhagararira Imana

Tewolojiya ni uburyo bw'imyizerere yacu ya GiKristu, burimo inyigisho ku Mana, umuntu, icyaha, Kristo, n'agakiza. Imyizerere yacu ku Mana ni yo shingiro ry'indi myizerere yose.

Igihe Imana yatangiraga kwihishurira abantu, intego nyamukuru yari kwerekana icyo Imana ari cyo. Imana yihishuriye ubwayo mbere na mbere nk'Imana Yera. Ijambo ry'igiheburayo risobanura Kwera (*kadosh*) riboneka incuro zirenga 600 mu Isezerano rya Kera. Urugero, Yesaya yakunze kwita Imana "Uwera wa Isirayeli." Kwera Kw'Imana niyo yari insanganyamatsiko yo gusenga (Zaburi 99:3, 5). Ubwoko bw'Imana ntibwasengaga kubera imbaraga zayo gusa, ahubwo kubera Kwera kwayo.

Imana yihishuriye abantu nk'Urukundo. Icyanditswe cy'ingenzi mu isezerano rya kera aho Imana yihishuriye Mose n'abantu bayo, Abisirayeli, iboneka mu Kuva 34:6-7. Aho Imana yisobanuye ubwayo nk'"...Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ibababarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha. Ntitsindishiriza na hato abo gutsindwa…" Ni ingenzi guhuriza hamwe Kwera Kw'Imana n'urukundo rwayo. Ijambo

[4] Igice cya 2 muri 2 Petero hamwe n'igitabo cya Yuda byibanda ku bayobozi b'ibinyoma mu Mwuka.

rikunda gukoreshwa mu gusobanura imiterere y'Imana ni "urukundo-rwera." Kubera ko Imana ari iyera, idusaba kuba abera; kandi kubera ko ari urukundo, yatanze inzira ituma dushobora kuba abera nk'uko na yo ari Iyera.

Kwera kw'Imana kugaragaza ko abantu batabasha kuyikorera no kuyiramya uko bikwiye keretse babanje guhindurwa n'ubuntu bwayo. Umuhanuzi Yesaya yabonye ko afite icyo ahuriyeho n'abanyabyaha nubwo yari amaze igihe abwiriza—yarafite umutima wanduye (Yesaya 6:5). "Iminwa yanduye" yagereranywaga n'amagambo n'imyitwarire bitari byiza byaturukaga ku mutima wanduye. Uku guhumana kwatumye Yesaya abona ko adakwiriye kuba imbere y'Imana. Yesaya ntiyagerageje kwiregura ku byerekeye uko yari ameze, kandi n'Imana nayo nuko. Imana yasubirishije icyaha cy'umuhanuzi Yesaya ubuntu bwayo; atari ubuntu bwo kwihanganira icyaha ahubwo ubuntu bweza kandi buhindura (Yesaya 6:6-7).

Imana y'Abisirayeli ntiyari nk'imana z'ibinyoma, kandi yasabaga ko bayiramya mu buryo butandukanye, atari nk'uko abandi basengaga ibigirwamana. Muri Zaburi ya 24, Umwami Dawidi asobanura umuntu wemerewe kwegera no guhagarara imbere y'Uwiteka. Ni muntu ki Imana yakira nk'umuramyi w'ukuri? "Ni ufite amaboko atanduye n'umutima uboneye" (Zaburi 24:4). Si buri wese Imana yakira nk'umuramyi wayo. Umuramyi si umuntu uzamura amaboko, cyangwa agakururwa n'amarangamutima. Umunyabyaha ntabwo abikwiriye.[6]

Imana yavuze ko Kwera kwayo ari ryo shingiro ry'uko abayisenga nabo baba abera. "Mube abera kuko Uwiteka Imana yanyu ndi uwera" (Abalewi 19:2, Abalewi 11:44-45, Abalewi 20:26, Abalewi 21:8). Imana ntiyari imana nk'iz'ibihe byashize zo mu burasirazuba cyangwa nk'imana zo mu migani y'abagiriki n'abaroma mu mateka yaje nyuma. Inkuru zitari impamo zivuga ko izo mana zari zifite imyitwarire mibi, zibeshya kandi zikagira nabi. Izo mana zari zifite amakosa n'imyitwarire mibi umuntu wese afite. Zari ishusho neza neza y'umuntu ariko mu buryo bukabije butajyanye n'ukuri. Izo mana ntizasabaga imyitwarire myiza cyangwa umuco mwiza, kandi abazisenga bari abanyabyaha kandi bagiraga ubugome.

Imana y'Abisirayeli ntiyaremwe mu ishusho yacu. Si iyo kwiyumvira gusa, ahubwo yihishuriye abantu. N'Imana itandukanye ni nayo mpamvu abayiramya bose bakwiye kuba abantu batandukanye.

Igipimo cy'Imana gisubirwamo mu Isezerano Rishya: "Ahubwo nk'uko uwabahamagaye ari uwera, abe ari ko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose. Kuko byanditswe ngo 'Muzabe abera kuko ndi uwera'" (1 Petero 1:15-16). Imyifatire ni ijambo ryerekeye ku imyumvire n'imyitwarire yacu—buri gice cyose cy'ubuzima. Imana ntisaba gusa ko abayisenga baba abera mu mihango gusa cyangwa ngo bitwe "abera" kandi atari bo by'ukuri. Yiteze ko abayiramya babaho ubuzima bwera by'ukuri.

Imyumvire n'imyitwarire yacu byerekana icyo dutekereza ku Mana n'umubano dufitanye nayo. Intumwa Pawulo yavuze ko Abayahudi batukishaga izina ry'Imana kubera

[6] Kubona inyigisho yuzuye ku bijyanye no kuramya mu buryo bwa gikirisitu, reba isomo rya Shepherds Global Classroom ryitwa *Introduction to Christian Worship*, riboneka kuri https://www.shepherdsglobal.org/courses

kudakurikiza amategeko y'Imana biratagа ko bafite. Kubera imyitwarire yabo, abantu babavugagaho ibintu bibi ndetse no ku Mana yabo (Abaroma 2:23-24).

Uhagarariye Imana bwoko ki? Ese abantu batekereza ko Imana yawe imeze ite? Niba ushaka ko abantu bamenya ko Imana ari iyera ibabarira kandi ikagira ubuntu, bagomba kubibona muri wowe.

Amatorero akeneye ko abapasitori bayo bigisha inyigisho zihoraho kandi zuzuye. Umupasitori ntakwiye kwirengagiza inyigisho z'ibanze. Abantu bo mu bihe byose bitandukanye ndetse n'abakijijwe vuba bakeneye kwigishwa izo nyigisho. Ndetse n'abizera bakuze mu mwuka bakwiriye kubyibutswa. Inyigisho z'umupasitori ntizigomba kuba gusa ibiganiro biteye amarangamutima, biryoheye amatwi, bigamije gushimisha abantu. Agomba gusobanura Imana akanasobanura uburyo imibereho ya GiKristu ikwiye guhura n'uko Bibiliya ivuga Imana mu buryo bwose burambuye.

Itorero rigomba guhindura sosiyete n'umuco, ariko ibyo bizashoboka gusa uko imyumvire yacu ya Bibiliya ku Mana izajya ikurikizwa mu bintu byose bigize imibereho yacu.

### Ibyo Gusangira mu Itsinda

► Ni ibihe bitekerezo muri iri somo byari bishya kuri wowe? Ni izihe mpinduka uteganya kuzana mu mibereho yawe ya GiKristu?

► Ni iyihe ngingo cyangwa igitekerezo wumva gikunze kwirengagizwa mu matorero yo mu muco wawe? Wasobanurira ute icyo gitekerezo umuntu usanzwe uzi?

### Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Ndashaka kuguhesha icyubahiro binyuze mu mibereho ijyanye n'imiterere yawe. Ndashaka kukwerekana mu isi itakugandukira.

Reka imibereho yanjye ihuze n'ukuri kwawe. Mfasha kwemera guhindura ikintu cyose kidakwiye kuba mu mibereho y'umwizera.

Urakoze ku Mwuka wawe uduha imbaraga n'ubuntu bwawe buhindura.

Amena

**Imikoro y'isomo rya 1**

(1) Andika igika kivuga ku ndangagaciro y' isi yagize ingaruka ku bitekerezo cyangwa imyitwarire yawe mu bihe bitambutse bya vuba. Hanyuma ushake ibyanditswe bivuga kuri iyi ngingo y'ubuzima ubyandike. Andika igika kivuga uko watangira kubaho mu buryo bwo gukurikiza ibyo byanditswe.

(2) Soma kandi wige Tito 2:11-14. Tegura ikiganiro kigufi kivuga ku bunyangamugayo bwa GiKristu gishingiye kuri iki cyandikwa. Koresha uyu murongo usobanure impamvu ari ngombwa gukoresha ukuri kw'Ibyanditswe mu bice byose by'ubuzima bwa buri munsi. Sangiza abandi iki kiganiro kw'itangiriro ry'isomo rikurikira.

# Isomo rya 2
# Umwitozo wo Kumvira Imana

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Gusesengura uburyo urukundo rwa GiKristu rufitanye isano n'ubuzima bwite bw'umwizera.

(2) Gusuzuma ku bice icumi by'ubuzima aho abizera bagomba kurushaho guhuza imibereho yabo n'amahame ya Bibiliya.

(3) Gusobanura nibura impamvu ebyiri zituma abizera batandukana mu buryo bashyira mu bikorwa amahame ya Bibiliya ajyanye n'imibereho yabo ya buri munsi.

(4) Gusobanura mu ncamake amahame icyenda (yatanzwe mu nyigisho) afasha gufata ibyemezo bijyanye n'imibereho.

## Umwana wumvira

Umubyeyi w'umunyafurika yasohotse ajya kureba umwana we muto wakiniraga munsi y'igiti. Aza gutungurwa cyane no kubona inzoka nini y'ubumara imanitse ku giti hejuru aho uwo mwana yakiniraga. Inzoka yagaragaraga nk'igiye kuruma uwo mwana w'umuhungu. Nyina yari azi ko aramutse agerageje kuburira umwana we, yahita areba hejuru aho kwihutira kuva aho. Aho kumusobanurira, yamuhamagaye amubwira ati, "Mwana wanjye, unama wegere hasi ku butaka aka kanya." Uwo mwana w'muhungu byaramutunguye, ariko kubera ko yari yarigishijwe kumvira, arabikora. Nuko nyina aramubwira ati, "Gendera hasi kandi ukambakambe unsanga." Yaramwumviye, bituma ahita akizwa iyo nzoka.

Kuki uwo mwana w'umuhungu yumviye ataranasobanukirwa impamvu y'iryo tegeko? Yubahaga nyina kuko yari yaratojwe kumvira hakiri kare, kandi iyo atumviraga yarahanwaga. Yanizeraga nyina kuko yari azi ko nyina amukunda. Dukwiriye kumvira Imana byuzuye, atari ukubera gusa ko dutinya igihano cyayo, ahubwo ko tuzi ko idukunda.

## Impamvu zitera Urukundo

► Ni ibihe bintu byagaragara ku muntu aramutse arushijeho gukunda Imana? Ushobora gusubiza iki kibazo urangiza iyi nteruro: "Iyaba nakundaga Imana kurushaho, nari kuba..."

Mu Abafilipi 1:9-11, hasobanura kimwe mu bigaragara igihe umuntu akunze Imana kurushaho.

> Kandi iki ni cyo mbasabira, ni ukugira ngo urukundo rwanyu rurusheho kugwiza ubwenge no kumenya kose, mubone uko murobanura ibinyuranye, kandi mubone

> uko muba abataryarya n'inyangamugayo kugeza ku munsi wa Kristo, mwuzuye imbuto zo gukiranuka ziheshwa na Yesu Kristo, kugira ngo Imana ishimwe kandi ihimbazwe.

Iyi mirongo ivuga iby'inzira ihoraho mu buzima bw'umwizera. Urukundo rwe rwagombye gukomeza kwiyongera. Uko urukundo rwe ku Mana rukura, niko ubushobozi bwo kumenya ibyiza burushaho gukomera no kwaguka. Uko amenya ibyiza kurusha ibindi, ni ko ahindura imibereho ye kugira ngo yibande kuri ibyo byiza. Ibi bigomba kuba kugira ngo uwizera abe inyangamugayo kandi adafite umugayo.

Nk'uko umwana wavutse aba afite urugendo rwo kwiga no gukura imbere ye, ni na ko natwe igihe duhinduwe ntiduhita dusobanukirwa ukuri kwose kugomba kutuyobora mu buzima bwacu. Muri iyi mirongo yavuzwe haruguru, Pawulo yandikiye abantu bamaze igihe bakurikira Kristo. Ariko Pawulo yasengaga ngo bakomeze gukunda Imana kurushaho, kandi urwo rukundo rubafashe kumenya no gukurikiza neza umugambi w'Imana.

Dukwiriye gutegereza gukomeza kunoza imibereho yacu uko Imana ikomeza kuduha ubwenge bwo gutandukanya ibikwiriye n'ibidakwiriye. Imana ishaka ko tuyumvira rwose mu buzima bwacu bwose, atari mu by'idini gusa.

Ntidukwiye kwibwira ko tumaze kumenya byose bijyanye n'uko dukwiye kubaho. Ntidukwiye kwibwira ko twamaze guhindura byose bikenewe mu mibereho yacu.

## Bimwe mu Bice Umwizera Akwiye Guteza Imbere Kurushaho

### (1) Kwitondera uburyo tugira ingaruka ku bandi (Imigani 22:1, Matayo 5:14-16)

Hari ibintu ukora waba utifuza ko abandi bakora? Wababazwa no kubona umushumba wawe akora ibintu nk'ibyo ukora?

### (2) Kwirinda (Imigani 16:32, Imigani 25:28; Abagalatiya 5:22-23)

Ese ubasha kugenzura amarangamutima yawe n'irari ryawe ku buryo ukora ibyo ugomba gukora, cyangwa hari igihe wemera ko bikurusha imbaraga bikagutera kwitwara nk'uko umuntu utizera yakitwara?

### (3) Kwita ku buzima (1 Abakorinto 6:19, 1 Abakorinto 10:31)

Ese wita k'umubiri wawe nk'igikoresho cy'agaciro kandi cyidashobora gusimburwa cyahariwe gukorera Imana? Kubera ko umubiri wawe ari uw'Imana, ntukwiye kwangirika. Ntukwiye kuwufata uko ubonye.

### (4) Amahitamo y'imyidagaduro (Abakolosayi 3:17, 1 Abakorinto 6:12)

Ese uburyo bwo kwidagadura ukunda bukuzanira intambara n'ibigeregezo, bikagutera ibitekerezo cyangwa imyitwarire mibi? Ujye witondera ibintu byose bigaragaza icyaha nk'ikintu cyiza cyangwa gisetsa.

**(5) Ikinyabupfura (Abaroma 13:9, Abakolosayi 3:19, 1 Timoteyo 2:8, 1 Petero 3:2)**

Jya wubaha abandi, kuko abantu baremwe mu ishusho y'Imana kandi bafite ahazaza h'iteka ryose. Abantu bafite imico yo kugaragaza ubupfura. Ugomba kwiga kugaragaza ubupfura ku buryo abantu babukubonamo. Ugomba kugira neza n'igihe umuntu atabikwiye.

**(6) Imyitwarire ikwiye mu bucuruzi (Imigani 20:23)**

Uri inyangamugayo mu byo ukora byose? Ese usobanurira abantu ibintu uko biri koko, cyangwa utuma umuntu atekereza ikintu uko kitari?

**(7) Kubahiriza igihe (Abagalatiya 5:14)**

Igihe ni umutungo ukomeye dukwiriye gukoresha mu buryo bwiza tukawukoreshereza neza Imana. Ese uha agaciro igihe cyawe n'igihe cy'abandi ugakurikiza gahunda igihe bishoboka?

**(8) Imyambarire (1 Timoteyo 2:9, 1 Petero 3:3-4)**

Ese imyambarire yawe igaragaza izi ndangagaciro?

- Kwihesha agaciro mu myambarire-guhisha umubiri neza bihagije
- Kwicisha bugufi — kutagerageza kwiyerekana cyangwa gushaka gushimwa cyane bitewe n'imyambarire yawe
- Kugira ubushishozi mu gukoresha amafaranga — kutagura imyenda ihenze kurusha iyo ukeneye.

**(9) Imivugire (Abakolosayi 4:6, Abefeso 4:29)**

Ikiganiro cyawe kiba gitunganye kandi kigahesha icyubahiro Imana n'abandi? Imvugo nyinshi abantu bo mu isi bakoresha mu buryo bwo gutangara, akenshi ziba zituruka mu buryo bwo gutuka cyangwa gusebya Imana.

**(10) Kwizerwa (Zaburi 61:8; Imigani 20:6; Imigani 28:20)**

Ese ujya ugera ku byo wiyemeje? Ese abantu bashobora kwiringira ko uzakora ibyo wavuze? Ese ujya wibagirwa amasezerano wasezeranije igihe ubona ko bikoroheye?

Abantu benshi ntibaha agaciro gakwiye ubushake bwo kurushaho kwiteza imbera no gukura. Bumva bafite inshingano zo gukurikiza gusa amabwiriza agaragara mu byanditswe gusa, ntibatekereza ko ayo mabwiriza afite ubusobanuro n'ingaruka nyinshi zitandukanye mu buzima bwa buri munsi.

Dukeneye kumenya ko kwiteza imbere mu buryo bwo mu mwuka bifitanye isano no kurushaho gukunda Imana. Dukeneye kuzirikana tubikuye ku mutima ku mirongo twatangiranye muri iri somo (Abafilipi 1:9-11). Niba urukundo rwacu rugenda rugwira, ubwenge bwo gutandukanya icyiza n'ikibi ndetse no guhitamo imyitwarire ikwiriye nabyo bigomba kugenda bitera imbere.

**Ibyo Gusangira mu Itsinda**

► Ni uruhe rugero rw'impinduka wakoze mu buzima bwawe ubwo Imana yakwerekaga ko hari kamere, akamenyero, cyangwa igikorwa kitari cyiza cyangwa kitari cyo mu buryo bwuzuye?

► Hari ikintu mu mibereho yawe uzi ko ugomba guhindura? Ese witeguye kugihindura?

► Hari icyo ukora utizeye ko gishimisha Imana?

► Ese witeguye kwemera ko Imana ikwereka binyuze mu gusenga ibyo ugomba guhindura?

Reka twiyemeze gusenga muri iki cyumweru dufite imitima ifunguye, kugira ngo Imana ibashe kutwereka indangagaciro zayo n'ibyo ishaka guhindura mu buzima bwacu. Ese waba wiyemeje kubikora? Icyumweru gitaha nzakubaza niba warabikoze.

**Gushyira mu Bikorwa ku Giti Cyawe Amahame ya Bibiliya**

► Wigeze ubona itandukaniro hagati y'abizera, cyane cyane ku bibazo ngiro bijyanye n'ibyo bemera gukora n'ibyo birinda? Kuki habaho iryo tandukaniro kandi bose bakoresha Bibiliya imwe? Niba hari itandukaniro hagati y'abizera, byaba bisobanura ko ibyo dukora nta mumaro? Kubera iki?

Ntabwo abizera bose bemeranya ku buryo burambuye bwo kubaho mu mahame n'indangagaciro za Bibiliya. Ariko uwakurikiye Kristo agomba kwita bikomeye ku ubuzima bugendanye nibyo yizera.

Imyitwarire, amahitamo y'imyidagaduro, n'imyambarire byose bigaragaza ibyo umutima urarirkira.

Dore amwe mu mahame buri mwizera akwiye kwibuka igihe cyose agerageza guhitamo igikwiye kigendanye n'ibibazo bimwe na bimwe by'imibereho ye.

**Amahame yo Gufata Ibyemezo Bijyanye n'Imibereho ya buri munsi**

**(1) Tugomba kumvira amategeko yose Bibiliya itegeka abizera.**

Muri Matayo 5:19,Yesu yagize ati,

> Nuko uzica rimwe ryo muri ayo mategeko naho ryaba ryoroshye hanyuma y'ayandi, akigisha abandi kugira batyo, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mutoya rwose. Ariko uzayakora akayigisha abandi, mu bwami bwo mu ijuru azitwa mukuru.

Ntidukwiriye guhitamo gusa ibyo twumva ko ari byo by'ingenzi kurusha ibindi. Nta tegeko na rimwe ryo mu byanditswe ryoroheje ku buryo twaryirengagiza.

**(2) Amategeko y'Imana ariho kubw'inyungu zacu.**

Gutegeka kwa kabiri 10:12-13,

> None wa bwoko bw’Abisirayeli we, Uwiteka Imana yawe igushakaho iki? Si ukubaha Uwiteka Imana yawe, ukagenda mu nzira ikuyoboye zose, ukayikunda, ugakoreshereza Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose, ukitondera amategeko y’Uwiteka y’uburyo bwose ngutegekera uyu munsi kukuzanira ibyiza?

Zaburi 84:12,

> Kuko Uwiteka Imana ari izuba n’ingabo ikingira, Uwiteka azatanga ubuntu n’icyubahiro, Ntazagira ikintu cyiza yima abagenda batunganye.

Imana ntibuza abantu ikintu kiza, kandi ntibategeka ikintu kibangiza. Ntitwabaho neza hatariho ibyo Imana itubuza. Kwirengagiza amabwiriza Yayo ni ugushidikanya ku bwenge n’urukundo rwayo. Tugaragaza ko twizera by’ukuri mw’ineza n’ubwenge bw’Imana igihe twumvira ibyo Ijambo ryayo ritwigisha aho gukurikiza ibitekerezo by’abantu.

**(3) Ubwigenge bwa GiKristu si ubwigenge bwo kutumvira Imana.**

Pawulo ibi yabibwiye abizera mu rwandiko rwe rwa 1 Abakorinto 9:21:

> Ku badafite amategeko [ya Mose] nabaye nk’udafite amategeko, kugira ngo nunguke abadafite amategeko, ariko ku Mana sindi udafite amategeko ahubwo ntwarwa n’amategeko ya Kristo.

Twabohowe ku mategeko—amategeko ya Mose ndetse n’imyitwarire myiza Imana isaba—nk’uburyo bwo gutsindishirizwa, kuko twakijijwe n’ubuntu, ntitubikesha gukora ibyo amategeko asaba. Twanabatuwe kandi ku gucirwa urubanza n’amategeko, kuko ibyaha twakoze byababariwe.

Nyamara ntitwabohowe ku gusabwa kumvira Imana cyangwa ku nshingano yo gukunda, “Bene Data, mwahamagariwe umudendezo, ariko umudendezo wanyu ntimukawugire urwitwazo rwo gukurikiza ibya kamere, ahubwo mukorerane mu rukundo” (Abagalatiya 5:13). Nk’uko mu 1 Abakorinto 9:21 (hejuru) hagaragaza, turi munsi y’ubutware bw’Imana. Ubushake bwayo bwahishuwe muri Bibiliya.

Bamwe batekereza nabi ko bagomba gukomeza amategeko y’Imana kugira ngo bababarirwe ibyaha, cyangwa kugira ngo bakure mu buryo bw’umwuka. Ukuri ni uko dukizwa ku bw’ubuntu binyuze mu kwizera, si ku bw’uko twubahiriza amategeko (Abefeso 2:8-9).

Nubwo gutsindishirizwa kwacu bidaturuka ku byo dukora, dukwiye kumvira Imana mu buzima bwacu bwose kuko twamaze gutsindishirizwa nayo. “Maze mubātuwe ku byaha, muhinduka imbata zo gukiranuka” (Abaroma 6:18).

Kubera ko dukunda Imana kandi dushima ubuntu bwayo, tuyumvira tubikuye ku mutima (1 Yohana 5:3). Kumvira kw’abatsindishirijwe ni ikimenyetso cy’urukundo bakunda Imana (Yohana 14:15).

**(4) Iyo dukunda Imana twifuza kumenya ubushake bwayo kuri twe, aho kubwirinda.**

Muri 1 Yohana 5:2-3 havuga ngo

> Iki ni cyo kitumenyesha ko dukunda abana b'Imana, ni uko dukunda Imana tugakurikiza amategeko yayo. Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko yayo kandi amategeko yayo ntarushya.

Yeremiya 31:33 havuga ngo, "Ariko isezerano nzasezerana n'inzu ya Isirayeli… Nzashyira amategeko yanjye mu nda yabo kandi mu mitima yabo ni ho nzayandika."

Umuntu ukunda Imana ntabanza kwibaza ati, "Ese Imana izancira urubanza ninkora ibi?" ahubwo aribaza ati, "Ni iki cyanezeza Imana kurushaho?" cyangwa "Ni iki cyiza kurusha ibindi?"(Abafilipi 1:10, Tito 3:8).

**(5) Ibyanditswe bitanga urufatiro rwo gushyiraho amategeko yihariye ku mibereho yacu.**

Bibiliya ntitanga amahame rusange gusa. Imirongo imwe y'Ibyanditswe igaragara mu mukoro wa 2, kandi itanga ishingiro ryo kubaho ubuzima bwa GiKristu bunoze. Imwe muriyo itanga amabwiriza asobanutse yerekeye uko UmuKristu akwiriye kubaho.

**(6) Amategeko arebana n'ubusobanuro ku ubuzima burambuye si yo y'ingenzi cyane mu byo twizera.**

Abafarisayo bakoze ikosa ryo gushyira umwanya munini cyane ku bintu bito. Muri Matayo 23:23 Yesu yarababwiye ati:

> Mwebwe banditsi n'Abafarisayo, mwa ndyarya mwe, muzabona ishyano kuko mutanga kimwe mu icumi cy'isogi na anisi na kumino, mukirengagiza amagambo akomeye yo mu mategeko, ari yo kutabera n'imbabazi no kwizera. Ibyo mwari mukwiriye kubikora, na bya bindi ntimubireke.

Uyu murongo ntuvuga ko hari ukuri kutagira agaciro, ahubwo uvuga ko hari ibintu bimwe bifite agaciro kurusha ibindi. Dukwiriye kwita cyane ku bintu by'ingenzi kurusha ibindi.

**(7) Kubahiriza amategeko ntibihagije kugirango tugaragaze ko twubaha cyangwa dukunda Imana.**

Mu kiganiro kimwe n'Afarizayo, Yesu yavuze ati (Matayo 23:25),

> Mwebwe banditsi n'Abafarisayo, mwa ndyarya mwe, muzabona ishyano kuko mwoza inyuma y'igikombe n'imbehe, ariko imbere yabyo huzuye ubwambuzi bwanyu no kutirinda.

Umuntu ashobora kubaho ubuzima bugororotse cyane ariko ntakunde Imana cyangwa ngo ayubahe mu buryo bukwiye. Ku rundi ruhande, umuntu ashobora gukunda Imana

n'umutima we wose ariko ntasobanukirwe impamvu z'igipimo runaka. Bityo, umuntu ukomeza cyane mategeko si ko buri gihe aba ari umunyamwuka (cyangwa yiyeguriye Imana cyane).

**(8) Kwizera ubuhamya bw'abandi ntibishingira ku bintu bito by'imyitwarire yabo.**

Mu Abaroma 14:10 Pawulo yabajije abizera

> Ariko ni iki gituma ucira mwene So urubanza? Kandi nawe ni iki gituma uhinyura mwene So? Twese tuzahagarara imbere y'intebe y'imanza y'Imana.

Uyu murongo ubarizwa mu gice kivuga ku myumvire itandukanye abizera bagira ku bibazo bifatika by'ubuzima. Akenshi hakunze kubaho kutumvikana ku buryo nyakuri ku byo uwiyemeje gukurikira Kristo akwiriye gukora cyangwa kudakora.

Undi mwizera ashobora kutemeranya n'ubusobanuro dutanga ku murongo w'ibyanditswe runaka, cyangwa akaba atabona ububi mu kintu twahisemo kwanga. Impamvu ishobora kuba ari uko Imana iri gukorera ku bice bitandukanye by'ubuzima bwe, cyangwa ko Imana yamushyize mu muco utandukanye n'uwacu. Ibi ntibivuze ko uwo muntu atari umwizera nyakuri.

► Utekereza iki kuri iri jambo? "Imana izereka buri wese ukuri ku buryo akwiye kubaho; ku bw'ibyo, abizera bose bagombye kugira imigenzo isa."

Abahisemo gukurikira Kristo ntibigeze bahuza ku buryo buhurijweho ku myitwarire yose y'ubuzima. Abantu bakunda Imana kandi babaho mu buryo buyinezeza bose ntibahuriza ku migenzo no ku mahame y'imyigishirize arambuye. Ni ikosa kuvuga ko abandi atari abizera kuko basobanura cyangwa basohoza ibyanditswe mu buryo butandukanye n'ubwacu. Dushobora kwemera ko ari abizera b'ukuri n'ubwo twaba tubona ko ibitekerezo byabo bitari byo. Umurimo w'Umwuka Wera ntutera abizera bose kugira kugira imibereho isa.

Dukwiriye no kuba twiteguye kwiga ku bitekerezo by'abandi bizera. Ubwibone butuma ntekereza ko mpora nsobanura cyangwa nkoresha ibyanditswe neza uko bikwiye. Ariko umutima wicisha bugufi, uba witeguye kwigishwa kandi wemera abandi, wubaka ubumwe bwa GiKristu kandi wubaka umubiri wa Kristo.

**(9) Kwihanganira ibitekerezo bitandukanye ntibivuze ko wemerewe kwitwara uko wiboneye.**

"Umuntu wese namenye adashidikanya mu mutima we" (Abaroma 14:5b).

"Ariko urya ashidikanya wese aba aciriwe ho iteka kuko atabiryanye kwizera, kandi igikorwa cyose kidakoranywe kwizera kiba ari icyaha" (Abaroma 14:23).

Iyo umuntu atumviye ibyo umutimanama we umuhatira, ibyago nibyo bikurikiraho. Iyo umuntu afashe umwanzuro wo gukora ikintu yibwira ko ari kibi, aba akoze icyaha. Iyo umuntu agendeye m'umucyo yahawe n'Imana ahabwa imigisha (1 Yohana 1:7).

## Ibyo Gusangira mu Itsinda

Nta ngorane nimwe izabaho mu gutangiza ikiganiro kuri iyi ngingo. Bamwe mu banyeshuli bashobora gushimangira ko amatorero asaba amategeko agenga imyitwarire. Abandi na bo bashobora gushimangira ko habaho kwihanganira itandukaniro.

Gerageza ko amahame icyenda yavuzwe haruguru ahabwa agaciro gakwiriye.

► Ni iyihe muri aya mahame wumva abantu benshi bibagirwa?

► Ni iyihe muri aya mahame wumva ari yo ushobora kwibagirwa cyane?

## Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Ndifuza ko ndushaho kugukunda. Ndifuza kurushaho kumenya ubushake bwawe kuri njye.

Mfasha kumenya gutandukanya icya kunezeza kurushaho kugirango mbashe kubaho ubuzima bwera kandi butagira ibyaha.

Umfashe mbashe kubona imyitwarire ndetse n'imyumvire ikwiye guhinduka, kandi mbashe kungukirwa imyitwarire n'imyumvire iguhesha icyubahiro.

Ndifuza kwera imbuto ziguhesha icyubahiro.

Amena

## Imikoro y'isomo rya 2

(1) Iga 1 Abakorinto 13. Iki gice gisobanura ubuzima bw'umuntu ufite urukundo akwiye gukunda bagenzi be. Reka Imana ikwereke uburyo ishaka kuguhindura kugira ngo ubuzima bwawe burusheho kugira urukundo. Kora urutonde rw'ibyo wifuza ko Imana yagufasha guhindukaho mu buzima bwawe.

(2) Iga kuri ibi byanditswe bitanga urufatiro rw'imyitwarire y'UmuKristu akwiye kwitondera.

- 1 Abakorinto 6:19-20
- 1 Abakorinto 10:31
- 1 Abakorinto 11:14-15
- 1 Timoteyo 2:9-10
- 1 Petero 3:3-4
- Zaburi 19:14
- Zaburi 101:3

Andika ibisobanuro by'ingenzi bya buri murongo. Sobanura ibyerekeye imyitwarire y'ubuzima wemera ko ukwiye gukurikiza kubera ibyo Byanditswe.

# Isomo rya 3
# Umurimo

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Gusobanura icyo Bibiliya yigisha ku umurimo.

(2) Kugaragaza Imico iranga imyitwarire myiza y'UmuKristu ku murimo.

## Lawrence, Umukozi w'Imana

Lawrence yari umumonaki wicishije bugufi wabaga mu kigo cy'abihayimana mu kinyejana cya cumi na karindwi (1600s). Yamamaye kubera gukora imirimo isanzwe nko koza amasahani no guhata ibirayi, akabikora kubera urukundo akunda Imana, kandi agahora yibuka ko Imana iri kumwe na we. Yahoraga ashyira Imana ku isonga mu buzima bwe bwose, harimo n'akazi ke ka buri munsi.

*The Practice of the Presence of God* ni igitabo kigufi cyane, ariko kimaze gusomwa n'abantu miliyoni nyinshi. Kirimo ibiganiro n'inyandiko za Lawrence. Yanditse agira ati: "Kwera kwacu ntigushingiye ku guhindura imirimo dukora, ahubwo gushingiye ku gukora ibyo dusanzwe dukora tubitewe no gukunda Imana aho kubikorera inyungu zacu bwite."

► Umurimo ni iki? Ese umurimo ni ukugira akazi gusa—guhabwa akazi n'umuntu ngo umukorere ikintu runaka?

Umurimo harimo akazi ko gukorera umushahara, ariko kandi harimo no kwita ku buzima bwacu n'ubw'abandi, gucunga ibyo dufite, guhanga, gukora ubucuruzi buzana inyungu, no gufasha abandi nta kiguzi.

► Ese uwizera akwiye gukora? Kubera iki?

Abantu benshi batekereza ko byaba byiza cyane kugira amafaranga ahagije ku buryo haba hatagikenewe gukora. Batekereza ko ubuzima bwiza ari ubwo kubaho umuntu yinezeza gusa.

## Ubusobanuro Bibiliya itanga ku Umurimo

Tekereza uburyo Imana yaremye isi mu ntangiriro. Yari itunganye (Itangiriro 1:31). Yari itunganye kandi yari nziza ku bantu ba mbere Imana yaremye. Imana yahaye akazi abantu ba mbere (Itangiriro 1:28). Imana yari gushobora kurema isi ku buryo yari guhaza ibyifuzo byose by'abantu nta murimo, ariko siko yabikoze. Imana yari izi ko ubuzima bwiza ku bantu burimo umurimo.

Imana yateganyije ko umurimo uhuza n'imibanire yacu n'abandi. Abantu bagomba kwiga gukorera hamwe, kwishingikiriza ku bandi, kwizera ko mugenzi wawe azasohoza inshingano ze na we gusohoza inshingano zawe kuri mugenzi wawe, gukoresha imbaraga zabo no gufasha abandi mu bukene bwabo, guhangana n'ibibazo bafatanyije, gukemura amakimbirane, gukosora amakosa, kwigishwa, no kwigisha abandi.

Imana yahaye abantu ububasha n'inshingano zo gucunga isi, kuyiyobora, no kuyiteza imbere kugira ngo icyubahiro cy'Imana kigaragare. Iyi nshingano ni yo yatumye habaho iterambere ry'ubuhinzi, ubworozi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, n'iterambere ry'ikoranabuhanga.

Imana yaturemye turi hejuru y'ibindi biremwa kuko dufite ishusho yayo muri twe. Zaburi 8:7-9 haravuga ngo

> Wamuhaye [umuntu] gutegeka ibyo waremesheje intoki zawe, Wamweguriye ibintu byose ubishyira munsi y'ibirenge bye. Wamuhaye gutwara intama zose n'inka, N'inyamaswa zo mu ishyamba na zo, N'ibiguruka mu kirere n'amafi yo mu nyanja, N'ibinyura mu nzira zo mu nyanja byose.

Kubera icyaha cya mbere, isi yaje guhinduka, kandi umurimo nawo wajemo ibibazo byinshi n'ibigoye bitari mu mugambi w'Imana wa mbere (Itangiriro 2:17–19). Ariko, tugomba kumenya ko Imana yagennye ko dukenera umurimo.

Umurimo dukora usa n'uwo Imana yakoze wo kurema. Umurimo ni uburyo umuntu akoresha mu guhindura no gutunganya ibimukikije. Gushaka imibereho si cyo cyonyine kigamijwe mu gukora umurimo. Abantu bafite kamere ibashishikariza guhindura ibibakikije. Bagerageza kunoza no gutunganya neza amazu yabo. Bagerageza gukuraho no kujugunya imyanda. Umuntu utagikunda gukora aba yatakaje inyota n'ubushobozi bwo guhindura ibimukikije. Aba arimo kureka igice cy'ubumuntu bwe.

► Utekereza iki iyo ubona inzu cyangwa ikibanza kititaweho neza?

Uburyo umuntu yifuza guhanga, gutegura, gutunganya neza no gukora—umurimo—ni kimwe mu bice bigaragaza ishusho y'Imana mu muntu. Niyo mpamvu umurimo wose uba wera k'uwizera. Umurimo wose uba ari igikorwa cyo kuramya iyo ukorwa mu kunezeza Uwiteka (Abakolosayi 3:17, 23). Yesu yavuze ko Se yakoraga, bityo ko na we akora (Yohana 5:17).

Ntukwiye gutekereza umurimo nk' ikintu cy' ingenzi ariko kitanejeje kugikora, nk'uko umuntu anywa umuti igihe arwaye. Umurimo si ikintu gusa gikenewe kugira ngo umuntu abone uko abaho. Ni kimwe mu bintu Imana yateguriye abantu.

Mu 2 Abatesalonike 3:10 havuga ko dukwiye gukora, "kuko iki ari cyo twabategetse tukiri kumwe namwe, ngo umuntu wese wanga gukora ntakarye."

Tugomba gukora iki igihe umurimo wacu usa n'udafite agaciro? Mahatma Gandhi yagize ati, "Icyo ukora gishobora kugaragara nk'ikidafite agaciro, ariko icy'ingenzi cyane ni uko ukora

icyo kintu." Tekereza umuntu w'umugabo wahawe akazi ko gukoropa. Ibyo bishobora kugaragara nk'akazi kadafite agaciro, ariko n'icyemezo gikomeye yafashe mu gukora ako kazi. Iyo ajya kuri ako kazi buri munsi, aba ahitamo gukora ako kazi aho gupfusha igihe cye ubusa adakora ikintu na kimwe kandi atagirira akamaro undi muntu uwo ari we wese. Aba ahisemo kwikorera inshingano zo kwitunga aho kuba umutwaro ku nshuti cyangwa ku muryango. Arimo kwita ku bamwishingikirijeho, ahari byashoboka ko ari umugore cyangwa abana, aho kubahatira gushakisha ubufasha ahandi. Ibyo byose bidufasha gusobanukirwa ko nubwo umurimo ubwawo ushobora gusa n'utagira agaciro, ariko bifite agaciro cyane kuba yarahisemo kuwukora.

Ese koko hariho umubare munini w'abantu badashoboye gukora? Oya. N'ubwo umuntu yaba adashoboye kubona akazi kamwishyura, birashoboka cyane ko hari icyo yakora gifasha mu kuzuza iby'abandi bakeneye.

Abayoboke ba Kristo bagomba gukora kuko bafite inshingano zo kwiyitaho no kwita ku bandi. Ntibakwiye kwitega ko abandi bazabarwanaho cyangwa kubitaho mu gihe batiteguye gukora ibyo nabo bashoboye.

Umwizera ashinzwe mbere na mbere ibyo kwita k'umuryango we. "Ariko niba umuntu adatunga abe cyane cyane abo mu rugo rwe, aba yihakanye ibyizerwa, kandi aba abaye mubi hanyuma y'utizera" (1 Timoteyo 5:8).

Umwizera asabwa n'Ibyanditswe gukora kugira ngo abashe gufasha abandi kuzuza ibyo bakennye. "Uwibaga ntakongere kwiba, ahubwo akore imirimo akoreshe amaboko ibyiza, kugira ngo abone ibyo gufasha umukene" (Abefeso 4:28). Reba itandukaniro riri hagati y'uwiba, agatwara ikintu kitari icye ntacyo atanze, n'ukora akazi kugira ngo abone icyo aha abandi. Uwizera si udakora icyaha cyo kwiba gusa, ahubwo ni ukora kugira ngo abone icyo aha abandi.

Ushobora kubona icyo wakora kabone n'iyo waba utahawe akazi n'umuntu ngo umukorere. Shaka uburyo bwo gufasha abandi no guhaza ibyo bakeneye. Ni byiza kubaho utyo aho kwicara ubusa ugahora unenga ko nta muntu ugufasha.

Abizera bakwiye gukora kugira ngo bitunge, batunge n'imiryango yabo, kandi babone uko bafasha abandi bafite ibyo bakeneye.

### Uburyo busanzwe Imana ikoresha iduha ibyo dukeneye

► Ni iki wabwira umuntu uvuga ko atazakora kuko yiringiye ko Imana izamuhaza?

Tekereza nko mu gihe cy'icyi winjiye mu gikari cyawe ukabona igice kinini cyaho cyuzuyemo inyanya, ibigori, ibishyimbo n'imboga zitandukanye, kandi bikaba bihagije bikazamara igihe kirekire.

Ese Ibyo byaba ari igitangaza? Byabaye ku bantu ibihumbi mu gihe cy'impeshyi iheruka nabo byabagendekeye uko. Bagiye mu bikari byabo basanga ibyo byose byarameze ndetse n'ibirenzeho. Ariko ibyo ntibyabatangaje cyangwa ngo bibatungure,kuberako amezi make

mbere bari barahinze ubutaka, maze bateramo imbuto,mu mezi menshi bakomeza kuvomera no kubagarira, hanyuma baza gusanga ibihingwa byarameze, byari ibyo bari biteze.

Ushobora gusubiza uti: “Noneho, ntabwo cyari igitangaza na gato!” Ariko Imana ni yo yaremye ibimera miliyoni, naho abantu ntibigeze barema n’ikimera habe na kimwe. Zaburi 104:14 ivuga iti, “Amereza inka ubwatsi, Ameza imboga zo kugaburira abantu, Kugira ngo abakurire umutsima mu butaka.” Imana niyo ibikora, ariko abantu babyitegura binyuze mu guhinga ubutaka, gutera imbuto, ndetse aho bikwiye bakanabwuhira.

Abantu benshi batekereza igikorwa cy’Imana nk’ikintu kidasanzwe, ikintu gihabanye n’itegeko kamere, nk’igihe Yesu yakizaga indwara cyangwa igihe izuba ryahagararaga. Ugendeye kuri ibyo ushobora kubonako gukura kw’ibihingwa atari igitangaza cyangwa ukabibona nk’ikintu gisanzwe.

Mu kwifuza igitangaza cy’Imana akenshi twirengagiza uburyo busanzwe Imana isanzwe ikoramo ibintu. Miliyoni z’abantu bashobora kujya mu bikari byabo uyu munsi ariko ntibasangemo ibimera cyangwa ngo babashe kubona icyo barya. Kubera ko nta musanzu wabo bashyize mu buryo Imana ikoresha mu gutanga ibiribwa. Uburyo ibiribwa bikura ni urugero rumwe gusa rw’ukuntu Imana isanzwe ikora. Urugero, uburyo busanzwe Imana itanga ibyo umuntu akeneye ni uburyo bunyuze mu murimo w’abantu. Imigani 14:23 hatwigisha ko “Umurimo wose utera inyungu,” mu gihe Imigani 19:15 hatuburira ko “Uwinaniwe arananuka.”

Hariho abantu bifuza ko Imana yabaha ikintu ariko bananirwa kwakira amahirwe yo gukora, kuko ayo mahirwe atari ibyo bifuza gukora.

Tuvuge ko witeguye gukora ariko ukaba utarabona umuntu waguha akazi? Hari umurimo ushobora gukora wo gufasha abandi, kandi binyuze muri uwo murimo, bimwe mu byo ukeneye bishobora guhazwa. Niba ntakazi ufite, ufite umwanya. Kuki utareba ahantu ukareba icyo wakora kugira ngo ugire icyo ufasha undi?

Ibaze nk’umugabo udafite akazi, umara amasaha menshi buri munsi yicaye adakora ikintu na kimwe Ese koko nta kintu na kimwe cy’ingirakamaro afite cyo gukora? Mu baturanyi be hari abantu bakeneye ubufasha. Mu busitani bwe no ku muhanda hari imyanda igomba gusukurwa. Hari ubutaka bwahingwa kugira ngo bubashe gutanga ibiribwa. Hari ibitabo bishobora kuba bihari byo gusoma kugira ngo yunguke ubumenyi. Hari umuntu ashobora gusengera. Umugabo wicaye ntacyo akora afite umukozi umwe—ni we ubwe—ariko uwo mukozi ntacyo ari gukora cyangwa ngo yiteze imbere. Nta bwo ari umukoresha mwiza ku bwe, bityo rero birashoboka cyane ko atazahabwa amahirwe yo kuyobora abandi.

Mu bihe byinshi no mu bihugu byinshi, abantu benshi ntibakodeshwa ngo bakorere undi muntu. Bakora ibintu byo gucuruza cyangwa batanga serivisi ku bandi bantu. Ibi byose ni inzira Imana ikoresha iduha ibyo dukeneye.

## Amahame ya Bibiliya ku Umurimo wa GiKristu

Amahame yo kugira inshingano no kuba inyangamugayo atanga imyitwarire ikwiye y'ibanze umuKristu akwiye gukurikiza k'umurimo we.

► Umwizera akwiriye ate gukurikiza amahame ya Bibiliya igihe akorera umukoresha we?

Isezerano rishya ritanga amabwiriza agenewe abakozi. Mu gihe ibitabo by'Isezerano rishya byandikwaga, abakozi benshi bari abacakara. Muri ibi bihe byanone, umucakara atandukanye n'umugaragu kuko ashobora kubona amahirwe yo kwimukira ku yindi mirimo. Ubwo bwisanzure butuma ashobora kwemera cyangwa kwanga ibyo yashyiriweho mu masezerano y'akazi. Ariko, niba bemeye gukora bahabwa inyungu runaka, Bibiliya ibasaba kuba abakozi beza igihe cyose bagikorera uwo mukoresha.

Ushobora kuba mu mwanya aho udafite ubwisanzure bwo guhitamo umurimo ushaka gukora. Wenda aho ukorera ushobora kuba utotezwa cyangwa ubangamiwe. Ukwiye gukomeza kugira imyifatire ya Kristo. Abantu bamwe iyo bahatiwe gukora, bakora buhoro kandi nabi kuko baba bashaka kugaragaza ko batanejejwe nako kazi. Iyo umuntu akoze atyo, aba agaragaje ko atisanzuye mu kazi. Ugomba gukora wishimye kandi ukarushaho gukora umurimo neza, niba wifuza kwigenga. Iyo ukora utyo, uba wisanzuye, kuko nta muntu ushobora kuguhatira gukora ibyo.

Niba nta muntu uraguha akazi, uba wiyobora wowe ubwawe. Ese wowe ku giti cyawe, uri umukozi bwoko ki?

### Abefeso 6:5-8 — Ihame ry'Inshingano

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abefeso 6:5-8 . Muganire ku bisobanuro by'iki gice, hanyuma murebe urutonde ruri hepfo kugira ngo mwongere ku byo mwabonye.

Bimwe mu byo dushobora gushyira mu bikorwa mu Abefeso 6:5-8:

1. Umukozi agomba kumvira umukoresha we, atari igihe amuhagarikiye gusa, ahubwo igihe cyose. Ibyo bivuze kandi ko atagombye kwirengagiza utuntu n'utundi azi neza ko ahari tudashobora kugenzurwa ("...Ntimukabakorere bakibahagarikiye gusa...").
2. Umukozi akwiriye gukomeza ireme n'umwete mu kazi ke nk'ukorera Imana ("...nk'imbata za Kristo, mukore ibyo Imana ishaka..").
3. Umukozi azahabwa Umugisha n'Imana k'ubudahemuka mu murimo we ("azacyiturwa n'Umwami...").

### Tito 2:9-10 — Ihame ry'Ubunyangamugayo

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri Tito 2:9-10 Muganire ku bisobanuro by'iki gice, hanyuma murebe urutonde ruri hepfo kugira ngo mwongere ku byo mwabonye.

Bimwe mu byo dushobora gushyira mu bikorwa muri Tito 2:9-10:

1. Umukozi akwiye kugaragaza kubaha mu gusubiza amabwiriza y'umukoresha we ("...batajya impaka..."). Ni izihe ngaruka zigaragara iyo umukozi avuga nabi umukoresha we mu buryo butubashye imbere y'abandi bakozi?
2. Umukozi ntakwiye kwiba umukoresha we, n'iyo yaba yumva ko akwiriye guhembwa menshi kurusha ayo ahembwa ("...batiba...").
3. Ubudahemuka ku murimo ni ubuhamya ku butumwa bwiza; kutaba indahemuka ni igisebo ku butumwa bwiza ("...bizihize inyigisho z'Imana...").

► Ni izihe ngero z'uburyo abantu bagaragaza guhemuka ku murimo? Sobanura uko umwizera akwiriye gutandukana n'abandi.

Imirongo yo muri Tito no mu Befeso ivuga ku buryo umuntu akwiriye gukora neza iyo akoreye undi muntu. Ayo mabwiriza kandi akomeza kubahirizwa n'umuntu wahawe akazi ko kubaka ikintu runaka cyangwa gusana. Akwiriye gukora umurimo ufite ireme nk'uwo yifuza ko undi yamukorera. Umuntu ukora ibintu agamije kubigurisha, ntakwiye guhisha ibitagenda neza ngo abaguzi batekereze ko ari ibyiza kurusha uko biri.

## Guteza Imbere Imico Yifuzwa mu Murimo

Ni iyihe mico abatanga akazi baba bifuza ko umukozi agira? Ubushakashatsi bwerekana ko abatanga akazi bashaka abantu bafite imyitwarire myiza ku bijyanye n'umurimo. Bifuza abantu bo kwizerwa kandi biteguye kwiga. Akenshi abantu bahabwa akazi kubera imyitwarire yabo ku murimo kurusha ubumenyi cyangwa impano zabo. Imana na yo yita ku myitwarire yacu ku murimo, nk'uko twabibonye muri Bibiliya.

Teza imbere imico ikugira umukozi ufite agaciro. Ukwiriye kuba witeguye gukorera abandi. Ukeneye kuba inyangamugayo, wizerwa kandi wihangana. Bamwe mu bantu badafite akazi batekereza gusa ku byo bakeneye. Umukoresha ntabwo aguha akazi ko kugufasha, ahubwo aguha akazi ngo umufashe. Ukeneye kuba umuntu ufite agaciro k'umukoresha.

Umuntu ashobora kwibwira ati, "Nzaba umuntu ugira urugwiro, nzafasha kandi nzaba inyangamugayo niba bazabinyishyurira," ariko abakoresha ntibatanga akazi ku muntu utari umunyarugwiro ngo abe umunyarugwiro. Ntibakoresha umuntu w'umuhemu ngo bamuhembere kuba inyamugayo. Uwo bashaka guha akazi, ni umuntu ugira urugwiro, ufasha kandi w'inyangamugayo.

Mu itorero ibintu biratandukanye. Ntidutegereza ko abantu baduha cyangwa bagira urugwiro ngo tubone kubafasha. Imana na yo ikugirira neza kandi iguha umugisha mbere y'uko ukora ikiza na kimwe. Ariko ku bw'inyungu zawe bwite, ukwiye gutangira guhindurwa n' ubwo buntu. Menya gutanga, gukorera abandi, no guseka unezerewe.

Teza imbere imico yawe. Menya ubumenyi binyuze mu gukorana n'abantu basanzwe babufite. Wenda ushobora gutanga serivisi ifasha abandi. Wenda ushobora gukora igicuruzwa cyo kugurisha. Wenda ushobora guhinga imyaka. Icy'ingenzi cyane ni uko ugira

imyitwarire yo gufasha abandi n'iyo bitakungura. Imana izaha umugisha umurimo wawe wo gukorera abandi.

Gukorera abandi bisobanura iki? Gukorera abandi ni ugukoresha ubushobozi, igihe, n'imbaraga zawe kugira ngo wungure undi muntu.

Waba uri gukorera umukoresha cyangwa utari kumukorera, gukorera abandi bizagusaba ko wiyima bumwe mu burenganzira bwawe ndetse n'inyungu zawe. Urugero, niba uri gukorera abandi, ushobora kutabasha kuryama kugeza igihe ushaka mu gitondo, kandi ntushobora gukoresha igihe cy'akazi ukora ibyo wifuza. Wegurira ibice by'ubuzima bwawe gukora akazi uhemberwa. Akazi kandi kagira ingaruka ku buryo wambara no ku buryo witwara ku bandi.

Kuba witeguye gukorera abandi bitanga ibyiza byinshi.

1. Bituma wubaka umubano n'abandi, ugasanga habayeho guhazwa kwa bimwe nawe warukeneye. Kenshi ibi bibaho mu buryo butateganyijwe, bityo si uko ugomba gufasha gusa abantu wumva ko bazagukorera ikintu runaka.
2. Biguha kugira umumaro mu itorero, ariwo mubiri wa Kristo.
3. Bishobora gutuma uba uwo umuntu runaka yakwifuza guha akazi.

Ese byagenda bite uramutse utangiye kugira imitekerereze mishya—ugashakisha uburyo wakorera abandi? Yesu yavuze ati, "Gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa" (Ibyakozwe n'Intumwa 20:35). Ese ibyo urabyizera? Ese ubayeho ubuzima bw'ibyo wizera?

Hari ihame rigaragaza ko tugomba gutekereza ku byo abandi bakennye, aho kwibanda gusa ku byacu bwite (Abafilipi 2:4). Hari n'ihame ngiro. Ibuka ko abaha akazi abandi akenshi batabikora bagamije kubafasha. Baha akazi umuntu kuko batekereza ko uwo muntu ashobora kuzuza icyo uwo wamuhaye akazi akeneye. Niba umuntu abasha gusa gutekereza ku byo ashaka ko abandi bamukorera, ashobora kuba uwo adakwiriye rwose guhabwa akazi.

Iyo abantu bafite ubushake bwo gukora umusaruro uraboneka. Izo nyungu zisa n'ibitangaza iyo zibaye zitunguranye, ariko Imana ifite uburyo busanzwe izigeza mu buzima bwawe.

Birashoboka ko ari ugutakaza igihe kwiringira, kwifuza, cyangwa gusenga Imana ngo ikore igitangaza utiteguye gukora, kugira ngo wakire ubufasha mu buryo Imana ikunda gutangamo.

**Ibyo Gusangira mu Itsinda**

► Umwe mu banyeshuli ashobora kuvuga uko gukorera neza akazi umukoresha we byamuhesheje amahirwe yo kubwiriza ubutumwa bwiza.

► Umuntu umwe ashobora gusangiza inkuru y'uko gufasha umuntu wo mu gace atuyemo byabaye urugero rwiza rw'urukundo rwa GiKristu.

► Itsinda rikwiye kuganira rikungurana ibitekerezo ku mahirwe y'akazi aboneka ku muntu udafite akazi.

**Isengesho**

Data uri mu Ijuru,

Ndagushimiye cyane ku bw'umugisha wo gukora nshyizemo ubuhanzi n'ubwenge. Mfasha kubona amahirwe ahari yo gukorera no gufasha abandi. Haza ibyo nkennye mu gihe ndi kugerageza kwifasha ndetse n'abandi.

Umpe ubushobozi kugira ngo mbashe gufasha umuryango wanjye, gutanga mu itorero, ndetse no gufasha abandi bafite ibyo bakennye.

Mfasha kugira ubunyangamugayo no kwizerwa mu nshingano zanjye zose. Untegurire kwakira amahirwe manini n'inshingano ziremereye, niba ari ibyo ushaka. Urakoze ku bwo kumbera indahemuka iteka.

Amena

**Imikoro y'isomo rya 3**

(1) Iga ibi byanditswe:

- Imigani 6:6-11
- Imigani 10:4-5
- Imigani 12:11, 24, 27
- Imigani 13:4, 11
- Imigani 14:23
- Imigani 18:9
- Imigani 20:13
- Imigani 22:29
- Imigani 24:30-34
- Imigani 26:13-16

Andika ipaji ivuga ku ngingo n'ukuntu zakwifashishwa ku bijyanye n'umurimo ndetse uvuge no k'ubunebwe wifashishije ibyanditswe biboneka haruguru.

(2) Korana n'umunyeshuri mugenzi wawe gutegura ikiganiro kigufi ku ngingo imwe iri ku rutonde rukurikira. (Umuyobozi w'ishuri azaha buri tsinda insanganyamatsiko.) Muzasangize abandi ikiganiro ku ntangiriro y'isomo rikurikira.

- Umurimo n'ishusho y'Imana mu muntu
- Umurimo n'inshingano zo kwiyitaho ndetse no kwita ku abandi
- Uko umukoreshwa w'umu Kristo akwiriye kwitwara k'umurimo (Iki kiganiro kigomba gushingira ku Abefeso 6:5-8 na Tito 2:9-10)
- Uburyo Imana isanzwe itegurira abantu ibyo bakeneye
- Umurimo n'imibanire n'abandi

# Isomo rya 4
# Imibanire

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Gushyira mu bikorwa ihame ry'urukundo, amahoro no kubahana mu mubano afitanye n'abandi.

(2) Kwakira amategeko icyenda ashingiye kuri Bibiliya afasha Umwizera kugira amagambo abera umugisha abandi kandi ashimisha Imana.

## Robinson Crusoe, Watunguwe n'Imibanire

Mu nkuru y'igitekerezo ya Robinson Crusoe, umugabo warokotse impanuka y'ubwato mu nyanja yaje koga agera ku kirwa. Yahamaze amezi menshi ari wenyine. Yiyubakiye aho kuba, akora imyambaro, kandi yiga uko yabona icyo kurya. Hanyuma, umunsi umwe ari kugenda hafi y'inyanja, yatunguwe no kubona ikirenge cy'umuntu mu mucanga. Byasobanuye ko hari undi muntu wari uhari. Ntiyari azi ko uwo muntu yaba inshuti cyangwa umwanzi. Ntiyari azi ikintu na kimwe ku mico y'uwo muntu, ururimi avuga, ubwoko bwe, cyangwa impamvu yamuzanye aho hantu. Ntiyari azi uko uwo muntu ashobora kuzahindura ubuzima bwe kuri icyo kirwa. Kuko imibanire igira ingaruka ikomeye ku buzima bw'umuntu, Robinson yagize icyizere n'ubwoba icyarimwe ubwo yabonaga icyo ikirenge.

## Akamaro k'Imibanire mu Iterambere ry'Umwuka

Itorero ry'ikinyejana cya mbere, ryari rigizwe n'abagabo n'abagore, Abayahudi n'abanyamahanga, n'abantu baturutse mu byiciro byinshi by'imibereho n'imico itandukanye, ryagombaga kuba ryiteguye gukemura amakimbirane atandukanye. Intumwa Pawulo yababwiye ko bagomba kwakirana (Abaroma 15:7).

► Tekereza umugabo uri wenyine ku kirwa. Ese ashobora kwihanganira umuntu uwo ari we wese? Ese yababarira uwo ari we wese?

Ntushoboraga gukura no kugaragaza kamere ya gikirisitu yo kwihangana udafite umubano n'abandi bantu. Ntiwababarira abandi cyangwa ngo ubabarirwe udafitanye umubano n'abandi.

► Ni iyihe mico yindi n'ibikorwa bya gikirisitu bisaba kuba hamwe n'abandi bantu?

Ibi bibasha kubaho kubera imibanire n'abandi bantu. Imico ishobora gutezwa imbere no kugaragazwa gusa mu gihe hariho imibanire. Ibyo bivuze ko imibanire yacu n'abantu bigira ingaruka nyinshi ku iterambere ryacu ryo mu buryo bw'umwuka.

Bibiliya itanga amabwiriza ku moko atandukanye y'imibanire. Hari amabwiriza yihariye agenga imibanire hagati y'abagabo n'abagore, ababyeyi n'abana, abakoresha n'abakozi, abapasitori n'amatorero, ndetse n'abasheshakanguhe n'urubyiruko.

Hari byibura amahame atatu ari muri Bibiliya akurikizwa mu bwoko ubwo ari bwo bwose bw'imibanire y'abantu: amahame y'amahoro, urukundo, no kubaha.

## Ihame ry'Amahoro

"Mugire umwete wo kubana n'abantu bose amahoro n'uwo kwezwa, kuko utejejwe atazareba Umwami Imana" (Abaheburayo 12:14).

Uyu murongo ugaragaza akamaro k'imibanire mu buryo bukomeye cyane. Kwera bifitanye isano rikomeye no guharanira amahoro n'abantu bose.

► Ni ibihe bintu tugomba gukora kugira ngo duharanire kugira amahoro n'abantu?

Guharanira amahoro, byibura bizagusaba gufata buri muntu uko akwiye gufatwa (Abaroma 13:7). Abo ugomba gushimira, kubaha, cyangwa kumvira, ugomba kubaha ibyo. Nuba utabikoze, uba ushinjwa guteza amakimbirane. Niba utuzuza inshingano zawe, ukaba utubahiriza amasezerano yawe, cyangwa ngo uhe abandi ibyo ubakwiye, ntabwo uba uri guharanira amahoro. Iyo wamenye ko utabashije gutanga ibyo ukwiye, ugomba gusaba imbabazi no kuzuza inshingano zawe uko ushoboye kose.

Ariko guharanira amahoro bisaba byinshi kuruta gusa gutanga ibyo umuntu akwiye. Bikubiyemo gukunda no gutanga urukundo ku muntu udafitiye umwenda wo kubikorera.

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri Tito 3:2-3.

Tugomba kwihangana no kubabarira, twumva ko abantu batarahinduka bagira imyitwarire mibi ndetse n'ibyifuzo bidahwitse.

Niba ushaka amahoro, uzanifuza gushaka ubwumvikane igihe habayeho amakimbirane. Uzaba witeguye kubabarira. Uzirinda gutekereza vuba ko amahoro adashobora kugarurwa. Ntabwo uzemera byoroshye gutandukana burundu.

Yesu yavuze ko ugomba kujya aho umuntu wagukoshereje ari ukamubwira icyo yakoze (Matayo 18:15). Niba ubonye ko icyo kibazo ari gito cyane ku buryo kidakwiye kuganirwaho, ntugomba kukibwira abandi cyangwa ngo ubike inzika ku wagukoshereje.

Rimwe na rimwe abantu bagorwa cyane no kutababarira abizera babakosereje. Dushobora kwitega gufatwa nabi n'abatizera ariko biragora cyane gusobanukirwa iyo uwitwa ko yizera adukoreye ikintu kitari cyiza.

Yesu yavuze ko tugomba kugira umutima wo gukomeza kubabarira n'iyo abantu badukorera nabi inshuro nyinshi (Matayo 18:21-22). Impamvu isanzwe ituma abantu bava mu itorero kandi bagacogora mu by'umwuka ni inzika baterwa no kugirirwa nabi n'abakirisitu. Inzika kenshi iza ibanziriza ubundi bwoko bwo kunanirwa mu mwuka.

Iyo umuntu yanze kubabarira, ashyira igice cy'ubuzima bwe mu kwanga ubutware bw'Imana, kuko Imana idusaba kubabarira. (Soma Abefeso 4:32.) Icyo gice kiba kibaye ikibanza Satani ashobora gukoresha bikaba byatuma ibindi bice by'ubuzima nabyo bigira ikibazo. Iyo umuntu yanze kubabarira, vuba cyane aba atazanashobora kurwanya ibigeragezo bisa n'aho bidahuriye no kutababarira.

Igitera umuntu kubabazwa no kudahabwa icyubahiro cyangwa gufatwa uko atekereza ko yari akwiriye gufatwa bituruka ku gaciro abantu duha uburenganzira bwacu. Kuko twizera ko dukwiriye gufatwa mu buryo runaka cyangwa kubahwa, turababara iyo ibyo twiteze bitagenze uko tubishaka. Twizera ko dukwiriye kuruta ibyo duhabwa.

Urufunguzo rwo kubabarira abandi ni ukumenya neza ubusobanuro bwo gucungurwa. Gucungura bisobanuye kongera kugura. Kuko twacunguwe n'Imana, turi abayo,kandi uburenganzira bwacu bweguriwe Imana. Tugomba kwegurira Imana uburenganzira bwacu. Ushobora gusenga uti, "Nyagasani, nziko uburenganzira bwanjye ari ubwawe. Ndashaka ko ubufata mu biganza byawe, ukangenera gusa ubwo ubona ko nkwiriye." Nuko rero, iyo abantu bagufashe neza, ni ugushimira Imana ko yaguhaye uwo mwihariko. Iyo umuntu agusuzuguye, ushobora kwibuka ko Imana ari Yo ifite uburenganzira bwawe mu biganza bya Yo, kandi ko yabonye ko ushobora gukura neza mu buryo bw'umwuka udahawe ubwo burenganzira muri uwo mwanya.

Iyo ubabariye abandi, uba wicishije bugufi imbere y'Imana kandi uyemereye ko igutoza uko ibishaka. Iri hame ryo kwegurira uburenganzira bwawe Imana ikora mu mubano uwo ari wo wose hagati y'abantu. (Ibindi byanditswe bivuga ku kubabarira biboneka mu Abakolosayi 3:13, Matayo 6:15, no mu Abaroma 12:19.)

## Ihame ry'urukundo

Umuntu tudafitiye umwenda nawe dukwiye kumwereka urukundo. Kubera ko twahawe ubuntu, niyo mpamvu dufite umwenda ku Mana. Ntibishoboka kwishyura umwenda dufitiye Imana. Kuko ntabyifuzo ifite, ariko yatubwiye ko tugomba guha abandi urukundo badakwiye, nk'uko natwe twaruhawe tutarukwiriye.

"Ntimukagire umwenda wose keretse gukundana" (Abaroma 13:8).

Urukundo nicyo kimenyetso kigaragaza uwizera by'ukuri.

> Umuntu navuga ati "Nkunda Imana" akanga mwene Se aba ari umunyabinyoma, kuko udakunda mwene Se yabonye atabasha gukunda Imana atabonye (1 Yohana 4:20).

Hari urukundo rwihariye ruri hagati y'abizera, kandi Yesu yita cyane ku ibikorwa byawe n'imyitwarire yawe ku bandi bizera. Ku umunsi w'urubanza azavuga ati, "Ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye" (Matayo 25:40).

Ariko urukundo rwa GiKristu ntirugomba kugaragarizwa abandi bizera gusa. Muri Matayo 5:44-45 Yesu yagize ati:

> Ariko jyeweho ndababwira nti ‘Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya, ni bwo muzaba abana ba So wo mu ijuru, kuko ategeka izuba rye kurasira ababi n’abeza, kandi abakiranuka n’abakiranirwa abavubira imvura.

Abantu bamwe bagorwa no kugirira neza abababaza, ariko nta mpamvu nimwe iriho yo gusuzugura. Ntabwo dukwiye gufata abantu uko bakwiye gufatwa. Dukwiriye kubagirira urukundo n’ineza, baba babikwiriye cyangwa batabikwiriye (1 Abakorinto 16:14). Dukwiriye kuzirikana neza ko natwe tutarizera, tutari dukwiye urukundo rw’Imana, ariko yaradukunze uko twari turi (Tito 3:2-3).

## Ihame ryo Kubaha

► Ese ndamutse nguhaye inoti ya ama dorari 100 isa nabi kandi icikaguritse, wayemera? Ese wayangira ko icitse kandi isa nabi?

Wayakira kuko ifite agaciro katagira aho gahurira n’uko imeze.

Buri muntu akwiriye kubahwa kuko abantu bose baremwe mu ishusho y’Imana (Itangiriro 1:27). Ishusho y’Imana ituma buri muntu agira agaciro kamukwiriye.

Abantu bamwe bashobora kutagira ubwenge buhambaye. Bamwe nta bumenyi ngiro, imyitozo, cyangwa ikindi kintu bafite cyatuma batera imbere cyangwa bafatwa nk’ingirakamaro ukoresheje ibipimo bisanzwe. Nyamara bafite agaciro kuko nabo baremwe mu ishusho y’Imana.

Abantu bose bafite aka gaciro k’ibanze ndetse naho abantu baba baritesheje ako gaciro mu yindi nzira binyuze mu mahitamo yabo mabi. Abaretse amashuli batayasoje, bakangiza ubuzima bwabo cyangwa bakishushanya n’imico idahwitse baba bagifite agaciro nk’abantu kuko nabo baremwe mu ishusho y’Imana.

Bitewe n’agaciro karemano kazanwa no kuba umuntu wese aremwe mu ishusho y’Imana, kubahana bikwiye kugaragara mu buryo bwose bw’imigenderanire hagati y’abantu. Kugira ubupfura byibura nicyo umuntu yagakwiye kugaragaza.

Gukoresha umuntu ku nyungu zawe bwite no kuyobya ni bibi, kuko buri wese afata ibyemezo bigira ingaruka zihoraho kandi akeneye kumenya impamvu nyazo kugira ngo afate umwanzuro. Gutuma umuntu akora ikintu gikwiye ariko ku mpamvu itari yo si intsinzi, kuko aba atabashije gufata icyemezo gikwiye mu by’ukuri.

Uko bishoboka kose, tugomba kubaha abantu naho imyitwarire yabo yaba ari mibi. No gukosora amakosa no guhana ibitagenda neza (n’ababifitiye ububasha) bikorwa umuntu yibuka ko ari gukorana n’ibiremwa bidapfa bifite kamere y’Imana.

## Ibyo Gusangira mu Itsinda

Hagombye kubaho ingero nyinshi zigaragaza ishyirwa mu bikorwa ry'aya mahame.

► Sangiza kandi usabe ingero z'igihe umuntu yakoze uko ashoboye ngo aharanire amahoro.

► Sangiza kandi usabe abanyamuryango gusezerana kubabarira abo bagiriye inzika.

► Saba ko hatangwa urugero aho umuntu ashobora kugaragariza mugenzi we ko amukunda kuruta uko abikwiye.

► Ganira ku cyo bisobanura guha umuntu icyubahiro nubwo imyitwarire ye yaba ari mibi.

## Amahame ya Bibiliya ajyanye n'ibiganiro

► Hari imvugo ya kera ivuga iti, "Ikaramu ifite imbaraga kurusha inkota." Ese bisobanura iki?

Hari imbaraga mu gitekerezo, mu gushishikariza abandi, no mu itumanaho. Ushobora kugera kuri byinshi ushishikarije abantu kurusha uko wabahatira. Igitekerezo gishobora gukwirakwira kikagira ingaruka ku bantu benshi.

Bibiliya ivuga ku mbaraga z'amagambo yaba ayo gukora ibyiza cyangwa ibibi (Yakobo 3). Umugambi wo gukiza ukomeje kurangizwa biciye mu mbaraga z'ubutumwa bwiza, binyuze mu ntumwa z'abantu.

Twakoresha dute amagambo yacu kugira ngo tugere ku byiza kandi twirinde ibibi? Bibiliya itanga amwe mu mahame.

**(1) Ntukavuge cyane.**

"Umupfapfa ahomboka mu magambo menshi..." (Umubwiriza 10:14).

"Amagambo menshi ntaburamo ibicumuro, Uwirinda mu byo avuga ni umunyabwenge" (Imigani 10:19).

"Ndetse n'umupfapfa iyo acecetse bagira ngo ni umunyabwenge, Kandi iyo abumbuye umunwa bamwita umunyamakenga" (Imigani 17:28).

Nuko rero ntukavuge menshi. Umuntu uvuga cyane yirengagiza agaciro k'amagambo ye n'ay'abandi. Avugisha umunwa gusa, kandi akumva ko n'abandi ari uko. Atanga ibitekerezo bidaturutse mu bumenyi. Ntugomba gutanga igitekerezo ku kintu utazi; buri gitekerezo ntikigira agaciro kangana.

**(2) Ntukavuge mbere yo gutekereza.**

Ntukemere ko amarangamutima yawe atuma uvuga ibintu uzicuza nyuma.

"Nuko rero bene Data bakundwa, umuntu wese yihutire kumva ariko atinde kuvuga, kandi atinde kurakara" (Yakobo 1:19).

"Umupfapfa agaragaza uburakari bwe bwose, Ariko umunyabwenge arifata akabucubya" (Imigani 29:11).

"Utihutira kurakara aba afite ubwenge bwinshi, Ariko uwihutira kurakara akuza ubupfu" (Imigani 14:29).

**(3) Ntukihutire guca urubanza ukimara kubona ikintu.**

"Usubiza bakimubwira, Bigaragaza ubupfu bwe n'ubushizi bw'isoni" (Imigani 18:13).

"Mu rubanza ubanje kuvuga asa n'ukiranuka, Ariko uwo yaregaga iyo aje aramuhinyuza cyane" (Imigani 18:17).

Intambara nyinshi zituruka mu kutumvikana. Igihe no kwitonda akenshi bikemura ayo makimbirane. Niba umuntu uzwiho ubunyangamugayo avuze ikintu kiguteye gushidikanya, ntukihutire kumucira urubanza.

"Umugenzi urakazwa n'intonganya zitamwerekeyeho, Ameze nk'ufashe imbwa amatwi" (Imigani 26:17).

**(4) Ujye witondera gushyenga.**

Kubera ingaruka amagambo ashobora kugira, gushyenga kutayobowe neza ni nk'intwaro mu biganza by'umusazi.

"Nk'uko umusazi arasa imyambi iriho amafumba bikazana urupfu, Ni ko umuntu ameze ushukisha umuturanyi we amashyengo, Ati 'Nagukinishaga.'" (Imigani 26:18-19).

Ntugatume abantu bakora amakosa akomeye kubera kwizera urwenya rwawe. Ntukababwire ko ibyo uvuga ubikuye ku mutima kandi atari byo—ntibazongera kukwizera. Ntugatere urwenya ku ntege nke abantu batabasha guhindura. Ntugatere urwenya ku makosa cyangwa gutsindwa kw'umuntu. Ntugatere urwenya rutuma icyaha kigaragara nk'aho ari ikintu cyoroshye.

► Ni izihe zindi nzira mbi abantu bakoreshamo urwenya?

**(5) Ntukabibwire umuntu utabikwiriye.**

"Ugenda azimura agaragaza ibihishwe, Ariko ufite umutima w'umurava ntamena ibanga" (Imigani 11:13).

"Iyo inkwi zibuze umuriro urashira, Aho inzimuzi zitari intonganya zirashira" (Imigani 26:20).

Nubwo hari igihe ikintu kiba kigomba kuvugwa, ariko wenda si wowe muntu uba ukwiye kukivuga. Ntugomba kukivuga mu mwanya w'umuyobozi wagombaga kukivuga.

Ntukamamaze amakuru yerekeye ku makosa y'abantu.

Abantu ntibazakugirira icyizere ngo bakubwire amakuru yabo niba batekereza ko uzabibwira abandi.

"Ahubwo mwikiranure muri ukwanyu, Kandi ntukabitarange" (Imigani 25:9).

Ikigwari kibwira ikibazo abantu badakwiye aho gukurikiza umurongo wagenwe nkuko byanditse muri Matayo 18:15-17.

**(6) Jya witondera kunenga abantu.**

Hari igihe gikwiye n'uburyo bukwiriye bwo kunenga.

"Guhanirwa ku mugaragaro, Kuruta urukundo rudaseruka. Ibikomere by'umukunzi bizanwa n'ukuri..." (Imigani 27:5-6a).

Kunenga kwawe, kujye kuba kugamije kubaka aho gusenya. Ukwiye kugaragaza ko abo unenga ubitayeho kandi ko wifuza kubafasha. Akenshi bisaba ko haba hari umubano mwiza mbere y'uko kunenga kwawe kugira umumaro.

**(7) Ntukabeshye.**

"Ntimukabeshyane ubwo mwiyambuye umuntu wa kera n'imirimo ye" (Abakolosayi 3:9).

Kubeshya ni ubuzima bw'ibyaha, si ubuzima bwa gikirisitu.

"Ururimi rubeshya ni ikizira ku Uwiteka, ahubwo anezezwa n'abakora iby'ukuri" (Imigani 12:22).

**(8) Rinda amagambo yawe abe atunganye gusa.**

"…ntibikavugwe rwose muri mwe nk'uko bikwiriye abera, cyangwa ibiteye isoni cyangwa amagambo y'ubupfu, cyangwa amashyengo mabi kuko ibyo bidakwiriye, ahubwo mushime Imana" (Abefeso 5:3-4).

Ntukavuge amanyanga yabayeho cyangwa ariho, keretse igihe bibaye ngombwa kugira ngo akemurwe mu buryo bukwiriye. Ntugatere urwenya wavugira gusa mu bwihisho. Ab'isi bakunda gukoresha amagambo yerekeye ku gitsina cyangwa ibice by'ibanga by'umubiri mu magambo yabo bakoresha batangara, ariko ibyo ntibikwiriye ku muntu wizera. Ntibihesha Imana icyubahiro gukoresha amazina y'Imana cyangwa ya Yesu uri gutangara mu gihe unaniwe cyangwa mu gihe uri ku gitutu, keretse niba ubivuze ubikuye ku mutima usaba Imana ubufasha.

**(9) Amagambo yawe ntakareme ibice mubantu.**

"Umuntu ugoreka ukuri aba abiba intonganya, Kandi uneguranira mu byongorerano atandukanya incuti z'amagara" (Imigani 16:28).

"Hariho ibintu bitandatu ndetse birindwi, Uwiteka yanga bimubera ikizira ni ibi... [icya karindwi] N'uteranya abavandimwe" (Imigani 6:16, 19).

Ntukagerageze kwiyerekana ko uri mwiza binyuze mu gutesha agaciro abandi. Ntugateze abandi amakimbirane. Ntukangize imikorere y'undi mu murimo w'Imana binyuze mu gusebanya.

Mbere yuko uvuga, ntugatekereza gusa uti: "Ese ni ukuri?", ahubwo unibaze uti: "Kuki ngomba kubivuga?"

**Umwanzuro**

Uwizera akwiye kuba yiteguye gusaba imbabazi igihe amaze kumenya ko amagambo ye yagize uwo yangiza. Akwiye kuba yiteguye gukosora icyo yaba yavuze igihe amaze kumenya ko atari ukuri.

Amagambo yangiza cyangwa ababaza yavuzwe n'abandi ntaguhesha impamvu yo kuvuga nabi.

Hari amakosa amwe mu mvugo umuntu ashobora gukosora buhoro buhoro. Urugero, umuntu ashobora kwiga gutekereza mbere yo kuvuga. Hari andi makosa agaragaza ikibazo umuntu yifitiye mu mutima, nko gushaka kubabaza umuntu ukoresheje amagambo yawe. Niba nawe umutima ugucira urubanza kuba uri mu bantu nkabo bakoresha amagambo nk'ayo, ugomba gusaba Imana imbabazi no kuyisaba ko yakweza umutima ugutera iyo myitwarire.

Imvugo yawe igaragaza byinshi ku mutima wawe (Luka 6:45). Ntukangize ubuhamya bwawe binyuze mu mivugire itajyanye n'indangagaciro za GiKristu.

Imvugo yawe ishobora guhesha abandi umugisha. Umurimo w'Imana ahanini ugizwe n'itumanaho. Ingaruka z'amagambo yawe zirushaho gukomera iyo ukurikije amahame y'Ibyanditswe.

**Ibyo Gusangira mu Itsinda**

► Abantu benshi babona amakosa mu mvugo y'abandi, ariko ntibabona ayabo. Umuyobozi yashobora gusangiza urugero rw'igihe atigeze akurikiza rimwe muri aya mahame cyangwa agatanga ubuhamya ku ihame agaragazamo intege nke.

► Saba abanyamuryango guhitamo ihame bumva bafitemo intege nke, no kwiyemeza kwiteza imbere bafashijwe n'Imana.

**Isengesho**

Data uri mu Ijuru,

Mfasha kubaho ubuzima bwo gukurikiza amahame agaragara mu ijambo ryawe ari yo amahoro, urukundo ndetse no kubaha mu mibanire yanjye yose.

Ndashaka kujya mbabarira abankosereza bose. Mfasha kubasha kwiyunga nabo mfitanye nabo amakimbirane.

Mfasha kubaha buri muntu wese kuko yaremwe mu ishusho yawe. Mfasha kwibuka kandi ko ibiganiro byanjye bigira ingaruka, no kwirinda mu magambo yanjye. Ndashaka ko amagambo yanjye asohoza ibyiza atari ibyangiza.

Ndifuza ko ubuhamya bwanjye bwubahwa.

Urakoze cyane ku bw'ubuntu bwo gusangiza ukuri kwawe.

Amena

**Imikoro y'isomo rya 4**

(1) Soma Yakobo 3. Zirikana ubushobozi buhambaye bw'ikiganiro bugaragajwe aha. Reba ukuntu iyi mirongo ya 13-18 igaragaza uburyo ikiganiro cy'umuntu gituruka mu miterere y'ubuzima bwe bwo mu mwuka. Soma Abefeso 4:25-32. Andika igika cy'isengesho ugendeye kuri ibyo byanditswe.

(2) Iga Abefeso 5:22–6:9. Kora urutonde kandi usobanure amabwiriza yihariye y'imyitwarire mu mibanire itandukanye. Andika ubusobanuro by'uko aya mabwiriza ajyanye n'amahame y'urukundo, amahoro, no kubaha nkuko byagarutsweho muri iri somo.

(3) Hitamo ibibazo bitatu muri ibi bikurikira. Andika igika usubiza buri kibazo:

- Ni izihe ngaruka zifatika z'uko Imana yaduhamagariye guharanira amahoro mu mibanire yacu n'abandi?
- Ni iyihe mpamvu kubabarira ari kimwe mu bintu by'ingenzi mu gusigasira agakiza?
- Bisobanura iki kwegurira uburenganzira bwawe Imana?
- Ni iki kidutera gukunda abandi bashobora kuba batabikwiye?
- Ukuri ko abantu bose baremwe mu ishusho y'Imana kugomba kugira akahe kamaro mu mibanire yacu n'abandi?

# Isomo rya 5
# Kuyoborwa n'Imana

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Gusobanukirwa uko Imana idufasha gufata imyanzuro.

(2) Kumenya uko yakwitegura gutahura ibyo Imana ishaka no gufata imyanzuro myiza.

(3) Kwirinda amakosa igihe ashaka kuyoborwa.

## Tsunami y'i Palu, gutenguka kw'Itumanaho

Mu kwezi kwa Nzeri 2018, umutingito wabereye munsi y'ikirwa wateje tsunami (Umuraba munini) werekeza mu mujyi wa Palu, muri Indoneziya. Umugabo wari hejuru y'inyubako ndende yabonye umuraba uri kuza. Yaranguruye n'ijwi ryo hejuru cyane aburira abantu bari bari mu mihanda hepfo, ariko benshi muri bo baramwirengagiza. Abantu barenga 4,000 barapfuye, naho 10,000 barakomereka.

Imyaka icumi mbere yaho (2008), leta yari yarashyize mu nyanja amaboya 22 areremba, afite ibyuma bifite ubushobozi bwo kohereza ubutumwa bwo kuburira abantu mu gihe haba haje umuraba (tsunami). Ariko mu myaka yakurikiyeho, amaboya ntiyakomeje kwitabwaho uko byari bikwiye, biza kurangira yangiritse ndetse areka no gukora. Nta na rimwe muri yo yabashije kohereza ubutumwa bwo kuburira tsunami yabaye muri 2018.

## Gutumanaho n'umuyobozi wacu

► Ni iki gishyirwa mu modoka zose za gisirikare?

Buri tanki, imodoka ya gisirikare, n'indege iba ifite radiyo. Ntabwo iyo radiyo iba ibereyeho kugirango buri musirikare abashe kumva indirimbo ye akunda, ahubwo ni ukugira ngo habashe kubaho itumanaho.

Itumanaho ni ingenzi ku rugamba. Abasirikare ku rugamba ntibababasha kureba ubutaka bwose barwaniraho. Ntibashobora kumenya aho bagenzi babo bari cyangwa aho abanzi babo bari. Ntibaba bazi aho bagomba kurasa cyangwa aho bagomba kwerekeza, keretse babwiwe n'umuyobozi.

Hagiye habaho ibihe byinshi aho abasirikare bishwe n'amasasu aturutse kuri bagenzi babo, atari abanzi, ahubwo ari impanuka yo kurasa nabi. Hari igihe misile n'ibisasu byagwiriye inshuti aho kugwira abanzi kubera gukora nabi kw'itumanaho.

Mu buryo bw'intambara bugezweho, kugerageza kurimbura icyicaro cy'itumanaho cy'umwanzi, ni uburyo busanzwe bukoreshwa. Uruhande rubashije icyo kintu nirwo ahari rushobora gutsinda urugamba.

Turi mu ntambara yo mu buryo bw'umwuka. Satani aratugerageza kandi akagerageza no kutuyobya. Isi igerageza kudukururira mu mibereho yayo no mu ndangagaciro zayo. Abantu batuzengurutse rimwe na rimwe batubera imbogamizi kandi baduca intege mu kubaho tunezeza Imana. Tumeze nk'abasirikare bari mu gihugu cy'abanzi, bafite inshuti nke ariko bafite abanzi benshi.

**Imana ishaka ko tunesha intambara yo mu buryo bw'umwuka. Isengesho ni bwo buryo bwo kuvugana n'Umuyobozi wacu.**

Tekereza nawe umusirikare uri mu ntambara wiyemeje kwirengagiza amabwiriza agahitamo kugenda ukwe. Ashobora kugira ibyo yangiza aho gufasha; ashobora kunanirwa gufasha abamwishingikirizaho; kandi ashobora kwicwa cyangwa gufatwa.

> Musengeshe Umwuka iteka mu buryo bwose bwo gusenga no kwinginga, kandi ku bw'ibyo mugumye rwose kuba maso, musabire abera bose (Abefeso 6:18).

Uyu murongo uherereye ku mpera z'igice aho Pawulo yasobanuraga intwaro z'umwuka agendeye ku ntwaro igisirikare cyo mu gihe cye zatwaraga. Yavuze ko abanzi bacu atari ab'umubiri, ahubwo ari ab'umwuka.

Ahari niba radiyo zari zihari ku basirikare icyo gihe, Pawulo yari kuyikoresha asobanura ikindi gice cy'ibikoresho by'umusirikare wo mu mwuka—isengesho. Nyuma yo gusobanura ibigendanyen'intwaro, Pawulo yavuze kandi ko isengesho rigomba gukoreshwa hamwe n'izo ntwaro z'umwuka.

Mu gihe tukiri mu ntambara duhangana n'umwanzi wacu wo buryo bw'umwuka, dukwiye gusenga, dukomeza kuvugana n'Umuyobozi wacu. Duhamagariwe kuba maso dusenga, twirinda kandi twihangana.

Imana yasezeranije abumvira kuzabayobora.

> Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose,We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose,Na we azajya akuyobora inzira unyuramo (Imigani 3:5-6).
>
> Iyo intambwe z'umuntu zikomejwe n'Uwiteka, Akishimira inzira ye (Zaburi 37:23).

Umuyoboke wa Kristo ntabwo afata ibyemezo nkuko ab'isi babifata. Hari abayoborwa n'ibyifuzo byabo ndetse n'ibyo bararikiye gusa. Bagira bati, "ngomba gukora icyiza kuri njye." Bavuga ko bagomba kubanza kwita ku byo bifuza aho kwemera kuyoborwa n'abandi. Batekereza ko kwigenga bivuze kwishyira imbere. Abayoboke ba Kristo baratandukanye kuko bo bifuza kunezeza Imana ndetse no guhesha abandi umugisha binyuze mu mibereho yabo.

Hari abantu bamwe batugira inama yo kwishakamo ibisubizo byose. Bizera ko ibyiyumvo byacu n'amarangamutima kamere bihagije kugira ngo bifashe umuntu mu gufata ibyemezo. Bashishikariza urubyiruko kwirengagiza umuco n'inama z'abantu bakuru. Basuzugura amahame y'imyifatire ishingiye ku idini. Izi nama nk'izi zikunzwe cyane mu myidagaduro ya Hollywood y'iki gihe. Berekana inkuru z'umuntu ukiri muto wageze ku ntego ye abinyujije mu kwigomeka k'ubuyobozi n'umuco kugira ngo akurikire inzozi ze. Ntibagaragaza ukuri ko ibyemezo nk'ibyo bitera agahinda n'ibyago.

Mu mico imwe n'imwe, imyanzuro y'umuntu ku giti cye igengwa n'umuryango mugari cyangwa ubwoko cyangwa itsinda . Abantu ku giti cyabo ntibaba bategerejweho kuva mu karere batuyemo, guhindura umurimo, gukomeza amasomo ya kaminuza, cyangwa gushaka batabiherewe uruhushya n'itsinda. Ihinduka rikomeye cyane muri urwo rwego ni uguhindura idini ku muntu ku giti cye. Niba umuntu akurikiye Kristo kandi agendera ku mahame y'Imana abantu be batumva, ashobora kunyura mu mibabaro n'akarengane. Uwizera uri mu bihe nk'ibyo agomba gusenga asaba ubwenge no kuyoborwa n'Imana.

Dukeneye kuyoborwa n'Imana ibihe byose, kandi ni Yo ituyobora mu buryo tutajya duhita tubasha kumenya. Ntijya itwibagirwa, n'igihe twebwe tutayitekereza. Ariko hari igihe biba ngombwa cyane ko dushaka kuyoborwa n'Imana, tukayisaba ko yadufasha kubona amahitamo uko ari by'ukuri. Hari ubwo Imana ishobora gushaka guhindura inzira y'ubuzima bwacu mu buryo tutari twiteze.

► Ni ibihe bihe tuba dukeneyemo kuyoborwa n'Imana mu buryo budasanzwe?

Tugomba kwifuza kuyoborwa n'Imana:

1. **Iyo dufata ibyemezo bifite ingaruka ku buzima bwacu bw'igihe kirekire:** Gushaka uwo tuzabana, guhitamo umurimo, gukomeza amasomo, cyangwa Kwiyemeza kuba umunyamuryango w'itorero
2. **Iyo dufata ibyemezo by'ingenzi byo mu buzima bwa buri munsi:** Amahirwe y'akazi, guhitamo aho gutura, cyangwa kugura ibintu byinshi.
3. **Iyo utegura kandi ukora umurimo w'Imana:**[7] Umuhamagaro wawe bwite, aho kuwukorera n'abo uzakorera, insanganyamatsiko zo kubwiriza no kwigisha.
4. **Iyo witabira mu ubuzima bw'itorero:**[8] uko usenga, icyo wiga, icyo utanga, n'uko uba umwe mu mubiri wa Kristo uri ku isi.

---

[6] Mu Ibyakozwe n'Intumwa 16:6–9, havuga uburyo Umwuka Wera yahaye Pawulo na Silasi umurongo udasanzwe mu rugendo rwabo rw'ivugabutumwa.

[8] Itorero rya mbere ryari rizi neza ko Umwuka Wera ari we wabayobora mu gusenga kwabo, akarinda inyigisho zabo, akabafasha gukemura ibibazo, kandi agaha imbaraga ubutumwa. Reba mu Ibyakozwe n'Intumwa 15:28, Ibyakozwe n'Intumwa 5:3-5, and Ibyakozwe n'Intumwa 6:10.

## Uko ushobora kumenya neza kuyoborwa n'Imana

**(1) Ba hafi y'Imana mu isengesho (Abafilipi 4:6)**. Igihe ubuzima bwawe butakibana no kuganira n'Imana, uba ukurikiza ibitekerezo byawe bwite n'imyunvire itagutse.

**(2) Ntukishingikirize ku bitekerezo byawe kurusha ukuri kudahinduka kw'Ibyanditswe**. Nkuko mu (Imigani 3:5) havuga, "We kwishingikiriza ku buhanga bwawe."

**(3) Jya wumvira ibyo uzi neza ko ari ubushake bw'Imana**. Ibyo bizagufasha kubona ibintu neza. Umuntu utumvira Ijambo ry'Imana ntaba yifuza gukurikira umugambi w'Imana by'ukuri, kuko Imana ihishura ubushake bwayo binyuze mu byanditswe. Niwumvira gusa ibice bimwe by'ibyo uzi ko ari ubushake bw'Imana kuri wowe, uzarushaho kuyoba—urumuri ruzahinduka umwijima (Luka 11:35).

Tuzi ko ari ubushake bw'Imana:

- Kwikorera umusaraba buri munsi no gukurikira Yesu (Luka 9:23)
- Gukora ibyo gukiranuka no kuvuga ukuri mu mitima yacu (Zaburi 15:2)
- Guha icyubahiro abayobozi bo kwizerwa bo mu mwuka (1 Abatesalonike 5:12-13).
- Kwishima iteka (1 Abatesalonike 5:16).
- Gusenge ubudasiba (1 Abatesalonike 5:17).
- Guhora dushima mu bibaho byose (1 Abatesalonike 5:18).
- Kutazimya Umwuka (1 Abatesalonike 5:19).
- Kudasuzugura ubuhanuzi (1 Abatesalonike 5:20).
- Kugerageza byose (1 Abatesalonike 5:21).
- Kugundira ibyiza (1 Abatesalonike 5:21).
- Kwirinda igisa n'ikibi cyose (1 Abatesalonike 5:22).
- Kwezwa rwose (1 Abatesalonike 5:23).

Hari n'andi mategeko menshi akubiye hamwe muri iri ijambo rimwe: urukundo! (Abaroma 13:8-10) Iyo dukora ibyo tuzi ko ari ibyo Imana ishaka, ibyemezo byinshi bidafite uburemere bwinshi bisobanuka ubwabyo.

**(4) Ujye wihangana**. Hari igihe biba ngombwa ko utegereza ko Imana ifungura imiryango kandi ko igutegurira ibigukwiye. Ntukihutire gufata ibyemezo ubitewe no kutihangana. "Turiza Uwiteka umutegereze wihanganye" (Zaburi 37:7). Ntukagire icyo ukora uzi ko ari kibi kubera guhatirizwa nuko cyihutirwa.

**(5) Ujye wumva inama nzima**, "Uzajye gusembura intambara ufite inama z'ubwenge, aho abajyanama benshi bari haba amahoro" (Imigani 24:6). Iyo Imana ishaka ko ufata icyemezo gikomeye, kenshi ibigaragariza abandi bantu b'ingenzi mu buzima bwawe. Niba hari abantu b'inararibonye kandi b'abanyamwuka bakuzi kandi bagukunda, ntugafate icyemezo byoroshye cyo gukora ikintu batekereza ko ari ikosa.

## Ibyo Gusangira mu Itsinda

► Sangiza abandi urugero rw'icyemezo uzi neza ko cyayobowe n'Imana. Ni gute Imana yakweretse ko icyo cyemezo cyari cyo?

► Byaba byiza kandi ko usangiza abandi urugero rw'icyemezo kitari gikwiye. Waba warananiriwe gukurikiza rimwe muri ya mahame atanu yo kugenderwaho kugira ngo uyoborwe neza n'Imana?

Emerera n'abandi gusangiza ubunararibonye bwabo.

## Amakosa ukwiye kwirinda igihe ushaka kuyoborwa n'Imana

Bivugwa ko umuvugabutumwa witwa Charles Stalker yarimo asenga mu gitondo kimwe, maze Imana iramubwira iti: "Ndashaka ko ujya mu Bushinwa." Stalker yaratunguwe cyane kuko nta bantu yaraziyo, kandi nta n'amafaranga yari afite yo kujyayo. Icyo gitekerezo cyari gifite imbaraga cyane ku buryo yahise apakira isakoshi ye ajya aho urwo rugendo rwari gutangirira. Hari umuntu utari usanzwe amuzi wamwegereye aramubaza ati: "Ese uri Charles Stalker?" Hanyuma akomeza agira ati: "Noherejwe hano mfite itike yo kukohereza mu Bushinwa."

► Ese ni ko dukwiye buri gihe gutegereza ko Imana itwereka icyo ishaka? Ese byaba ari ikibazo iyo umuntu yiteze kumenya ubushake bw'Imana ku byemezo bye muri ubu buryo?

Bamwe bategereza ko Imana ibaha amabwiriza yihariye kandi atangaje kuri buri cyemezo bafata. Birengagiza ubwenge busanzwe n'ibibazengurutse, kuko bakeka ko ubushake bw'Imana bushobora guhora bunyuranye n'ubwenge bw'abantu n'ibibera aho bari.

Si byiza gutsimbarara uvuga ko Imana igomba guhora itubwira ibyo tugomba gukora mu buryo bw'igitangaza, kuko kenshi ntigaragaza ubushake bwayo muri ubwo buryo. Iyo umuntu yirengagije ubwenge busanzwe n'ibimuzengurutse, ashobora gutekereza ko ari Imana imuyoboye, kandi nyamara aba akurikiye amarangamutima ye cyangwa ibyo yiyumvamo.

Igihe cyose hari ikintu Ijambo ry'Imana risaba cyangwa ribuza mu buryo bugaragara, tuba tuzi neza ko ari ubushake bwayo. Ariko hari ibyemezo byinshi tugenda duhura nabyo mu buzima, aho dufite amahitamo adasobanuwe neza mu Ijambo ry'Imana—ibyo akenshi ijambo ry'Imana ntiriba ribitegeka cyangwa ribihakana mu buryo bweruye. Ni gute umuntu yamenya aho akwiye kuba, akamenya akazi akwiye gukora, ndetse n'ukuntu akwiye gukoresha amafaranga ye?

► Hatabayeho ihishurirwa ridasanzwe, ni gute umuntu yashobora kumenya ubushake bw'Imana ku cyemezo kitavugwaho mu buryo bweruye muri Bibiliya?

Bamwe, kuko batekereza ko ubushake bw'Imana bugomba guhishurwa mu buryo bw'igitangaza butitaye ku bwenge n'ibiriho, bashaka uburyo budashingiye ku bwenge busanzwe bakeka ko ari bwo Imana izakoresha ngo ibayobore. Bashobora gusaba Imana

ikimenyetso runaka kibamenyesha ubushake bw’Imana cyangwa bagafungura Bibiliya aho biboneye, bagafata umurongo runaka bakawuhuza n’ibazo bafite.

### Inama ngenderwaho zo gufata ibyemezo byiza mu buzima

John Wesley yatanze inama ngenderwaho z’ingirakamaro ku buryo zafasha umuntu kumenya ubushake bw’Imana Yavuze ko tuzi ko ubushake rusange bw’Imana, nk’uko bugaragazwa muri Bibiliya, ari uko tuba abera kandi tugakora ibyiza. **Ni yo mpamvu, kugira ngo dufate umwanzuro runaka, tugomba kwibaza amahitamo azadufasha kurushaho kuba abera no kugira umumaro mwinshi uko bishoboka.**

**Dukura mu burambe bwo kumenya ibidufasha mu buryo bw’umwuka n’ibyadushyira mu kaga.** Hari ibintu bimwe bishobora guteza akaga umuntu wese; ibindi bikaba byateza akaga bamwe ariko ntibibe ikibazo kuri bose. Dukwiriye uko dushoboye kose gushaka ibituma dukomera mu buryo bw’umwuka, kandi tukirinda ibyadushora mu bigeragezo (1 Abakorinto 10:12-13).

**Tunyuze ku bwenge, uburambe, no ku nama z’abandi, dushobora kumenya amahitamo azaduha umusaruro mwinshi.**

Imana ntigaragaza kenshi ubushake bwayo binyuze mu ihishurirwa ridasanzwe. **Imana itegereza ko dukoresha amahame ya Bibiliya mu gihe dutekereza twitonze kandi tugasesengura ibyo turimo.** Umwuka Wera aratuyobora n’igihe tuba tutabibona. Ku byemezo byinshi, ntidukwiriye gutegereza ihishurirwa, ahubwo dukwiriye gusenga dusaba ubwenge no gusobanukirwa.

Abantu bavuga ko bahawe ihishurwa ryihariye n’Imana rimwe na rimwe bananirwa kumva inama z’abandi (Imigani 12:15). Bashobora kurakazwa n’uko abandi bashidikanya ku byemezo bafashe. Berekena ubwibone no kwinangira aho kugaragaza kwicisha bugufi.

► Umunyeshuri nasomere itsinda 1 Petero 5:5-6.

Uretse mu bihe bidasanzwe, ni byiza ko umuntu atavuga ko Imana yamubwiye neza icyo agomba gukora. Iyo umuntu avuga atyo, biragorana ko hari undi wamugira inama cyangwa ngo amuhe igitekerezo. Byaba byiza avuze ko ashaka gufata umwanzuro mwiza abifashijwemo n’Imana.

Uretse amahame John Wesley yatanze, iyo utekereza ku mahitamo yawe, jya uzirikana ibi bikurikira:

1. **Ese bihuye n’amabwiriza asobanutse yo muri Bibiliya?** Imana ntishaka na rimwe ko utubaha Ijambo ryayo.
2. **Ese bihuye n’ibyo Bibiliya ishyira imbere nk’ingenzi?** Bibiliya itwereka ibintu Imana ishyira imbere nk’ibintu by’ingenzi. Ese umwanzuro wawe uha agaciro ibikwiye kuba iby’ingenzi kurusha ibindi?

3. **Ese bihuye n'uko ibintu byifashe mu by'ukuri?** Ukwiye kuba ubasha kubona uburyo Imana yagiye itegura kugira ngo ugere kuri uwo mwanzuro.

4. **Ese birunvikana?** Hari igihe Imana ishobora kukuyobora gukora ikintu kitagaragara nk'icyumvikana, ariko iyo bigenze bityo, izakugaragariza neza ubushake bwayo. Ntugasuzugure ubwenge busanzwe nk'uburyo bushobora kugufasha kumenya ubushake bw'Imana.

5. **Ese n'imyitwarire y'ubumana?** Ntugatekereze ko hari ikibazo cyihariye cyatuma ukora ikintu kitanezeza Imana.

6. **Ese bihuye no gukunda abandi nk'uko wikunda?** Impamvu zishingiye ku kwikunda ziyobya ubushishozi bw'umuntu.

7. **Ese bizagira ingaruka nziza?** Ese watekereza iki niba abandi bose bakoze nk'uko? Ese byaba byiza?

8. **Ese byemezwa n'abajyanama batinya Imana?** Twese tuzi gushaka inshuti zizadushyigikira arikose abantu bagaragara ko ari abanyamwuka n'abanyabwenge bavuga iki ku mwanzuro wawe?

Iyo ubushake bw'Imana ari ikintu kidasanzwe, irabushimangira ku buryo udashobora kugira gushidikanya. Umumarayika, cyangwa iyerekwa, cyangwa igihuru cyaka umuriro byabereye bamwe nk'gihamya mu bihe bya kera. Imana ishobora guha umuntu ikizere cyo mu mutima kidashidikanywaho. Ariko iyo nta butumwa bugaragara buturutse ku Mana bwabonetse, ugomba gukurikiza amahame yizewe yo kugufasha gutahura inzira ikwiriye. Ntugategereze guhabwa ihishurwa ryihariye kuri buri mwanzuro ushaka gufata. Niwibanda ku by'ingenzi ubikuye ku mutima kandi usenga, Imana izaba indahemuka mu kuyobora icyemezo cyawe.

Mu Abaroma 12:1-2 Pawulo yanditse agira ati,

> Nuko bene Data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye. Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

Iyi mirongo y'Ibyanditswe yerekana uburyo imimerere y'ubuzima bwo mu mwuka igira ingaruka ku byemezo by'umuntu. Kugira ngo umuntu amenye ubushake bw'Imana, agomba kubanza kwiyegurira Imana byimazeyo. Ibyemezo by'umwizera bitandukanye n'iby'isi, kuko atagengwa n'imigenzo y'isi, ahubwo yahinduwe mu mitekerereze ye, ibyemezo afata, abifata afite ubwenge bushya.

Impamvu ni ikintu cy'ingenzi gifasha umuntu kumenya icyerekezo Imana ishaka. Umuntu ushaka kumenya ubushake bw'Imana gusa kugira ngo azahitemo niba azabwumvira cyangwa atazabwumvira, ashobora kugira ikibazo cyo gucanganyukirwa. Umuntu ushaka

kumenya ubushake bw'Imana akurikije Ibyanditswe n'ubwenge busanzwe, kandi afite umutima wuzuye wo kubukora, ntazahusha kumenya ubushake bwayo.

### Ibyo Gusangira mu Itsinda

► Sobanura uko ihame rya Wesley ryashyirwa mu bikorwa mu buzima bwa buri munsi. Ingero zimwe twavuga nko guhitamo inshuti, amahitamo y'akazi, cyangwa umubano uganisha ku kubana (niba utarashaka). Tekereza uti: "Ni ubuhe buryo buzamfasha kuba uwera kandi bukanyongerera umumaro?"

► Hari abantu batabasha kugumana umwimerere wabo nk'AbaKristu iyo bari kumwe n'abantu runaka cyangwa ahantu runaka. Tekereza kuri izi ngero.

► Ibindi bitekerezo byaganirwaho:

- Uruhare rw'impamvu mu gufata imyanzuro.
- Ikosa ryo gutegereza ikimenyetso.
- Akaga ko kwizera cyane amarangamutima.

## Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Urakoze cyane ku muteguro wawe mwiza ku buzima bwanjye. Nzi neza ko ukomeza kuyobora intambwe z'ibirenge byanjye kurusha uko mbibonesha amaso yanjye.

Mfasha mbashe kuguma hafi yawe mu isengesho. Mfasha cyane guhanga amaso ku ukuri ukomeza kunyereka.

Ndashaka kuba uwera ndetse no gusohoza ibyo unshoboza byose ku bw'icyubahiro cyawe.

Hindura impamvu zintera gukora ibyo nkora zibe izera, kugirango ntava mu nzira zo gukora ubushake bwawe. Nyobora ukoresheje abajyanama bafite ubwenge washyize mu buzima bwanjye.

Ndifuza kukwizera mu myanzuro yanjye yose. Ndashaka gukurikira ubushake bwawe n'umutima wanjye wose nkubaha.

Urakoze kunyifuriza ibyiza.

Amena

## Imikoro y'isomo rya 5

(1) Iga Imigani 3:1-12. Andika ku byerekeye iby'ingenzi, imyitwarire, n'imico bivugwa hano. Andika ku buryo wowe ubwawe ushobora guteza imbere iyo mico. (Ukeneye kwandika paji 1 cyangwa 2 zose.)

(2) Suzuma Yakobo 4:13-17. Reba uko ubutware bw'Imana buri hejuru y'ibintu byose. Andika igika gisobanura ibyo iki gice kitubwira ku bijyanye no gutegura ejo hazaza.

(3) Andika ibika bibiri bisobanura imibanire iri hagati y'isengesho no gufata imyanzuro. Subiza ibi bibazo:

- Ni gute isengesho rikwiye kugira uruhare mu ifatamyanzuro ryacu?
- Ni ayahe makosa akwiye kwirindwa mu bijyanye n'isengesho no gufata imyanzuro?

# Isomo rya 6
# Inyigisho za Bibiliya ku Urushako

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Kwemera igishushanyo n'intego z'Imana ku urushako.

(2) Gusobanukirwa agaciro k'umugore nk'uko Imana ibibona.

(3) Kwiyemeza kugandukira amahame y'Imana ku Urushako rwa GiKristu.

## Hernando Cortes: Umugabo wiyemeje

Hernando Cortes si urugero dukwiriye kwigana mu mico ye no mu byo yifuzaga kugeraho. Ariko kimwe mu byo yakoze cyerekanye kwiyemeza kwe ko kwari gukomeye mu kugera ku ntego ze. Mu itumba ry'umwaka wa 1519, Hernando Cortés yayoboye urugendo rwo gutera no kwigarurira agace ubu kitwa Mexique. Guverineri wa Hispaniya ni we wateye inkunga iyo misiyo, ayohereza n'amato 11 n'abagabo 700. Nyuma y'amezi menshi bari mu nyanja, Cortés n'ingabo ze bageze ku nkombe za Mexique. Icyari gikurikiyeho cyari ukwambuka ubutaka bajya mu murwa mukuru. Cortés yari azi ko urugendo rwo ku butaka ruzaba rugoye kandi rurimo akaga. Yashakaga ko abasirikare be bamenya ko gusubira inyuma bitagishobotse,bityo atwika amato yose. Yatumye gusubira muri Hispaniya bitagishobotse, gusa kandi ibyo byateye ingabo ze imbaraga zikomeye zo gutsinda. Niko bigenda kandi, buri muntu winjiye mu rushako agomba kuba yiyemeje rwose, azi neza ko iyo amaze gushaka nta yindi nzira iba isigaye.

## Itangiriro

Urushako rwo muri Bibiliya ni ikintu cyiza.[9] Ariko abashakanye bashaka kugerwaho n'ubwiza bw'ishyingirwa no gusogongera neza ineza y'urushako bagomba kubanza gusuzuma ibyo Bibiliya yigisha ku rushako, hanyuma bakihatira kumvira ibyo ibigisha. Urushako rushimishije rusaba umuhate no kwitanga.

► Hari uwakwifuza gusangiza abandi uko yinjiye mu rushako yitega ibyiza, ataramenya ko bisaba ukwiyemeza?

Kugira ngo dusobanukirwe neza urushako, tugomba gusubira aho byatangiriye—mu Itangiriro. Inkuru ivuga ku irema itwigisha ku urushako.

---

[9] Iri somo ryanditswe na Tim Keep.

## Urushako rwo muri Bibiliya

**Urushako rwo muri Bibiliya ruganisha k'ubusabane.**

"Kandi Uwiteka Imana iravuga iti 'Si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye'" (Itangiriro 2:18).

Nk'uko Imana ari Data, Umwana, na Mwuka Wera bagirana ubusabane, ni ko yaturemye ngo tube abantu b'imibanire. Twaremwe ngo tujye tugirana ibiganiro. Twaremwe kugira umubano wimbitse n'ubusabane. Imana yavuze ko kuba umuntu ari wenyine atari byiza!

Imana yakuye urubavu mu umugabo, iruremamo umugore mwiza—undi muntu waremwe mu ishusho y'Imana nk'uko umugabo yaremwe, unganya agaciro n'umugabo, ariko utandukanye na we mu miterere, kandi wuzuzanya n'uwo mugabo. "Azanwa mu cyubahiro gikomeye ashyikirizwa umugabo nk'igikorwa cya nyuma kandi cyuzuye neza kurusha ibindi byose Umuremyi yaremye."[10]

***Urushako rugomba kuba ari ubumwe bwuzuye ibyishimo.***

Ubwo Adamu yavugaga ati, "Uyu ni igufwa ryo mu magufwa yanjye" (Itangiriro 2:23) yagaragazaga icyubahiro ndetse n'umunezero. Adamu ntiyavuze ati, "Mbonye imbata noneho! Ubu mfite umuntu umfurira imyenda, akantekera ibiryo, aka masa umugongo, akanankorera imirimo yo mu rugo!" Oya, Adamu yagize ati: "Noneho, mbonye umufasha unyuzuza!"

***Urushako rugomba kuba ubumwe bw'abantu bangana.***

"...umufasha umukwiriye" (Itangiriro 2:18). Imana yaremye umugore kugira ngo ahuze neza kandi yuzuze umugabo.

Matthew Henry atwibutsa ko: "Umugore yaremwe mu rubavu rwa Adamu; ntiyaremwe akuwe mu mutwe ngo amutegeke, cyangwa mu birenge ngo akandagirwe, ahubwo yaremwe avanywe mu rubavu rwe kugira ngo angane na we, munsi y'ukuboko kwe ngo arindwe, kandi hafi y'umutima we ngo akundwe."[11] Umugore ntiyari munsi y'umugabo, kandi ntiyari hejuru ye; ahubwo yanganaga na we.

***Urushako rugomba kuba isezerano rihuza abantu babiri.***

"Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe" (Itangiriro 2:24). Ingo zikomeye ntizishingira ku rukundo (rugaragarira mu marangamutima, kuko ayo marangamutima araza agahita); kandi ntizishingira ku byishimo gusa, (nubwo urushako rwiza rutanga ibyishimo); ndetse ntizishingira no ku byuzuza umuntu ku giti cye, (nubwo koko ingo zikomeye zishobora kuzuza umuntu). Ibyiza bidasanzwe biva mu urushako si byo bituma urushako rukomera—

---

[10] *Ellicot's Commentary for English Readers* (Ibyanditswe ku Itangiriro 2:22). Byakuwe kuri https://biblehub.com/genesis/2-22.htm mu Ukuboza, itariki ya 29, umwaka wa 2020.
[11] *Matthew Henry's Commentary on the Whole Bible*

ahubwo ni imbuto z'urushako rukomeye. Urushako rwubatswe ku musingi udashobora kunyeganyezwa w'isezerano—umugabo umwe n'umugore umwe, biyemeje kubana hagati yabo bonyine buri wese akiha byimazeyo mugenzi we.

Urushako rugomba kuba ari umubano ushingiye ku ukuri, kwizera, no kwemerana uko buri buri umwe ari adategereje ko mugenzi we ahinduka—"Kandi uwo mugabo n'umugore we bombi bari bambaye ubusa, ntibakorwe n'isoni" (Itangiriro 2:25). Kuko icyaha kitaranduza ubwere bw'abashakanye ba mbere, urushako rwabo ntirwarangwa no guca imanza, ntirwagiraga gukorwa n'isoni, kandi ntirwagiraga ubwoba. Isezerano Rishya ritubwira ko "Kurongorana kubahwe na bose, kandi kuryamana kw'abarongoranye kwe kugira ikikwanduza" (Abaheburayo 13:4).

Urushako rukomeye ntiruba ahari kutizera, gushidikanya, gucika intege cyangwa ubwoba—cyangwa aho abashakanye batizeye neza isezerano ryabo ryo kwiyegurira urwo rushako. Ingo zikomeye zishingira ku isezerano ridahungabana rizarangira gusa umwe mu bashakanye apfuye (Abaroma 7:1-2).

Umugambi w'Imana ni uko urushako ruba isezerano ry'igihe cyose hagati y'umugabo umwe n'umugore umwe (Matayo 19:3–6). Pawulo yavuze ko abizera batari mu bubata igihe abagabo cyangwa abagore babo batizera batandukanye na bo (1 Abakorinto 7:15), ariko uwizera ntakwiye gushaka gutandukana n'uwo bashakanye utizera (1 Abakorinto 7:12-14, 16). Pawulo yari yabanje kwandika ko Umwami ubwe ari we wabivuze: abizera ntibakwiye guhitamo gutandukana n'abo bashakanye, ariko nibatandukana, ntibemerewe gushaka nanone (1 Abakorinto 7:10-11; Matayo 5:31-32; Matayo 19:9).

Urukundo rw'isezerano ruritanga, rurubaha, kandi rugaragaza ubwiza n'icyubahiro—nubwo imibanire yaba irimo ingorane (1 Abakorinto 13). Kwiyemeza guke kuvamo imbaraga nke, gukonja kw'amarangamutima, kwifata, no kugushwa mu bishuko.

Umugabo agaragaza urukundo rw'isezerano iyo adacika intege nubwo umugore we yaba atamwitaho, amutesha agaciro, cyangwa arwaye. Umugore nawe agaragaza urukundo rw'isezerano iyo ahisemo kubaha no kumvira umugabo we ku bwa Kristo, naho umugabo we yaba atamukunda.

Urwo rukundo rw'umugabo rumuhesha kubahwa, naho kubaha k'umugore kukamuhesha gukundwa. Nuko bose hamwe bagakomeza gukura!

► Ni ibihe bibazo bijya bivuka iyo abantu bashakanye ariko bakaba batekereza ko bazisubiraho mu byemezo bafashe igihe bazaba babona nta munezero bari kubona mu rushako rwabo? Ni irihe tandukaniro ubwitange bwuzuye bwabyara—umuntu yizeye ko urushako rwe ari urwa burundu?

### Urushako rwa Bibiliya ni ahantu ho kuremera: Kororoka

"Dore abana ni umwandu uturuka ku Uwiteka, imbuto z'inda ni zo ngororano atanga" (Zaburi 127:3).

Abana ni impano ituruka ku Mana, ariko mu buryo runaka na bo baba impano ababyeyi batura Imana. “Mbese ntiyaremye umwe, naho yari afite umwuka usagutse? Icyatumye arema umwe ni iki? Ni uko yashakaga urubyaro rwubaha Imana. Nuko rero murinde imitima yanyu hatagira uriganya umugore wo mu busore bwe” (Malaki 2:15). Imana ishaka abana bayitinya baturuka ku mubano w’umugabo n’umugore bizera.

Abantu bamwe bahitamo kubaho mu buzima budashishikajwe no kugira abana, ariko Bibiliya yigisha ko Imana ishimishwa n’ababyeyi babyara abana bayubaha.

Ni ngombwa kumenya ko atari kubyara abana gusa Imana ishaka, ahubwo ko ari abana bayubaha. Ababyeyi bafite umuhamagaro wo kwigisha abana babo gukurikira Kristo.

**Urushako rwa Bibiliya ni ku bwa Kristo.**

Mu Abefeso 5:30-32, Umwuka Wera ahishura ibisobanuro byimbitse k’urushako, byari bihishwe kugeza igihe Yesu yaje. Urushako ni ishusho hano ku isi—igaragaza umubano uri hagati ya Yesu Kristo n’itorero rye.

Pawulo atangira iki gice asaba abizera kuzura Umwuka Wera. Ni muri urwo rwego atanga iri somo rikurikira ku bijyanye n’urushako:

**Umugeni wuzuye Umwuka Wera** yemera kugandukira umukwe we ("umutwe" we) mu Mwami, nk’uko abizera bagandukira Kristo (Abefeso 5:24, 32; 1 Petero 3:1). Ubu ni bwo buryo agaragarizamo icyubahiro Kristo n’umugabo we.

Ni ingenzi ko umugore wese atekereza k’Umwami mu mutima we mu gihe agandukira umugabo we. Ni kuri we kandi kubwe agandukira, atari ku mugabo we gusa. Ijisho rye rikwiye kuba kuri Yesu, kuko ari we wenyine udafite ikosa. Kuganduka k’umugore abikunze ku mugabo we ni igikorwa cyo kuramya Kristo.

Kuganduka gushingiye kuri Bibiliya, nk’urukundo, ntibikorwa ku gahato. Kuganduka gushingiye kuri Bibiliya ni impano abagore baha abagabo babo babitewe no kubaha bafitiye Kristo (Abefeso 5:33). Kuganduka muri byose, ni igikorwa cyo kuramya Yesu.[12]

Kuganduka k’umugore ku mugabo we ni igikorwa cyo kubaha amuha (umurongo wa 33) nk’igice kigize imibereho y’umwizera wuzuye Umwuka (Abefeso 5:18–21). Kubaha nkuku, guturuka ku mwuka wo kwicisha bugufi no gutuza, ni ukw’igiciro cyinshi imbere y’Imana (1 Petero 3:4–5).

**Umukwe wuzuye Umwuka** azakunda umugeni we nk’uko Yesu yakunze Itorero rye (Abefeso 5:25). Umugabo agomba gukunda umugore we nk’uko akunda umubiri we bwite (Abefeso 5:28–29). Agomba kugaragaza ubwitange bumwe bwuzuye Umwuka nk’uko Yesu

[11] Kugira ngo usobanukirwe birushijeho inyigisho ya Bibiliya ku bijyanye no kuganduka, reba Isomo rya 10 mu isomo rya Shepherds Global Classroom ryitwa *Spiritual Formation*.

yabigaragaje ku itorero rye igihe yitangaga kubera ryo. Icyi ni igikorwa cye cyo kuganduka (Abefeso 5:21). Umusesenguzi umwe yabivuze atya:

> Nk'uko we (Yesu) yitangiye kubabara ku musaraba kugira ngo akize itorero, ni ko natwe tugomba kuba twiteguye kwiyanga no kwihanganira imvune n'ibigeragezo, kugira ngo dushyigikire ibyishimo by'umugore. Ni inshingano y'umugabo kumutunga; no kumuha ibyo akeneye; kwiyima ikiruhuko no korohererwa niba ari ngombwa, kugira ngo amwiteho mu burwayi; kumujya imbere mu kaga; kumurengera niba ari mu kaga; kumwihanganira iyo afite uburakari; kumugundira iyo amukwepa; gusengana na we iyo afite ibibazo by'umwuka; no kuba yiteguye gupfa kugira ngo amurokore. Kuki ibi bitagombye kuba? Barohamye mu ubwato, ariko hakaba hari igisate kimwe cyafasha kurokoka ntiyakagombye kuba yiteguye kumushyiraho, no kumubona ari amahoro nubwo we yaba ari mu kaga kose? Sibyo gusa… umugabo kandi akwiye kumva ko intego yonyine ikomeye cyane y'ubuzima bwe ari ugushaka agakiza k'umugore we. Agomba kumuha ibyo akeneye byose ku bijyanye n'bugingo bwe… kandi agomba kumubera urugero rwiza; kumugira inama niba akeneye inama; no kumworohereza inzira y'agakiza uko bishoboka kose. Niba umugabo afite Umwuka no kwiyanga nk'Umukiza, ntazabona ko hari igitambo na kimwe kinini atatanga niba kigamije guteza imbere agakiza k'umuryango we.[13]

Umugabo agomba gushishikarira gutunganya umugeni we, nk'uko Kristo atunganya Itorero rye, ari ryo mugeni we, "ngo aryeze, amaze kuryogesha… [kandi] aryishyīre rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo" (Abefeso 5:26-27).

Mu bihe bya kera, abageni b'abami babanzaga guhanagurwa no gutunganywa mu buryo bw'umubiri hakoreshejwe amavuta y'agaciro n'ubundi bwiza buhenze—"Amezi atandatu bihezuraga imbiribiri, ayandi mezi atandatu bakaba bafite ibihumura neza n'ibindi byo kwarika abagore." (Soma Esiteri 2:12.) Uko ni ko isugi yategurwaga ku mugabo wayo.

Mu buryo bw'umwuka, umugabo agomba gutanga uburyo bwose bukenewe kugira ngo umugore we atere imbere mu mwuka—ubudahemuka, urukundo rudafite imipaka, ubwenge, isengesho, inama, inyigisho no kugwa neza.

Iyo umugabo yitaye k'umugore we n'urukundo nk'urwo, yungukiramo ibyishimo. Pawulo ati, "Ukunda umugore we aba yikunda" (Abefeso 5:28). Abagabo bakunda abagore babo muri ubu buryo bwo kwitanga, bazagororerwa n'Umwami, kandi biranashoboka ko bakuramo n'icyubahiro, urukundo n'ubudahemuka bw'umugore we.

► Ni ibihe bintu byihariye umugabo akwiye gukora kugira ngo afashe umugore we mu buryo bw'umwuka?

---

[12] *Commentary on Ephesians, (Igice cya Gatanu) Albert Barnes*

## Uburyo Bwafasha Abashakanye Gukomeza Urushako Rwabo

**(1) Bagomba kwishimira umugambi w'Imana wa mbere nkuko wari uri no guha agaciro inshingano zihariye buri wese afite mu rushako.**

Umugabo agomba kuzirikana ko umugore we ari impano yaturutse ku Mana, umufasha umwuzuza. Agomba gutanga ubuzima bwe ku bw'umutekano w'umugore we no ku bw'inyungu ze mu buryo bw'umwuka, amarangamutima, n'umubiri. Agomba guhitamo kumushimira no kumukunda n'iyo atabikwiye na busa, amenya ko Imana yonyine ishobora guhindura ibikenewe guhinduka muri we. Imana izaha agaciro kumvira kwe no kwizera kwe.

Umugore agomba kubaha amahitamo y'Imana k'umugabo nk'umutwe we,akamugaragariza icyubahiro mu buryo bwose ashoboye, no kubaha ubuyobozi bwe. Umugore agomba guhitamo kuganduka no kubaha naho umugabo we yaba akora amakosa kandi akaba atabikwiye na busa. Umugore asenga Imana asaba ko yahindura ibikenewe guhinduka mu mugabo we. Imana izaha agaciro kumvira kwe no kwizera kwe.

**(2) Abashakanye bagomba guteza imbere ubusabane nyabwo bw'umwuka n'ubw'umubiri.**

Bagomba gushaka kumenyana badatinya, nta kunengana, nta kwigereranya n'abandi, nta bugome, nta rari, nta kwishimisha umuntu ku giti cye, cyangwa gusuzugurana. Bagomba kubana mu mucyo no mu butungane imbere y'Imana no hagati yabo ubwabo.

**(3) Abashakanye bagomba gukurikiza urugero rw'ubuntu bw'Imana iyo bananiwe kugera ku rwego rukwiriye.**

Igihe Adamu na Eva bagwaga mu cyaha bakagira ipfunwe no kwicuza, Imana yahishuye imbaraga zayo zo gucungura ibyo bo bananiwe. Imana yatambye inyamaswa kugira ngo ikorere Adamu na Eva imyambaro yo gutwikira ubwambure bwabo (Itangiriro 3:21). Iki gikorwa cy'urukundo rw'Imana cyari ishusho y'ubuntu n'isezerano ry'Imana ry'incungu binyuze muri Kristo. Kristo ni we utuma tubabarirwa kandi tugasubizwa mu buzima bushya. Binyuze muri Kristo, abashakanye bashobora kugarura ubusabane nta soni nubwo baba barananiwe ubwabo.

## Urugero rwa Yesu mu Kubaha Abagore

Abagore babonwaga nk'abarushwa agaciro n'abagabo mu isi y'abaroma yo mu kinyejana cya mbere no mu idini ry'abayahudi. Guha agaciro gake abagore biracyagaragara mu mico myinshi hirya no hino ku isi, no mu ngo nyinshi. Abagore ntibubahwa, bakoreshwa nk'ibikoresho byo gushimisha irari ry'umubiri, kandi bagahohoterwa. Ariko uburyo Yesu yahaga agaciro gakomeye abagore bikwiye kuba urugero kuri twe.

Kuri Kristo, abagore bafite agaciro n'icyubahiro by'umwimerere bingana n'iby'abagabo. Yesu yavuze ati, "Iyabaremye mbere yaremye umugabo n'umugore" (Matayo 19:4,Itangiriro 1:27). Abagore baremwe mu ishusho y'Imana kimwe n'abagabo. Kimwe n'abagabo, bafite kwimenya, kwigenga, ubushobozi runaka bwo kwihitiramo, n'inshingano bwite ku bikorwa

byabo. Yesu abona abagore nk'abantu nyabo, atari nk'ibikoresho byo gushimisha irari ry'abagabo gusa. Yababonye nk'abantu batumye aza ku isi (Luka 8:1-3).

James Borland, hamwe na John Piper na Wayne Grudem, batanga izi ngero zisobanutse z'agaciro gakomeye Yesu yahaga abagore n'icyubahiro yabahaga nk'uko biboneka mu mavanjili ane:

**(1) Yesu buri gihe yavuganaga n'abagore imbonankubone bari mu ruhame.**

Ibi ntibyari bisanzwe ko umugabo abikora mu gihe cya Yesu (Yohana 4:27). Abigishwa batunguwe cyane babonye Yesu avugana n'umugore w'umusamariyakazi ku iriba rya Sikari (Yohana 4:7-26). Yanavuganye nta kwihishira n'umugore wafatiwe mu busambanyi (Yohana 8:10-11). Luka yerekana ko Yesu yavuganye n'umupfakazi w'i Nayini mu ruhame (Luka 7:12-13), n'umugore wari urwaye indwara yo kuva amaraso (Luka 8:48, Matayo 9:22, Mariko 5:34), kandi n'umugore wamuhamagaye n'ijwi mu mbaga y'abantu (Luka 11:27-28). Yesu yavugishije umugore wari umaze imyaka 18 afite ikibazo cy'ubumuga bwo kutunamura umugongo (Luka 13:12) ndetse n'itsinda ry'abagore bari ku nzira ijya ku musaraba (Luka 23:27-31).

**(2) Yesu yerekanye icyubahiro n'agaciro gakomeye yahaga abagore mu buryo yavuganaga nabo.**

Yavugaga mu buryo bwatekerejweho, kandi burangwamo urukundo. Matayo, Mariko na Luka banditse ko Yesu yavugishije umugore urwaye indwara yo kuva amaraso amwita "Mwana"n'umugore ufite ubumuga amwita "umukobwa wa Aburahamu" (Luka 13:16). Iyo Yesu abise "abakobwa ba Aburahamu" aba abahaye urwego rumwe na "Bene Aburahamu."

**(3) Yesu yerekana agaciro k'umwimerere k'abagore binyuze mu kubazwa ku giti cyabo ibyaha byabo.**

Ibi bigaragarira mu buryo yitwaye imbere y'umugore wo ku iriba (Yohana 4:16-18), wa mugore wafashwe asambana (Yohana 8:10-11), n'umugore w'umunyabyaha wasize amavuta ibirenge bye (Luka 7:44-50). Ibyaha byabo ntibyirengagijwe ahubwo babajijwe ibyaha byabo. Iki gikorwa cyagaragaje ko buri mugore afite ubwigenge ku giti cye, akanagira amahitamo ye, kandi ko agomba kwihitiramo uko ahangana n'ibyaha, kwihana, no kubabarirwa.

**Uko Yesu yahaga abagore agaciro bikwiye kuyobora Itorero iminsi ya none.**

Uruhare rwiza rwa Bibiliya rw'abagore mu murimo w'Imana no mu rugo ruganirwaho mu nsengero nyinshi no mu madini atandukanye uyu munsi, nk'uko bikwiriye, ariko agaciro n'uburinganire bw'abagore nk'abantu baremwe mu ishusho y'Imana ntibigomba na rimwe gushidikanywaho. Yesu yakomeje kugaragaza agaciro n'icyubahiro by'abagore nk'abantu. Yesu yahaye abagore inshingano zo kuba intumwa za mbere zitangaza iby'izuka rye (Yohana 20:17). Yahaga agaciro ubusabane bwabo, amasengesho yabo, umurimo wabo wa GiKristu,

inkunga yabo y’amafaranga, n’ubuhamya bwabo. Yesu yubahaga, akigisha, kandi agakorera abagore mu buryo bugambiriwe.

### Icyubahiro cyagaragarijwe abagore mu Isezerano Rishya

Urugero Yesu yatanze rwo kubaha abagore rugaragara no mu mibereho y’Umwuka Wera. Ku munsi wa Pentekote, Umwuka Wera yasutswe ku bahungu n’abakobwa, ndetse no ku bagaragu n’abaja (Ibyakozwe n’Intumwa 2:17–18). Umwuka Wera nta ruhande yabogamiyeho.

Mu Baroma ibice 16, Pawulo ashimira umugore witwa Foyibe nk’umukozi w’itorero (umurongo wa 1), na Purisikila na Akwila bombi nk’abakozi bagenzi be muri Kristo Yesu batitaye ku bugingo bwabo ku bw’ubuzima bwe (imirongo ya 3-4), Mariya nk’uwakoze cyane (umurongo wa 6), Yuniya nk’uwamenywe cyane n’intumwa (umurongo wa 7), n’abandi bagore.

Mu Abatesalonike 1, Pawulo ashimira ubugwaneza Imana yahaye abagore n’urukundo rwa kibyeyi, igihe yandikaga ati “Ahubwo twitonderaga muri mwe nk’uko umurezi akuyakuya abana be” (1 Abatesalonike 2:7). Mu Befeso, ategeka abagabo gukunda abagore babo, “nk’uko Kristo yakunze Itorero akaryitangira,” n’nk’imibiri yabo bwite (Abefeso 5:25, 28). Petero asaba abagabo ko "mubane n’abagore banyu, mwerekane ubwenge mu byo mubagirira” (1 Petero 3:7).

Biragaragara neza ko abagore bafatwaga nk’abantu bafite agaciro mu Itorero rya mbere, kandi abagabo bigishwaga kubaha abagore. Igihe ni iki ko abayobozi bo mu mwuka hirya no hino ku isi barengera abagore kandi bakarwanya ihohoterwa bakorerwa mu muco wose. Igihe ni iki ko twese duha agaciro kanini abagore nk’abantu baremwe mu buryo bwihariye n’Umuremyi wabo mu ishusho ye. Inyigisho iyo ari yo yose ivuga ku itandukaniro ry’inshingano z’abagabo n’abagore mu Itorero cyangwa mu rugo igomba gutangirira kuri uru rufatiro, bitabaye ibyo inyigisho yacu yahinduka inzira y’ihohoterwa.

### Umwanzuro

Urushako rwashyizweho n’Imana, si abantu. Kubw’ibyo, tugomba gusanga Imana dushaka amabwiriza atari ay’isi cyangwa ay’umuco. Imana niyo yonyine izi gukomeza urushako rwacu, rukaramba kandi rukazana inyungu. Ariko ntibizadushobokera ko tuba abashakanye dukwiriye kuba nta Mwuka Wera!

## Ibyo Gusangira mu Itsinda

► Sobanura amahame Itorero rikwiye kwigisha kugira ngo urushako rukomere. Ni ubuhe bumenyi bubura cyane muri sosiyete cyangwa aho utuye?

► Umuco wanyu ufata ute abagore ugereranije n'abagabo?

► Ni gute insengero mu gihugu cyanyu zifata abagore bitandukanye n'abagabo? Ese haba hari itandukaniro hagati y'uburyo insengero zifata abagore bitandukanye n'abagabo nuko umuco ubafata?

► Dushingiye ku rugero rwa Yesu, ni iyihe migenzo ikwiye guhinduka?

## Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Urakoze kumpa iyi mpano nziza y'urushako. Dufashe gufata icyemezo gikwiye cyo kwiyemeza, kugira ngo tubashe kugira urushako nk'urwo wagambiriye.

Dufashe kugaragaza urukundo rumeze nk'urukundo ruri hagati ya Kristo n'Itorero.

Dufashe kurenga imigenzereze n'imico yacu mu kubahana kwacu.

Urakoze kubw'umurimo w'Umwuka Wera uduha kugira imibanire yuzuye ibyishimo kandi ikomeye bishoboka.

Amena

## Imikoro y'isomo rya 6

(1) Sobanura mu nyandiko itandukaniro riri hagati y'abagabo n'abagore mu muco wanyu. Uko iryo tandukaniro ryahindurwa hakurikijwe neza ukuri kw'Ibyanditswe byera?

(2) Hitamo amahame abiri mashya kuri wowe wakuye muri iri somo. Andika igika usobanura buri hame mu magambo yawe bwite.

(3) Tegura ikiganiro kigufi ku nsanganyamatsiko imwe muri izi zikurikira. (Umuyobozi w'isomo azagabira buri munyeshuli insanganyamatsiko) Sangiza abandi ikiganiro cyawe ku itangiriro ry'isomo rikurikira.

- Igishushanyo mbonera cy'Imana cy'ubumwe mu urushako.
- Umugambi wa Bibiliya ku urushako.
- Inzira zo gukomeza urushako
- Uko Bibiliya ibona abagore.
- Inshingano Imana yatanze mu urushako n'umumaro wo kuzura Umwuka Wera mu rwego rwo kuzuza izo nshingano.

# Isomo rya 7
# Ubwere bw'Urushako

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Gusobanukirwa umugambi w'Imana ku byerekeye urushako n'amategeko y'urushako arinda ibibazo kandi agatanga imigisha.

(2) Gusobanura amabwiriza yo mu Byanditswe ku miryango.

## Robertson McQuilkin, Umurinzi w'isezerano

Dr. Robertson McQuilkin yabaye umumisiyoneri mu Buyapani imyaka 12. Nyuma y'aho, yabaye Perezida wa Kaminuza ya Columbia International University. Yari azwi cyane nk'umwanditsi, umuvugizi, n'umurezi. Umugore we, Muriel, yarwaye indwara ya Alzheimer.[14] Igihe indwara yakomereje ku rwego Muriel akeneye kwitabwaho buri gihe, Dr. McQuilkin yeguye ku buyobozi bw'iyo kaminuza kugira ngo yite ku mugore we. Yavuze ko yasohozaga isezerano yamusezeranije igihe bashakanaga. Yizeraga ko kwita ku mugore we byari ingenzi kuruta gukomeza kuba umuyobozi w'iyo kaminuza.

## Ishyirwaho ry'urushako n'Imana

Urushako rwashyizweho n'Imana ku bw'umugabo n'umugore ba mbere yaremye.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Itangiriro 2:21-24. Ese iyi mirongo itubwira iki ku urushako?

Urushako rwateguwe n'Imana kugira ngo rube neza ibyo abantu bakeneye. Rwateguwe neza ku bw'imiterere ya muntu. Muri buri kintu Imana igena no muri buri icyo idusaba, iba itwifuriza icyiza kurushaho (Gutegeka kwa kabiri 6:24). Imana izi ko umugambi wayo w'urushako uzaha buri umwe mu bashakanye ubuzima bwiza haba ubuzima bw'amarangamutima, umubano, n'ubw'umwuka.

Urushako rwanateguriwe kuba kandi, ishusho y'imico y'Imana n'imibanire yayo. Imana Data, Imana Mwana, n'Imana Mwuka Wera bahoze kandi bazahora mu mubano hagati yabo. Buri wese afite umwihariko mu nshingano ye, ariko abagize Ubutatu Bwera ni Umwe iteka ryose kandi bafite kamere imwe. Mu mubano uri hagati y'abagize Ubutatu bwera, tubona ubumwe, ubusabane bwimbitse, ubudahemuka, n'urukundo ruhamye. Uyu mubano utangaje ni wo urushako rwo muri Bibiliya rwafatiyeho urugero. Umugambi w'Imana ni uko

[14] Alzheimer ni indwara ifata ubwonko ituma umuntu yibagirwa, agatakaza ubushobozi bwo gutekereza no gufata imyanzuro.

buri mugabo n'umugore baba Abera mu rukundo rwabo kandi buri wese umwe akiyegurira undi ubuzima bwabo bwose.

Imana yavuze ko mu rushako umugabo n'umugore bazasiga ababyeyi babo bakabana akaramata. Urushako rushyira abantu babiri mu ubucuti n'ubufatanye bukomeye kandi bwa hafi kuruta undi mubano wose w'abantu.

Urushako si abantu babiri gusa baba bari kumwe mu bufatanye bugira imipaka. Ubuzima bwabo buba buhuye ku buryo, baba basa nk'umwe umwe. Ibi ntibisobanura gusibanganya umwihariko w'imiterere ya buri wese, ahubwo ni ubumwe bwihariye.

## Kuramba k'Urushako

Imana yateguye kurushako ngo rurambe. Mu rushako, umugabo n'umugore basezeranira kuzabana mu bwizerane igihe cyose bombi bakiriho.

Bibiliya itubwira amagambo Yesu yavuze ku rushako, mu kiganiro yagiranye n'Abafarisayo.

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri Matayo 19:3-8.

Yesu yavuze ko Imana yagennye ko urushako rugomba kuramba iteka. Yavuze ko gatanya yashyiriweho abantu batagendera mu bushake bw'Imana.

Hari impamvu nyinshi Imana yagennye ko urushako ruramba, zimwe twazigarutseho mu gice cyabanjirije iki. Indi mpamvu urushako rugomba kuramba ni ku bw'inyungu z'abana. Kumvira umugambi w'Imana ku byerekeye urushako bitanga uburyo bwiza cyane bwo kurera abana. Iyo ababyeyi bubaha Imana bakumvira amahame yayo mu rugo no mu muryango, bashobora kurera abana bayitinya (Malaki 2:15).

Imana yagennye ubuzima bw'umuntu ku buryo abana bafata imyaka myinshi kugira ngo bakure babe abantu bakuru. Muri iki gihe, nibwo abana bishingikiriza ku babyeyi kugira ngo babarinde, babatunge, kandi babatoze. Ibi bitandukanye n'amatungo akura akagera ku bukure mu mwaka umwe cyangwa ibiri. Abantu bo bakenera igihe gihagije kugira ngo bakure mu myitwarire. Imana yagennye umuryango nk'uburyo ndetse n'ahantu ho kurerera abana. Ibibazo byinshi byo muri sosiyete biterwa no kubura imiryango ifite ababyeyi bo kwizerwa.

Urushako rusaba abantu gusezerana kuzabana ubuzima bwabo bwose. Buri muco ugira uburyo n'ibirori byerekana ko urushako ari umuhigo ukomeye. Ibirori ni uburyo bukoreshwa kugirango umugabo n'umugore bavugire mu ruhame ko biyemeje uwo muhigo wo kubana ubuzima bwabo bwose.

Ubutegetsi bwinshi bubika inyandiko z'abashyingiranywe. Amategeko agenga abashakanye agira ingaruka ku burenganzira ku mutungo, ku burenganzira bwo kurera abana, no ku murage.

Dore urugero rw'indahiro z'urushako zakoreshejwe mu bukwe bwinshi:

> Ndakwemera kuba [umugabo/umugore] wanjye, kugumana no kubana nawe, guhera uyu munsi, mu byiza no mu bibi, mu bukire no mu bukene, mu burwayi no mu buzima bwiza, kugukunda no kukwitaho, kugeza igihe urupfu ruzadutandukanyiriza, nk'uko itegeko ryera ry'Imana ribivuga; nkwijeje kukwiyegurira byimazeyo.

Amarangamutima y'urukundo ntabwo azahoraho igihe cyose, kuko hari aho aza ubundi akagenda nubwo bitavuze ko aba agiye ubutazagaruka. Urushako ntirushobora gushingira ku marangamutima adahoraho. Indahiro z'urushako zisobanura ko umugabo n'umugore basezeranye kubanira mu budahemuka ubuzima bwabo bwose, kandi iryo sezerano ntirishingira ku kintu runaka.

## Urushako nk'Ubufatanye bwa GiKristu

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu 2 Abakorinto 6:14-18.

Iyi mirongo iratubwira ko kwiyemeza k'umwizera kubangamirwa iyo afitanye isano rya bugufi cyane n'abatizera. Nk'uko umwizera adashobora kuramya hamwe n'umuntu uramya Satani, ntanashobora gukurikira imibereho n'ibyo abatizera bashyira imbere. Uyu muburo ureba imibanire itandukanye, harimo n'ubufatanyabikorwa mu bucuruzi.

Urushako ni ubufatanye bwa kimuntu bwa bugufi cyane kurusha ubundi bufatanye ubwo aribwo bwose bwa kimuntu. Umwizera ntakwiye no gutekereza kubana n'umuntu utari umwizera wiyemeje (1 Abakorinto 7:39, 2 Abakorinto 6:14-18). Uwizera washakanye n'utizera azahura n'umubabaro mwinshi n'imbogamizi nyinshi mu kurera abana no mu gufata ibyemezo byerekeye imibereho.

Niba umugabo n'umugore bombi ari abizera ariko bakaba baturuka mu nsengero zitandukanye, bagomba kumenya neza ko bemeranya ku bibazo by'ingenzi byo mu Mwuka. Bagombye gutegura kuba abanyamuryango b'itorero rimwe ry'aho batuye bamaze gushakana.

► Kuki urushako rutangirana n'indahiro, atari gusa amagambo y'urukundo?

## Igipimo cy'Imana ku myitwarire

►Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abaheburayo 13:4.

Uyu murongo utubwira ko urushako rukwiye kubahwa cyane. Icyaha cy'ubusambanyi gisuzuguza urushako. Imana izacira urubanza icyaha cy'ubusambanyi.

Ibyaha by'ubusambanyi birimo ibitekerezo byuzuye irari ry'ubusambanyi, ubusambanyi, ibikorwa by'ubutinganyi, n'ikoreshwa rya porunogarafiya. Kugira ibitekerezo byuzuye irari ry'ubusambanyi ni ugushushanya ukora imibonano mpuzabitsina n'uwo mutashakanye. Ubusambanyi hanze y'abashakanye ni imibonano mpuzabitsina hagati y'abantu batashakanye. Ubusambanyi mu bashakanye ni imibonano mpuzabitsina irimo umuntu wubatse n'undi. Ibikorwa by'ubutinganyi ni imibonano mpuzabitsina hagati y'abantu bahuje ibitsina. Porunogarafiya igizwe n'inyandiko, amashusho na videwo zagenewe gutera irari

ry’ubusambanyi binyuze mu kwerekana ubwambure cyangwa imibonano mpuzabitsina. Ibi byose ni ibihungabanya umubano w’urushako.

> Zirikana ko buri rari ryo mu mubiri, ari uguhindanya icyifuzo nyacyo Imana ishobora kuzuza neza kurushaho. Uburyo bumwe rukumbi bw’imibonano mpuzabitsina ikwiriye ni imibonano mpuzabitsina hagati y’abashakanye. Ubusambanyi... bunezeza ako kanya, ariko buhinduka uburozi buhumanya inzara yo mu buryo bwo mu mwuka, kugeza ubwo dutangira kwifuza ibintu bishobora kutumaraho burundu. Ubusambanyi bugabanya ubushobozi bwacu bwo kumva kwera, gukiranuka, no kwishimira kubana n’Imana mu buzima bwacu.[15]

Imigani iburira kenshi ko ubusambanyi bwangiza ubuzima bw’umuntu bukamugeza ku rupfu (nko muri Imigani 2:16-19 na 6:24-29, 32-33).

Robertson McQuilkin yanditse ko imigambi y’Imana ku bijyanye n’imibonano mpuzabitsina y’abantu ko

> ikandagirwa mu buryo bw’ibitekerezo neza neza nk’igikorwa nyirizina. Imana ntiyaremye gusa umugabo n’umugore; yababaremeye kubana mu mubano w’urushako wimbitse kandi uhoraho, ubumwe bushingiye uko nayo Iteye. Kugira ngo uyu mugambi ukomeye usohore, hagomba kubaho ubusabane bwimbitse kandi bwihariye ndetse no kwiyemeza kuramba iteka ryose, bitagenze gutyo ntihaba hakiriho ubumwe. Ubudahemuka ni cyane cyane mu bwonko. umubano wimbitse kandi wihariye, kwiyemeza guhoraho, n’icyizere cya bombi bihungabanywa mbere na mbere mu mitekerereze.[16]

► Abanyeshuli nibasomere itsinda mu 1 Abakorinto 6:9-11, 15-20 na Matayo 5:27-30.

Buri sosiyete igira imyumvire y’umuco ku bijyanye n’imibanire hagati y’abagabo n’abagore. Ibi bitekerezo by’umuco bifite igipimo kiri hasi ugereranyije n’igipimo cy’imyitwarire ishingiye ku Byanditswe. Imico myinshi igira gusa amategeko akenewe kugira ngo umuryango ubonekemo ituze. Bihanganira icyaha cy’ubusambanyi iyo gicunzwe neza bihagije kugira ntikizane ingaruka mbi cyangwa ikimwaro. Igipimo cy’imyitwarire ishingiye ku Byanditswe kirihariye.

Ikibabaje nuko insengero zimwe zikurikiza imyitwarire y’umuco aho gukurikiza imyitwarire ishingiye ku Byanditswe. Bahana abantu bakoze ibyaha bikagaragara cyangwa se byakozwe mu burangare, nyamara bakihanganira iyo ibyaha bikozwe n’ababikora bihishe cyangwa babigizemo ubwitonzi.

---

[13] Gary Thomas, *Sacred Marriage* (Grand Rapids, MI: Zondervan, 2000), 210

[14] Robertson McQuilkin, *An Introduction to Biblical Ethics (2nd edition)*, (Wheaton, IL: Tyndale House Publishers, Inc., 1995), 216

Iyi mirongo itubwira ko abakora ibi byaha atari abizera by'ukuri kandi ko batazajya mu ijuru. Bamwe mu bizera b'i Korinto bari barakoze ibyo byaha kera, ariko baje gukizwa babivanwamo.

Inyigisho iyo ari yo yose yihanganira ibi byaha k'umuntu uvuga ko yizera,ni inyigisho y'ibinyoma. Niba umuntu yiyita umuyoboke wa Kristo ariko agakora ibyaha by'ubusambanyi, Ibyanditswe bisaba itorero kumuvana mu bagize itorero kandi ntibakwiye gukomeza kumufata nk'umwizera (1 Abakorinto 5:11-13).

Abayobozi b'itorero bagomba kuba icyitegererezo mu myitwarire. Iyo itorero ryemerera abayobora umwanya wo kuramya kwambara imyenda idahwitse cyangwa rigatanga uruhushya ku mbyino zigaragaza irari ry'ubusambanyi, riba risobanura ko irari ry'ubusambanyi ari ikintu gisanzwe. Biba bisobanuye ko icyaha cy'ubusambanyi kidakomeye.

Sosiyete runaka ishobora kubona ko umuntu atambaye neza igihe imyambarire ye iterekanye bimwe mu bice by'umubiri we bishobora gutera irari ryo kwifuza gukora imibonano mpuzabitsina. Abagize itorero rimwe na rimwe nabo bagwa muri iri kosa, cyane cyane mu bihe by'ibirori. Batekereza ko batambaye neza keretse iyo bakurikije imideri y'umuco wa sosiyete baturukamo. Itorero rigomba kwigisha ko ibi ari bibi. Umwizera ntagomba kwifuza ko yatera abandi irari ribi. Muri 1 Timoteyo 2:9-10 hatubwira ko abizera bakwiriye kwambara no kwitwara mu buryo umuntu wese ubibonye amenya ko babayeho ubuzima bwo kwitonda no kutiyanduza, kandi ko batifuza gukora icyaha cyangwa gutera abandi kugikora. AbaKristu bagomba kwambara imyambaro ibahesha agaciro, bafite kwicisha bugufi no kwirinda.

**Ubufasha ku wakoze icyaha**

Mu Abagalatiya 6:1 havuga ko itorero rifite inshingano yo kugerageza gusubiza mu nzira umukirisitu wakoze icyaha. Ntibivuze ko umuntu agomba gukomeza inshingano yo mu murimo cyangwa ko ahita asubizwa vuba muri uwo murimo nyuma yo kugwa mu cyaha. Kugarurwa bisobanura kwakirwa mu busabane bw'itorero no kwitabwaho n'itorero. Niba koko uwo muntu yihannye by'ukuri, Imana iramubabarira kandi n'itorero riramubabarira. Itorero rigomba gutanga ubufasha mu buryo bw'umwuka kugira ngo rimufashe gukomeza kunesha no gukura mu buryo bw'umwuka.

Niba umukobwa utarashaka atwaye inda, itorero ntirikwiye kumukura m'ubusabane no kwitabwaho kw'itorero ritabanje kugerageza kumugarura mu buryo bw'umwuka. Iyo yihannye kandi akemera kwitabwaho mu buryo bw'umwuka, arababarirwa. Icyaha cye ntikiruta icy'uwo mugabo basambanye akamutera inda. Hari ubwo uwo mukobwa ashobora guhanirwa icyo cyaha kubera ko ingaruka z'icyaha cye zagaragaye kurusha iz'uwo bagikoranye.

Mu mico imwe n'imwe, ababyeyi b'uwo mukobwa watwaye inda y'ikinyendaro bakorwa n'isoni kubera iyo nda y'umukobwa wabo utarashaka, bakagerwaho n'igishukwo cyo kwica

umwana utaravuka kugira ngo bagarurire isura nziza umuryango wabo. Nta mpamvu nimwe yunvikana yo gukora icyaha cy'ubwicanyi (Kuva 20:13). Umwana utaravuka wese yaremwe mu ishusho y'Imana (Itangiriro 9:6, Zaburi 139:13–14). Umwana w'uwo mukobwa agomba kurindwa, gukundwa no kurerwa.

Itorero ni umuryango w'abizera. Ntibihagije ko itorero ricira ibyaha urubanza. Itorero rigomba kwita ku abanyamuryango baryo. Urugero, umuntu utunzwe n'ibikorwa by'ibyaha ashobora gukenera ubufasha kugira ngo abone ubundi buryo bwo kwishakira imibereho.

*Inkuru yabayeho...*

Abakobwa bacye basengeraga mu itorero rinini kandi bakanaririmba muri korali. Imiryango yabo yari abakene. Abo bakobwa babaga mu mibanire y'ubusambanyi n'abagabo kugira ngo babone amafaranga yo gufasha imiryango yabo. Ese itorero ryafasha iki kuri iki kibazo?

Ni iki itorero ryawe rikwiriye gukora kugira ngo rifashe abantu kureka imibereho ishingye ku byaha?

**Porunogarafiya**

Amashusho y'ubusambanyi arimo inyandiko, amashusho na videwo zagenewe gutera irari ry'ubusambanyi binyuze mu kwerekana ubwambure cyangwa igikorwa cy'imibonano mpuzabitsina.

Inzira ya murandasi ituma porunogarafiya iboneka byoroshye ku isi hose. Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rituma porunogarafiya ibera ikigeregezo abantu batigishijwe gukoresha amahame ya GiKristu kuri icyo kibazo. Abapasiteri n'abayobozi benshi bakuze ntibigeze bahura n'ibyo bigeragezo kuko murandasi yari itaraboneka igihe bari bakiri bato. Bashobora kutabashak gusobanukirwa ibyo urubyiruko ruhura nabyo.

**Porunogarafiya ni mbi** kuko yateguriwe gutera umuntu kwishimira gutekereza ibikorwa by'ubusambanyi, ubuhehesi, n'uburyo bwinshi bwo kugoreka imibonano mpuzabitsina. Bishishikariza umuntu usanzwe ufite irari ry'ibyaha. Porunogarafiya itumira kandi igafasha umuntu kwishimira ibikorwa bidakwiriye Imana icira urubanza.

**Porunogarafiya irabata**. Umuntu ukoresha porunogarafiya yumva ayikeneye cyane. Ntashobora kwiyumvisha kubaho atayireba. Kuri we, ubuzima bugaragara ko ari ubusa kandi budashimishije igihe adafite ibitekerezo aheshwa na porunogarafiya. Nk'uko izindi ngeso mbi zose zifata umuntu, iryo rari rirakura rikamurusha imbaraga, maze agatangira gutanga ibimugirira akamaro byose mu buzima bwe.

**Porunogarafiya irakura**. Uyikoresha akenera ibintu birushaho kuba byambaye ubusa no kuyobya. Atangira kwishimira ibitekerezo by'isoni nke byari kumutera iseseme n'ubwoba mbere.

**Porunogarafiya irangiza**. Ukoresha porunogarafiya agenda abura ubushobozi bwo kwishimira umubano usanzwe. Ibyifuzo bye bigenda bihinduka ibitari karemano ku buryo

bidashobora na rimwe guhazwa. Agera aho atakibasha kumva cyangwa kwita ku ihohoterwa abandi bahura na ryo.

Abashumba n'ababyeyi bagomba kuburira urubyiruko ku byago by'ingeso. Ababyeyi ntibakwiye guha abana babo uburenganzira busesuye bwo gukoresha murandasi igihe abo bana badakuze ku rugero rwo kuba babasha kwirinda ibigeragezo. Umuntu ukunze kugira ikigeragezo cya porunogarafiya akwiye kujya atanga ubuhamya bw'uko anesha cyangwa aho yagize intege nke kenshi ku muntu yizeye kandi utinya Imana. Uko guhozaho mu biganiro n'umuntu ukuze by'ukuri mu mwuka bizafasha ufite icyo kibazo gukomeza kuguma kurinda ubwere bwe ndetse no kugira intsinzi ihoraho.

► Ni izihe ngamba wagira inama abantu gukurikiza kugira ngo birinde kugwa mu ngeso yo gushishikarira porunogarafiya? Ni ubuhe buryo itorero ryafasha?

### Ibikorwa by'ubutinganyi

Sosiyete zimwe zihakana ubutware bwa Bibiliya, zinahakana kandi n'uburyo Bibiliya isobanura urushako. Bavuga ko abantu bafite uburenganzira bwo guhitamo umubano w'abahuje igitsina.

Bibiliya yamagana ibikorwa by'ubutinganyi.

► Itsinda rikwiriye kureba hamwe mu Abaroma 1:26-27, 1 Timoteyo 1:10, na 1 Abakorinto 6:9-10.

Iyi mirongo itatu yo muri Bibiliya ishyira ibikorwa by'ubutinganyi ku rutonde rwa bimwe mu byaha bibi cyane. Abakurikiza ibi byaha bahakana ubutware bw'Imana.

Abantu bamwe bavuga ko biyumva mu buryo karemano ko biyumvamo abo bahuje ibitsina. Bavuga ko badakwiye gushyirwaho umugayo kubera iyo myitwarire yabo, kuberako atari bo bahisemo kwiyumva muri ubwo buryo.

Bibiliya yigisha ko buri muntu yakurikiye kamere imuganisha ku cyaha (Yesaya 53:6). Imana iduhamagarira kwihana ibyaha bwacu dukora nkana (Yesaya 55:7). Kubera ko twavukanye kamere y'icyaha, irari ryacu rya kamere ntirishobora kwizerwa mu kutuyobora. Umuntu ashobora kumva afite ubushake bukomeye bwo gusambana, cyangwa kugira urugomo, cyangwa kwiba, ariko kuba abyumva atyo ntibisobanura ko ibyo yifuza ari byo.

## Kwikinisha

Kubera ibyifuzo bwo gukora imibonano mpuzabitsina, benshi mu batarashaka barikinisha. Kwikinisha ni ugukorakora imyanya ndangagitsina kugira ngo umuntu yishimishe cyangwa agabanye irari ry'igitsina.

Gukoresha porunogarafiya cyangwa kugira ibitekerezo byo gukora imibonano mpuzabigitsina ku bushake ni icyaha (Matayo 5:27-28, Matayo 15:19-20). Bibiliya ntivuga mu buryo bweruye ko kwikinisha ari icyaha cyangwa ko ari iby'isoni nke. Ariko kwikinisha bishobora gutera gutekereza ibishingiye ku irari, gukoresha porunogarafiya, no gusambana.

Kwikinisha na byo si iby'ubwenge kuko bitera ingeso: uko ubikora kenshi ni ko urushaho kumva ubikeneye.

Kwikinisha gukabije kenshi na kenshi byerekana ikibazo cyimbitse, nko kugira ibibazo by'amarangamutima cyangwa iby'imibanire, cyangwa kuba warakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu gihe cyashize.

► Abanyeshuli nibasomere itsinda mu 1 Abakorinto 6:12-13, 18-20 no mu 1 Abatesalonike 4:1-8

Imana yagennye ubumwe bw'umubiri mu rushako kugira ngo bufashe umugabo n'umugore kwiyunga mu marangamutima no mu buryo bw'umwuka (1 Abakorinto 6:16-20, Malaki 2:15).

> Benshi… bakeka ko kwikinisha bishobora kubafasha kwihanganira kuba ingaragu kugeza bashatse. Ariko bananiwe kumenya ko iyo imyitozo ihindutse akamenyero, ishobora guteza akaga ubwiza n'ubusabane bw'imibonano mpuzabitsina yo mu rushako mu gihe kizaza.
>
> Kwikinisha bitanga uburambe mu bijyanye no gukora imibonano mpuzabitsina ariko kutagera ku ntego nyamukuru y'imibonano mpuzabitsina: kguhura kw'abantu babiri bakaba umubiri umwe, haba mu buryo bw'umubiri no mu marangamutima. Kwikinisha ntibikwiye gukoreshwa nk'igisimbura imibonano mpuzabitsina isanzwe kandi iboneye mu rushako.[17]

Umuntu utarashaka yakora iki niba kwikinisha ari ikibazo mu buzima bwe? Nubwo umuntu yaba yikinisha agamije gusa kugabanya irari ry'igitsina, birakwiye cyane kubireka, kubera ibishuko bihari no kubera ko kwikinisha bituzuza umugambi w'Imana ku bijyanye n'imibonano mpuzabitsina.

- Niba hari ubwoko ubwo ari bwo bwose bw'icyaha cy'ubusambanyi mu buzima bwabo, bagomba kucyatura no kucyihana. Birakwiye ko bajya babwira kenshi umujyanama mukuru wubaha Imana iby'intsinzi n'ibyo batsinzwe, kugira ngo abasengere kandi abagire inama.
- Niba kwikinisha bituruka ku bibazo by'amarangamutima, iby'imibanire, cyangwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryabayeho mbere, birakwiye kandi ni ingenzi ko habaho kugisha inama umujyanama w'umuKristu wabihuguriwe.

Umwigishwa wa Kristo azafashwa no:

1. **Kwizera adashidikanya ko Yesu yita kuri we (Zaburi 139:1-3, 1 Petero 5:6-10).** Yita k'ukwizera kwawe, ibyo ukeneye ku mubiri, no kwera kwawe. Mu bumuntu bwe, yanesheje ibigeragezo duhura nabyo natwe byo mu buryo bw'umubiri no mu

[15] Dr. Tim Clinton and Dr. Diane Langberg, *The Quick-Reference Guide to Counseling Women*, (Grand Rapids, MI: Baker Books, 2011), 185

bitekerezo, kandi afite ubuntu natwe dukeneye kugira ngo tuneshe (Abaheburayo 4:14-16).

2. **Kutizera ibinyoma by'umwanzi (Yohana 8:44).** Umwanzi ashobora kukubwira ko Yesu atakwitaho, cyangwa ko iyo aba akwitaho yari kuba yarakuyeho irari ry'ubusambanyi rikubangamira cyane (1 Petero 5:7-8). Umwanzi ashobora kukurega ko uri umunyabyaha bitewe n'uko ufite ibyifuzo byo gukora imibonanao mpuzabitsina (Ibyahishuwe 12:10).

3. **Guhanga amaso Yesu no kumuhimbaza kubera uwo ari we (Zaburi 105:3-4).** Umubisha yifuza cyane gusenya kwizera kwawe no gusenya umubano wawe n'Imana binyuze muri iki kigeragezo (Yohana 10:10). Ariko umugambi wa Yesu muri iki kigeragezo ni uko kwizera kwawe gukomeza, kandi ukabasha kumuhesha icyubahiro kurushaho (1 Petero 1:5–9). Iyo uhanga amaso yawe mu guhimbaza Yesu, azaboneka mu bihe umukeneye ngo agufashe (Zaburi 46:1).

4. **Gutekereza ku Ijambo ry'Imana (Zaburi 119:9).** Gusoma, kumva, no gutekereza ku Ijambo ry'Imana bizagufasha guhagararana intsinzi mu gihe cy'ikigeragezo. Igihe Yesu yageragezwaga, yakoresheje Ibyanditswe kugira ngo aneshe (Matayo 4). Natwe niko dukwiye kubigenza.

5. **Kugira umuntu umwe byibura mukuru kandi wubaha Imana ubazwa ibyo ukora (Abagalatiya 6:2).** Kuba inyangamugayo kandi ugatinyuka kubwira umuntu (muhuje igitsina) wageze kure mu rugendo rwo kwizera bizagufasha cyane. Bazashobora kugusengera no kuguha inama. Kuganira na bo ku bibazo uhura na byo bizagufasha gukomeza kugumana kwera no gukomeza gushikama mu kwizera kwawe.

6. **Gukorera abandi no kwibanda ku byo bakeneye (Abafilipi 2:3-5).** Bnyuze mu gukorera abandi, rwanya umwete ukabije ushyira ku byo ukeneye n'ibyifuzo byawe.

7. **Kurushinga n'umuntu wubaha Imana mu gihe cy'Imana (Imigani 5:15, 18-19).**

## Amahame yo guhesha Imana icyubahiro binyuze mu bwere bw'imyitwarire mbere yo kurushinga

Urubyiruko ruhura n'ibishuko bikomeye mbere yo gushyingirwa. Ni ingenzi ko rwibuka ko rukeneye umuntu wo kuzabana w'indahemuka.[18] Ntirukwiye gutekereza ku mubano n'umuntu ushaka kwishimisha by'igihe gito atarashaka. Ntirukwiye gutekereza ku mubano n'umuntu utari umwizera wiyemeje (1 Abakorinto 7:39). Rukwiye gutekereza gusa ku muntu uzaba umufasha w'indahemuka mu rushako akanaba n'umubyeyi mwiza.

[16] Soma Imigani 31:11-12, 1 Timoteyo 3:11-12, Malaki 2:14-16, Imigani 2:16-17.

Umusore cyangwa inkumi ishaka kugira umubano mwiza w'urushako akwiye kuba umuKristu w'indahemuka kandi wiyemeje gukurikira Kristo, kugira ngo umuntu ukwiriye abe yamushima (Imigani 3:4–8). Umuntu agaragaza imico myiza akoresheje imyifatire ikwiriye n'imyambarire irangwamo kwiyoroshya (1 Timoteyo 2:9-10). Abantu bitwara nabi ntibitondere abo badahuje igitsina baba bagaragaza ko bashobora kwemera umubano ushingiye ku byifuzo bibi (1 Abatesalonike 4:1–7). Umuntu wambara mu buryo bushobora guteza ibyifuzo bibi akurura umuntu ufite imigambi mibi (Imigani 7).

Imana yahaye urubyiruko ababyeyi, abapasiteri, n'abandi bayobozi b'AbaKristu kugira ngo babayobore ku bijyanye n'imyifatire, imyambarire, n'amahitamo y'imibanire. Urubyiruko nirugandukira aba bayobozi mu kumvira Imana, ruzahabwa imigisha y'Imana myinshi kandi ruzarindwa ibibi byinshi n'ibigeragezo.

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri 1 Petero 5:5 no mu Abaheburayo 13:17.

Ni inshingano z'abana n'urubyiruko kugandukira ubwenge n'ubuyobozi bw'ababyeyi babo n'abayobozi b'umwuka. Ni inshingano z'aba bayobozi gufasha urubyiruko kubaho runesha ibigeragezo.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abaroma 13:14 no mu 1 Abakorinto 10:13.

Imana ntiyemerera abizera ko bagwa mu bigeragezo birenze ubushobozi bwabo bwo kwirinda no kubihunga niba babyifuza. Urubyiruko rufite inshingano yo guhunga ibigeragezo (2 Timoteyo 2:22). Nyamara ababyeyi bakwiriye gukumira uko bishoboka kose urubyiruko rwabo kugira ngo rudahura n'ibigeragezo bitari ngombwa. Hari uburyo bugera kuri butatu byibuze bwakwifashishwa:

**(1) Binyuze mu gutanga amabwiriza yihariye ku byo abana bagomba gukora n'ibyo batagomba gukora, abo bagomba kuba bari kumwe nabo, n'aho bagomba kujya (Abefeso 6:1-4).**

Ababyeyi ntibakwiye kwemerera abana babo kujya mu bihe ubukure bwabo butazaba buhagije kubarinda ibigeragezo. Urugero, niba umusore n'inkumi bari bonyine ahantu hiherereye, birashoboka ko bazageragezwa gukora ibibi.

**(2) Binyuze mu gukurikirana urubyiruko rwabo ku bijyanye no kugeragezwa.**

**(3) Mu guha urubyiruko inama zishingiye kuri Bibiliya.**

Ababyeyi bakwiye gufasha urubyiruko kwiga gutekereza ku bibazo bahura na byo bagendeye ku mahame ya Bibiliya (Imigani 4:1–9; 7:1, 4–5). Bagombye kuganira n'urubyiruko rwabo ku byago babona. Bagomba gufasha urubyiruko rwabo gutekereza ku mahitamo atandukanye bazakenera gufata. Bashobora gufasha urubyiruko rwabo gutekereza kare uburyo bwo kwirinda ibigeragezo n'icyo bakora igihe bageregejwe.

Itorero rigomba gutandukana n'umuco waryo igihe ririnda imyitwarire ishingiye ku Byanditswe. Imico myinshi ntiyemera ko icyaha cy'ubusambanyi ari ikintu gikomeye. Iyi

mico iba yiteze ko urubyiruko rutarashyingirwa rugira imibonano mpuzabitsina mbere yo kurushinga. Itorero ntirikwiye kubererekera icyaha. Itorero ntirikwiye kwemera ko icyaha cy’ubusambanyi mu rubyiruko ari ikintu gisanzwe. Imana ivuga ko abasambanyi nta murage bafite mu bwami bwa Kristo.

► Abanyeshuli nibasomere itsinda mu Abefeso 5:3-7 ndetse no mu Abaheburayo 13:4.

Agahe kabanziriza ishyingirwa ntabwo ariwo mwanya wo gutangira gukora imibonano mpuzabitsina. Ahubwo ni igihe umugabo n’umugore bemeza ko basangiye intego zimwe zishingiye ku mwuka na Bibiliya. Ni igihe bubaka ubumenyi hagati yabo bubashoboza kwizerana bihagije kugira ngo bashobore gukomeza kwiyemeza kubana akaramata. Niba badashoboye kugera kuri ubwo bwizerane bw’imico y’undi, bagomba guhagarika uwo mubano ntibashyingiranwe.

Abantu mu miryango imwe batinda kubaka kubera ko umuco wabo uteganya ko ubukwe ari umuhango uhenze kandi uhambaye. Incuro nyinshi, babana imyaka myinshi bakabyarana ariko batarashyingirwa. Ku bashakanye bamwe, ibirori byo gushyingirwa bibagiraho ingaruka mu bukungu igihe kirekire nyuma yaho kubera ko baba bakoresheje ibyo bari bafite byose mu birori by’ubukwe ndetse bakaba baranatse inguzanyo. Itorero rikwiye kuba umuryango w’abizera utanga urugero rutandukanye kw’ishyingirwa. Ishyingirwa rya GiKristu ni iry’umugabo n’umugore biyemeje gukundana no kwiyegurira Imana kandi ntirikwiye gusaba amafaranga menshi atinza ubukwe cyangwa ngo agire ingaruka mbi ku hazaza h’abashakanye.

► Ni ubuhe buryo ishyingirwa rya GiKristu rikwiye gutandukana n’imigenzo y’ishyingirwa iranga umuryango?

## Abantu batajya bashaka

Urushako ni umugambi w’Imana ku bantu benshi. Nyamara, Intumwa Pawulo yavuze impamvu zimwe zishobora gutuma abantu badashaka. Mu 1 Abakorinto 7:26, yavuze ku “ingorane zihari”—imiterere igoye y’ubuzima ishobora kuba yarimo n’itotezwa. Yavuze ko byaba byiza kudashaka muri iyo miterere.

Icyo cyanditswe kandi (1 Abakorinto 7:32–35), kigaragaza ko umuntu utarashyingirwa afite inyungu idasanzwe—ashobora kwibanda ku byo gushimisha Umwami nta kindi kimuhugije. Umuntu utarashaka kandi ashobora kwibanda ku gukorera Imana adafite impungenge zo kwita ku mugore cyangwa umugabo. Iyo umuntu yahamagawe n’Imana ngo yibande ku murimo atarashatse, ashobora kuba ingirakamaro cyane kandi akagira umugisha mu murimo we.

Hari n’izindi mpamvu Imana ishobora guhitamo ko umuntu aguma kuba ingaragu (Matayo 19:10-12). Ntidukwiye kwibwira ko ibi ari ibintu bidasanzwe. Ntidukwiye kwibwira ko buri muntu utarashaka agomba guhuzwa n’undi. Ntidukwiye kwibwira ko ibyishimo n’umunezero wuzuye bizanwa n’urushako (Zaburi 107:9).

Umuntu w'ingaragu agomba kwitondera kugira imibanire mibi bitewe n'ibyifuzo by'amarangamutima n'iby'umubiri. Imana ihesha ibyishimo n'umunezero umuntu wiyeguriye Imana rwose.

### Amabwiriza ya Bibiliya ku urushako

► Musomere hamwe 1 Petero 3:1-7 n'Abefeso 5:22-33. Itsinda rikwiye kubika iyi mirongo kugira ngo yigwe neza muri iki kiganiro.

**Umugabo ategetswe gukunda umugore we nk'uko Kristo yakunze itorero**. Yesu nawe yitangiye itorero nk'igitambo. Umugabo ategetswe kwitanga mu nyungu ze, ibimunezeza n'ibyifuzo bye kugira ngo yuzuze ibyifuzo by'umugore we. 1 Petero 3:7 havuga ko agomba kubana n'umugore we mu buryo bw'ubwenge, bisobanuye ko agomba gukora ibishoboka byose kugira ngo yumve umugore we. Akwiye kumwiga kugira ngo asobanukirwe n'ibyo akeneye.

Umugore yitwa "urwabya rworoshye" muri uyu murongo. Umugore akeneye kwitabwaho n'umugabo we. Akwiye kumurinda atari ibyago by'umubiri gusa ahubwo no guhangayika ko mu buryo butandukanye harimo nukw'amarangamutima.

**Umugore ategetswe kugandukira umugabo we no kumwubaha**. Umugore agomba kwemera ubuyobozi bw'umugabo we, niyo umugabo yaba atari umwizera. Niba abikoze, umugabo we utizera ashobora kuba yakwizera nawe.

Ni ingenzi kwibuka uburyo amategeko muri iyo mirongo atangwa. Umugabo ntiyategetswe gushyira igitugu ku mugore we. Umugore ategetswe kumvira umugabo we, ariko umugabo ntiyategetswe kumutegeka kumvira. Ategetswe gukunda umugore we no kwitanga uko bikenewe kugira ngo amwiteho. Umugore nawe ni uko, ntategetswe gusaba umugabo we kumwitaho; ahubwo ategetswe kumwubaha.

Icyo umugabo akwiye gushyira imbere si ugushimangira ubutegetsi bwe, ahubwo ni ugutanga urukundo. Icyo umugore akwiye gushyira imbere si ugusaba kwitabwaho, ahubwo akwiye gushyira imbere kubaha umugabo we.

Intumwa iburira umugabo ko amasengesho ye azagira inkomyi niba atita ku mugore we neza. **Ibyo bitubwira ko imyitwarire yacu mu rushako igira ingaruka ku mubano wacu n'Imana.**

Intumwa Yohana yavuze ko niba umuntu adakunda mugenzi we, aba adakunda Imana (1 Yohana 4:20). Mu buryo nkubwo, dukurikije amagambo ya Pawulo na Petero dushobora kubona ko umugabo utita ku mugore we uko bikwiye adakunda Imana uko bikwiye. Umugore nawe utubaha umugabo we, ntiyubaha Imana uko bikwiye.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu 1 Abakorinto 7:1-5.

Iyi mirongo itubwira ko umwe mu migambi yo gushaka ari uguhaza irari ryo gukora imibonano mpuzabitsina. Umugabo n'umugore buri umwe yihaye undi kandi barekuye

uburenganzira bwabo ku mibiri yabo. Ibyo bishatse kuvuga ko umuntu washatse adakwiye gutegereza ko azakora imibonano mpuzabitsina igihe yishakiye gusa, ahubwo akwiye no kwitabira guhaza ibyifuzo by'uwo bashakanye. Iyi Imirongo ntivuga ko umuntu ashobora gusaba guhazwa kw'ibyifuzo bye ku ngufu cyangwa ku gahato k'uwo bashakanye. Ahubwo iyi mirongo isaba buri wese kwita ku byifuzo bya mugenzi we.

Uyu murongo utubwira ko abantu bashyingiranywe batagomba kwimana ubu burenganzira hagati yabo. Igihe gito cyo kwifata ku bijyanye n'imibonano mpuzabitsina giherekejwe no kwiyiriza ni ikintu cyemewe, ariko gutandukana igihe kirekire bitera ibishuko kubera ibyifuzo bitujujwe. Rimwe na rimwe abashakanye bashobora gutandukana amezi menshi cyangwa igihe kirekire bitewe nuko umwe akora kure cyangwa yiga kure yundi. Mbere yo gufata iki cyemezo, hakwiye gutekerezwa niba uwo mugambi ugendanye n'ubushake bw'Imana. Bashobora guhura n'ingorane ziturutse muri uku gutandaukana.

Impamvu imwe mu mpamvu z'urushako ni ukurema imiryango ibasha kwita ku bayigize.

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri 1 Timoteyo 5:8.

Uyu murongo ugaragara mu gice kivuga ku nshingano z'abagize itorero zo kwita no kurengera buri wese. Inshingano ya mbere y'umuntu ni umuryango we bwite. Umubyeyi akwiye kumenya neza ko ibyo umwana akeneye byabonetse, nko kuba afite aho aba, ibyokurya, imyambaro n'uburezi. Umubyeyi akwiye gukora ibishoboka byose kugira ngo atange ibikenewe aho gusigira abandi iyo nshingano.

## Ibyo Gusangira mu Itsinda

Ingingo ziri muri iri somo zizatera ibiganiro byinshi.

Abanyeshuli bagombye kugerageza gushyira mu bikorwa amahame yo muri Bibiliya y'iri somo mu buzima bwabo.

► Ni ukuri kuhe ku urushako abantu benshi basa n'aho bibagirwa?

► Itorero ryafasha rite urubyiruko rurwana no kurwanya ibishuko by'isi?

► Ni ubuhe buryo abagize itorero bakorana (uretse mu ishuri ryo ku cyumweru) kugira ngo bafashe mu gukemura ingorane zijyanye no gutoza abana gukurikira Kristo?

## Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Ndagushimiye ku bw'umugambi wawe mwiza ku rushako. Mfasha kudahemuka k'ubushake bwawe ku ubuzima bwanjye. Mfasha kuba icyitegererezo cy'ubudahemuka bwa GiKristu. Mfasha gushishikariza abandi gukurikira ubushake bwawe.

Mfasha gufatanya n'itorero mu gufasha imiryango, urubyiruko n'abana gukomera mu kwizera no mu kumvira.

Urakoze ku bw'ubuntu utugirira bwo kugira imibanire wihereye umugisha.

Amena

## Imikoro y'isomo rya 7

(1) Niba utarashaka, andika ibika bibiri byo kwiyemeza kubaha amahame y'Imana mu rukundo rwanyu igihe mutarashakana no mu rushako rwawe ruzaza. (2) Niba warashatse, andika ibika bibiri bivuga ku kwiyemeza kubaha amahame y'Imana mu rushako rwawe.

(2) Hitamo insanganyamatsiko imwe cyangwa nyinshi muri iri somo wandike ipaji imwe usobanura uko umuntu yakoresha amahame ya Bibiliya muri sosiyete yawe.

Ingero:

- Sobanura imibanire ya GiKristu iri hagati y'umusore n'inkumi bitegura kurushinga mu muryango wanyu.
- Sobanura imyitwarire y'umugabo cyangwa umugore ushaka kugaragaza ubudahemuka mu rushako mu muryango wawe.

# Isomo rya 8
# UbuKristu mu kubungabunga ibidukikije

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Gusobanukirwa impamvu Imana yaremye ibintu byose n'uburyo umuntu atandukanye kuruta ibindi byose Imana yaremye.

(2) Gusobanukirwa ko Imana yahaye abantu ubusonga ku byo yaremye byose.

(3) Kumenya inzira nyinshi zitandukanye umuntu ashobora gukoresha mu gucunga neza ibyo Imana yaremye.

## George Washington Carver, umushakashatsi mu by'ubuhinzi

George Washington Carver yavukiye mu bucakara muri Amerika ahagana mu 1860. Nyuma y'aho ubucakara bukuweho, yashatse kwiga. Muri icyo gihe, abana b'abirabura babonaga amasomo bigoranye, ariko umugore w'umunyampuhwe yaramubwiye ati: "Ugomba kwiga uko ushoboye kose, hanyuma usubire mu buzima bwo hanze ugabane ubumenyi bwawe n'abandi." George yasenze agira ati: "Mwami, nyereka amabanga y'isanzure," yavuze ko Imana yamusubije igira iti: "Uri muto cyane ngo ushobore gusobanukirwa amabanga y'isanzure" Hanyuma George arasenga ati: "Noneho Mwami, nyereka amabanga y'ubunyobwa," yavuzeko ko Imana yabyemeye. Ubunyobwa bwari ingenzi kuko bwari igihingwa nyamukuru cyahingwaga n'abahinzi benshi bakennye. George yari azi ko guhanga ibicuruzwa byinshi biva mu bunyobwa byagombaga kongerera agaciro umusaruro w'ubunyobwa. George yavumbuye ibicuruzwa 300 biva mu bunyobwa n'ibicuruzwa 100 biva mu ibijumba. Yigishije ubuhinzi mu Kigo cya Tuskegee imyaka 47 kandi abona uburyo bwo kwigisha abahinzi uburyo bushya, abafasha kunoza ubutaka bwabo no kubona umusaruro mwiza. George Washington Carver yari umugisha ukomeye kubera kwizera Imana n'icyizere cye ko ibyaremwe iyo bicunzwe neza, bishoboraga kuzanira inyungu nyinshi abantu.

**Ekolojia ni ubumenyi bwiga uburyo ibinyabuzima bihuza hagati yabyo n'ibidukikije.**

## Ubutware bw'abantu ku byaremwe

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Itangiriro 1:1, 26-28.

Inshingano ikiremwamuntu gifite kw' isi ishingiye ku kuba Imana yarayiremye ku bw'ishimwe ryayo (Zaburi 148), kandi ikagenera abantu kuyiyobora no kuyitaho nk'abagenga bayo. Nk'abantu baremwe mu ishusho y'Imana, twaremewe gutegeka nk'uko Imana yabikora. Umwanditsi wa Zaburi yagize ati, "Wenze kumugira (Umuntu) nk'Imana

aburaho hato, Umwambika ubwiza n'icyubahiro nk'ikamba. Wamuhaye gutegeka ibyo waremesheje intoki zawe, Wamweguriye ibintu byose ubishyira munsi y'ibirenge bye" (Zaburi 8:6-7). Abantu bafite uruhare rwihariye mu isi. Ntabwo ari inyamanswa. Imana yahaye abantu inshingano yo gutegeka isi n'inyamaswa zibamo.

Imana yabwiye Adamu na Eva kororoka no kuzura isi. Yababwiye kuyitegeka. Igikorwa cyo gutegeka isi cyagombaga gukomeza gukorwa n'abazakomoka kuri bo. Igikorwa cyo gutegeka isi kirimo kugenzura, gutura ahantu hashya, kuvumbura no gukoresha amabuye y'agaciro, korora inyamaswa, no guteza imbere ikoranabuhanga.

Ikintu cyose cyari cyiza igihe Imana yakiremaga. Umurimo w'umuntu wo kwita ku busitani bwa Edeni (Itangiriro 2:15) wari umurimo ushimishije uhuje n'ibidukikije. Icyaha kimaze kubaho, ibidukikije byagizweho ingaruka n'umuvumo, n'umurimo w'umuntu ugira ingorane (Itangiriro 3:17-19). Nubwo isi itagifite uburanga bwayo bw'itangiriro (Abaroma 8:18–23), iracyerekana ubwiza bw'Imana mu buryo yaremwe butangaje.

Nyuma y'umwuzure, Imana yahaye abantu uburenganzira bwo kurya inyamaswa (Itangiriro 9:3). Amategeko Imana yahaye Mose yabuzaga abantu kurya inyamaswa zimwe, ariko Isezerano Rishya ritubwira ko ubu twemerewe kurya inyamaswa iyo ari yo yose ibereye kuribwa (Mariko 7:19, 1 Timoteyo 4:4). Inyamaswa ntizigira uburenganzira buzishyira ku rwego rungana n'urw'abantu.

**Inshingano z'abantu zo gucunga umutungo**

Nubwo abantu bahawe ubutegetsi ku isi (Itangiriro 1:28), ntibahawe ubutegetsi bw'ikirenga. Abantu bose bazabazwa n'Imana. Isi n'umusaruro wayo biracyari iby'Imana.

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri Zaburi 24:1 no muri Zaburi 50:10-11.

Isi ni iy'Imana. Imana yateguye isi kugira ngo ihishure icyubahiro cyayo (Zaburi 19:1), yuzuze ibyo abantu bakeneye (Itangiriro 1:29), kandi ibe ahantu heza ho kubaho kuri bo. Ishaka ko twishimira isi n'ibiyiturukamo. Ntidukwiriye kuramya isi, kuko ari igikorwa cy'amaboko y'Imana (Abaroma 1:25). Kandi ntitugomba gukoresha nabi isi mu buryo bwangiza.

Rimwe na rimwe abantu bakura inyungu mu butaka ariko bakanabwangiza icyarimwe. Abantu bashobora gucukura amabuye y'agaciro ariko bagasiga ubutaka butagira umumaro kandi busa nabi. Rimwe na rimwe, abantu batema ibiti byose mu gace runaka, bigatuma imvura itwara ubutaka bwiza bwose. Rimwe na rimwe, abantu bahiga inyamaswa zo mu gasozi kugira ngo bazirye kugeza ubwo nta zitakiboneka muri ako gace. Abantu bajugunya imyanda mu nzuzi kugeza ubwo amazi ataba akibereye gukoreshwa.

Imana yateguriye isi gutanga umusaruro. Ni bibi ko abantu bakoresha ubutaka mu buryo bubwangiza. Gukoresha ubutaka mu buryo bwo kubwangiza ntibyubahisha Imana.

Imana yateguye isi kugira ngo ikorere abantu benshi mu bihe byinshi mu myaka ibihumbi. Dukwiye kumva dufite inshingano zo gucunga no kunoza ibidukikije ku

bw’abazadukomokaho. Umuntu wangiza ubutaka ku bw’inyungu yihuse ntakunda mugenzi we n’abazamukomokaho.

Ese wakwifuza gutekereza ko nyuma y’imyaka 20 hari umuntu uziba abana bawe? Oya, rwose! Nyamara abantu bambura abana babo iyo bangiza ibidukikije aho abana babo bazaba. Nubwo waba udafite abana bawe bwite, ugomba kwita ku bandi bana bazatura isi ejo hazaza.

Abantu benshi bitwararika k’ubutaka bwabo bwite ariko ntibita ku butaka bwa rubanda. Abizera bakwiriye gutanga urugero rwiza rwo kwita ku bidukikije, kuko tuzi ko ari iby’Imana kandi kuko twita ku baturanyi bacu no ku bazadukomokaho.

Rimwe na rimwe, abantu batekereza bati, “Ubu butaka si ubwanjye, bityo nshobora gusiga imyanda yanjye hano,” cyangwa se bati, “Nshobora gutema ibiti byose, n’ibikiri ibito cyane.”

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Gutegeka kwa kabiri 22:6.

Mu gice kimwe cy’isi aho igitabo cyo Gutegekwa kwa Kabiri cyandikiwe, hariho inyoni zabaga zoroshye gufatwa igihe zicaye mu cyari cyazo. Igihe cyose abantu bafataga nyina; amagi cyangwa ibyana, izo nyoni zari gushira vuba. Imana yababwiye kurekura nyina kugira ngo ubwo bwoko butarimbuka burundu. Amategeko dufite muri iki gihe atandukanye bitewe n’aho abantu batuye, ariko uwo murongo wo muri Bibiliya utwigisha ko tugomba kwitonda no kurengera umutungo rusange w’ubutaka.

## Kwishimira ubwiza karemano

Igihe Imana yaremaga ibimera, ntiyaremye imboga n’imbuto gusa, ahubwo yaremye n’indabo n’ibindi byinshi by’ubwiza butangaje. Ibi bitwereka ko Imana ititा gusa ku ikoreshwa ry’ubutaka mu buryo bw’ingirakamaro, ahubwo inaha agaciro ubwiza bwabwo (Luka 12:27). Imana yaremye ubwiza bw’ibyaremwe kugira ngo itegurire abantu aho batura heza kandi hishimirwa.

Imisozi, ubutayu, inzuzi, ibibaya n’amashyamba byose bifite ubwiza karemano. Rimwe na rimwe abantu bavukiye ahantu runaka ntibabona rwose ubwiza buharangwa kuko babimenyereye.

► Tekereza ubaye uri umuhanzi. Tekereza ko umaze igihe kirekire ukora igishushanyo cyiza cyane hanyuma ukagihereza inshuti yawe. Hanyuma umunsi umwe wamusuye ukabona cya gishushanyo kiri hasi cyangijwe no gukandagirwa n’ibirenge by’abantu. Ese wakumva umeze ute?

Hariho imidugudu myinshi aho abantu bajugunya imyanda yabo yose hasi. Basukura aho batuye, ariko bagasiga imyanda ahandi hose. Usanga imihanda yo mu gace batuyemo yuzuye imyanda.

► Abantu nkabo bakeneye gusobanukirwa iki?

Tugomba kwita ku bice dusangiye n’abandi, ku nyungu zabo no ku nyungu zacu ubwacu.

► Ese itorero ryakora iki mu guhindura aho ribarizwa?

## Imikoreshereze y'inyamaswa

Inyamaswa zitandukanye n'abantu. Ntabwo zaremwe mu ishusho y'Imana. Bityo, nta roho idapfa zifite (Umubwiriza 3:21), kandi nta burenganzira bwa muntu zigira.

Imana yahaye abantu uburenganzira bwo kurya inyamaswa, ibyo bikaba bisobanura ko guhiga inyamaswa zo mu gasozi ngo umuntu aziriye no kurya izororerwa mu rugo byemewe.

Mu mateka menshi y'abantu, n'ibintu bisanzwe ko abantu batunga inyamaswa zo mu rugo cyangwa izibafasha mu mirimo.

► Ese Imana yaba yita k'uburyo abantu bafata inyamaswa?

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Imigani 12:10.

Uyu murongo utwereka ko kimwe mu biranga abantu b'intungane ari ukwita neza ku matungo yabo. Ubugome ni kimwe mu biranga umuntu mubi.

Umuntu utunze itungo agomba kuryitaho akamenya niba ryabonye ibyo kurya, amazi, n'aho kuba. Hari ikitagenda neza ku bantu batita ku byo amatungo yabo akenera.

Ibuka ko inyamaswa zose ari iz'Imana (Zaburi 50:10-11). Zose zateguwe kandi zaremwe n'Imana. Yaziremye mu bwoko bwinshi butandukanye. Yashoboraga kuba yarema nke gusa zakwifashishwa mu kuribwa no mu mirimo, ariko yaremye ubwoko bw'inyamaswa ibihumbi n'ibihumbi, usibye udukoko n'ibinyabuzima bito cyane bitagaragara n'amaso. Guhanga kudasanzwe kw'Imana kugaragarira mu bwoko bwinshi bw'inyamaswa.

Zimwe mu nyamaswa zishobora kugaragaza ubudahemuka no gushimira ba nyirazo. Zishimira kwitabwaho n'abantu kandi ziga gusubiza. Zifite ubwenge buhagije bwo kwiga ibintu byinshi. Biragaragara ko Imana yaziremye kugira ngo zibane n'abantu. Imana yahaye inyamaswa kubaha abantu mu buryo bwihariye (Itangiriro 9:2).

Imana yaremye inyamaswa zifite ubwenge n'imiterere ibasha gusubiza abantu. Kuzifata nabi ni ukutubaha umugambi w'Imana. Uretse n'ibyo, hari ikitagenda neza kandi kigayitse ku muntu wishimira kubabaza inyamaswa.

Bibiliya ikoresha kenshi urugero rw'umwungeri. Dawidi yabanje kuba umwungeri mbere y'uko aba umwami wa Isirayeli. Dawidi yanditse Zaburi ya 23 agereranya Imana nk'umwungeri. Dawidi yamenye ko Imana yita ku abantu bayo nk'uko umwungeri yita ku intama ze. Mu Isezerano Rishya, abashumba bagereranywa nk'abungeri (1 Petero 5:2 n'ahandi henshi). ikigereranyo nk'icyo nticyagira icyo gisobanuye niba Imana itari kwitega ko abantu bita ku matungo yabo.

Uburyo Dawidi yitaga ku ntama ze byari umwitozo wo kwita ku bantu. Mu buryo bumwe, kwita ku butaka no ku matungo Imana yaduhaye bizatuma dutegurwa kwita ku bantu.

## Agaciro k'Ibara ry'icyatsi

Icyatsi ni ryo bara rusange mu bidukikije uretse ahantu hatagira amazi cyangwa ubutaka bwiza. Ni ibara rituma amaso yacu aruhuka cyane.

Abantu benshi batuye mu mijyi bumva baruhutse iyo basohotse mu mujyi bajya ahantu karemano.

Ahantu henshi ho mu mijyi ntihagira ibimera. Igice kinini cy'ubutaka kiba gitwikiriwe na kaburimbo cyangwa sima. Imiryango imwe n'imwe yatangiye gushyira imbaraga mu gutunganya parike n'utundi duce tw'icyatsi mu mijyi. Abantu bose muri sosisyete bakwiye gukorera hamwe kugira ngo haboneke ahantu ibiti n'ibindi bimera byakura. Bagombye kugenera abantu ahantu h'icyatsi ho kuruhukira, cyane cyane abana bakahakinira. Imiryango ishobora kugira ahantu hatewe utwatsi mu mbuga zabo no mu mazu yabo binyuze mu gutera ibimera.

## Itandukaniro mu Kwita ku bidukikije mu buryo bwa GiKristu

► Kuki abizera bakwiye kwita ku bidukikije?

Bamwe batekereza ko dushobora kurokora isi binyuze mu kuyirinda kwangiza ibidukikije. Twebwe nk'abantu ntidushobora kuyirokora, ariko tugomba gukora ibishoboka byose ngo tuyirinde igihe cyose bishoboka. Abizera bazi ko tudashobora guhagarika rwose isenyuka ry'isanzure. Imana izahindura isi nshya rwose (Ibyahishuwe 21:1). Niyo mpamvu tuzi ko tudashobora kurokora isi.

Hari abantu bemera ko abantu bataruta inyamaswa, kandi ko dukwiriye kuzubaha kuko uburenganzira bwazo bungana n'ubwacu. Abizera bazi ko Imana yahaye abantu ububasha bwo gutwara isi. Tuzi ko abantu batandukanye n'inyamaswa kuko baremwe byihariye mu ishusho y'Imana kandi bafite ubugingo budapfa. Niyo mpamvu inyamaswa zidafite uburenganzira bungana n'ubw'abantu.

Abizera bita ku isi kuko

1. ari iy'Imana.
2. Abantu bafite inshingano Imana yabahaye yo kwita ku isi.
3. Twita ku abazadukomokaho.

► Ni izihe ngeso zisanzwe mu gihugu cyangwa umuryango wanyu zigaragaza ko abantu badafite imyunvire ya gikristu mu kwita ku ibidukikije?

► Bwira abanyeshuli gufunga amaso no gusobanura ibyo babona iyo basohotse mu muryango w'itorero ryabo. Ako gace kari imbere y'itorero gasa gate? Ese haba hari imyanda ku butaka? Ako gace gateye nk'aho hari ukitaho? Ni nde ukwiye kwita kuri ako gace? Sobanura uko abantu b'itorero bashobora kugahindura. Kuki bakwiye gutekereza ku kwita kuri ako gace? Kwita kwabo kuri ako gace byagira izihe ngaruka ku bandi? Abanyeshuli bashobora gutekereza kimwe ku bice biri hafi y'amazu yabo.

## Ibyo Gusangira mu Itsinda

► Ni izihe ngeso ugomba guhindura?

► Itorero ryawe ryakora iki kugira ngo rizane impinduka mu umuryango ririmo binyuze mu kuba intangarugero no mu nyigisho?

► Sosiyete yawe yashobora gute kunoza ibidukikije igihe abantu bayigize bakoreye hamwe?

## Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Urakoze kuduhangira isi yuzuye ubwiza n'umutungo. Turagushimira kuduha inshingano zo kwita ku isi waremye.

Dufashe kubaho twishimira kurema kwawe gutangaje. Dufashe gukorera hamwe mu kurengera umutungo w'ubutaka n'ubwiza bw'isi.

Amena

## Imikoro y'isomo rya 8

(1) Andika igika gisobanura uko uteganya guhindura imikorere yawe bitewe n'ukuri wamenye muri iri somo.

(2) Andika ipaji usobanura imikorere mibi y'umuryango utuyemo. Hanyuma ukomeze usobanure uko wasobanurira umuntu impamvu imikorere ikwiriye kuba itandukanye. Shyigikira ibyo uvuga wifashishije Ibyanditswe Byera bifatika ndetse n'imitekerereze ya Bibiliya.

# Isomo rya 9
# Amafaranga

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Kwiyemeze gukurikiza amahame y'Imana mu gukoresha no gucunga neza amafaranga n'umutungo.

(2) Gusobanukirwa ibyago byo mu buryo bw'umwuka bijyana no kwemera no gukoresha amafaranga mu buryo butari bwo, ndetse n'uko wabyirinda.

## John Wesley, Gutanga n'umutima Mwiza

John Wesley yabaye mu Bwongereza kuva mu 1703 kugeza mu 1791. Yigishirizaga ubutumwa bwiza hanze, akibanda ku bakene batemererwaga kwinjira mu nsengero. Yabayeho yitonda, agerageza guhesha Imana icyubahiro m'ubuzima bwe bwose, harimo n'imikoreshereze y'amafaranga. Yigishaga ko abizera, iyo bamaze kubona amafaranga, bakwiye kuzigama uko bashoboye kose no gutanga uko bashoboye kose. Yari urugero rwiza mu myitwarire ihamye yo gukoresha amafaranga neza. Yagabanyije uko yakoreshaga amafaranga buri mwaka kugira ngo abone amafaranga menshi yo gufashisha. Uko amafaranga yinjizaga yiyongeraga, we ntiyongeraga ibyo akeneye ahubwo byagumaga hamwe, ahubwo yatangaga ayarengaga ho ku byo yari akeneye. Nubwo yinjije ubutunzi bwinshi mu buzima bwe, igihe yapfaga yari afite amafaranga make mu ntoki. Wesley yari azi ko Imana yizera abantu ikabaha amafaranga ngo bayacunge, kandi yigishaga ko abemera bagomba gukurikiza amahame y'Imana mu ikoreshwa ry'amafaranga.

## Itangiriro

Isezerano Rishya rivuga amafaranga kenshi kurusha izindi ngingo nyinshi, si uko amafaranga ari ingenzi cyane ku Mana, ahubwo ni uko abantu bafite ibibazo byinshi bijyanye n'amafaranga.

Nk'Umuremyi, Imana ni yo nyir'abantu bose n'ubutunzi bwabo. Nk'abizera, turi ab'Imana mu buryo bwihariye kuko yaducunguye. Tugomba kwiyumvamo ko turi abacungamutungo b'umutungo ugomba gukoreshwa mu izina ry'Imana.

Si bibi kwishimira ibintu byiza. Imana ishimishwa no kuduha umugisha niba twakira byose dushima kandi twicisha bugufi.

Ariko amafaranga ni ibyago mu buryo bw'umwuka ku bantu benshi.

## Imbuzi n 'Amabwiriza agenewe Abatunzi

► Bivuze iki kuba umutunzi?

Hari impamvu zitandukanye zituma umuntu afatwa nk'umutunzi.

Niba ufite amafaranga yo kugura ibirenze ibyo ukeneye by'ibanze, urusha ubutunzi nibura kimwe cya kabiri cy'abantu bo ku isi. Abantu benshi bakora buri munsi kugira ngo babone ibyo kurya uwo munsi; iyo habaye ikibabuza gukora, ntibabona ibyo kurya.

Abantu akenshi bafata umuntu nk'umutunzi iyo arusha abandi bantu benshi mu muryango we ubutunzi. Imibereho ye igaragaza ko akoresha amafaranga menshi kurusha abandi bantu benshi. Abantu bamufata nk'uri mu rwego rwo hejuru rw'imibereho. Ashobora kwishimira ibintu by'agaciro abandi benshi batabasha kugura. Agira ijambo ku bantu bafite ububasha. Abantu baba biteguye kumukorera kubera umutungo afite.

Bibiliya ifite amabwiriza n'imbuzi zihariye zagenewe abatunzi.

Amagambo Yesu yavuze ko bikomeye cyane ko umutunzi yinjira mu ijuru (Matayo 19:24) akwiye kuba icyitonderwa gikomeye cyane.

Dushobora gusobanukirwa ibyago by'ubutunzi twumvise ubutumwa intumwa Pawulo yagejeje ku batunzi.

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri 1 Timoteyo 6:17-19.

Pawulo aburira abatunzi kutiyemera ngo biyumve ko baruta abandi. Hariho ikigeragezo ku batunzi ko kwiyumvamo ko baruta abandi. Yakobo aburira itorero kutagwa muri ako kaga, ko guha abantu icyubahiro bitewe n'ubutunzi cyangwa icyubahiro bafite mu muryango (Yakobo 2:1-4).

Umutunzi ntakwiye kwiringira ubutunzi bwe, ahubwo akwiye kwizera Imana. Biraruhije ko umutunzi yumva ko akeneye ibyo Imana itanga iyo afite amafaranga yizigamiye. Hariho ikigeragezo cyo kwirara mu buryo bw'umwuka kubera kutumva ko ukeneye ubufasha bw'Imana (Gutegeka kwa kabiri 8:6-18).

Abatunzi bakwiye gutanga n'umutima ukunze kandi bagakoresha amafaranga yabo mu gukora ibyiza.

Kimwe mu byo abantu b'abatunzi b'isi bashinjwa muri Yakobo 5:5 ni uko babayeho mu byishimo mu gihe abandi bababaraga. Ibintu byinshi byiza bishobora kugerwaho binyuze mu gutangana ubwenge. Amafaranga ntiyagura ibyishimo, ariko ashobora kugabanya imibabaro myinshi. Ni bibi ko umuntu yirengagiza imibabaro y'abandi mu gihe we abayeho mu buzima buhenze.

Binyuze ku muhanuzi Amosi, Imana yagaragaje umutima wayo ku butabera bw'abantu (imbabazi n'impuhwe ku bakene n'abahohotewe) muri aya magambo: "Ahubwo ureke imanza zitabera zigende nk'amazi, no gukiranuka gukwire hose nk'uruzi rusandaye" (Amosi

5:24). Imana yaciriye urubanza ubutunzi aho bwayoboraga abantu bugatera uburangare, kwinezeza birenze urugero, no kwirengagiza imibabaro y'abakene (Amosi 6:1, 3-6; 8:4-7, 11-12).

Uwizera wese akwiye gutanga atizigamye kugira ngo afashe abakene n'abahohoterwa, akwiye gutanga icyacumi kugirango ashyigikire itorero rye, kandi akwiye gutanga ngo ashyigikire umurimo w'ubumisiyoneri wo gukwirakwiza ubutumwa bwiza. John Wesley yavuze ko hari impamvu eshatu zatumaga itorero ryo mu gihe cye ritagira umusaruro mu isi:

1. Kubura inyigisho z'ukuri
2. Kubura kutirinda
3. Kubura kwigomwa

## Gukunda amafaranga

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri 1 Timoteyo 6:8-10.

Imbuzi zitangwa ku bijyanye n'amafaranga ntizireba abanyamafaranga gusa. Abakene benshi bumva ko batazashobora kugira ibyishimo kubera ko ari abakene. Ibyanditswe bitubwira ko urukundo rw'amafaranga ari umuzi w'ibibi byose. Icyo cyitonderwa kireba buri muntu wese.

Urukundo rw'amafaranga ntirushobora guhazwa. Nta mubare w'amafaranga wahaza umuntu uyakunda (Umubwiriza 5:10). Bibiriya itubwira ko dukwiriye kwirinda gukunda amafaranga, tukanyurwa n'ibyo dufite (Abaheburayo 13:5).

Umuntu wifuza gutunga cyane ahura n'ibigeragezo byinshi bishobora kwangiza imyitwarire ye. Mu rugendo rwo gushaka ubutunzi, umuntu ashobora kuva mu kwizera, maze aho kugira ibyishimo yateganyaga, akabona umubabaro mwinshi.

Hari igihe abayobozi b'idini bakurura abayoboke babasezeranya ubutunzi. Bavuga ko umuntu ufite kwizera akwiye kugira ubutunzi. Abantu benshi mu miryango ikennye bakururwa n'ayo masezerano kubera ubuzima bugoye babayemo. Aba bayobozi bavuga kandi bakabwiriza ku bijyanye n'amafaranga buri gihe, bishimira kwerekana ibimenyetso by'ubukire bigaragara ku bantu bo mu isi.

Ibyanditswe bitubwira ko iyo kubaha Imana bivanze no kunyurwa, bigira umumaro munini (1 Timoteyo 6:6). Umuntu ukurikira ubutunzi akoresheje idini ahura n'ibyago bisa n'iby'umuntu uwo ari we wese wo ku isi ukurikira ubutunzi. Amatorero asezeranya ubutunzi akurura abantu batahindutse, abashishikariza ku byifuzo byabo bwite. Ariko, ayo matorero yuzuyemo abantu bafite ibyiringiro ariko bakaba batazigera babona ibyo basezeranyijwe. Abantu bonyine bakira ubutunzi kubera ubutumwa bwigisha k'ubutunzi ni abavugabutumwa bateranya impano zivuye ku bantu babizera.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abafilipi 4:10-13.

Pawulo yashimye abakirisitu bo muri Filipi ko bamwoherereje impano yo kumutera inkunga. Yababwiye ko yize kunyurwa mu bihe byose, n'igihe cy'inzara. Iri jambo ritwereka ko Pawulo atahoraga afite amafaranga menshi. Yavuze ko abifashijwemo n'Imana ashobora byose. Ayo magambo agaragaza ko Pawulo yashakaga kuvuga ko yashoboraga kunyurwa no gukomeza kuba indahemuka ku Mana, aho ari hose n'uko yaba ameze kose.

## Ubunyangamugayo

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Imigani 11:1.

Uyu murongo uvuga ku bipimo bikoreshwa mu kugurisha ibintu bipimwa ku ibiro, nk'imbuto, imboga cyangwa inyama. Hari igihe abantu bakoresha ibipimo byagenewe kwerekana ibiro bitari byo kugira ngo babone amafaranga y'inyongera. Uyu murongo uvuga ko Imana yanga uburiganya.

Abantu benshi bakora ibikorwa by'uburiganya kubera amafaranga. Isomo rikurikira iri rizagaruka ku ngingo yo kuba umunyakuri.

## Kwizera Imana

Intumwa Pawulo yandikiye abizera bo muri Filipi, ibizeza ko Imana izabaha ibyo bakeneye. Iri ni isezerano ryiza. Tugomba kureba aho ayo magambo yanditse kugira ngo dusobanukirwe ibihe byariho.

► Umunyeshuri nasomere itsinda Abafilipi 4:15-19.

Itorero ryohereje inkunga y'amafaranga kuri Pawulo. Yavuze ko ari igitambo ku Mana. Yabasezeranije ko Imana izabaha ibyo bakeneye. Ntabwo yabasezeranije ko amafaranga yabo aziyongera cyane.

Iri sezerano ntiryari rigenewe abantu batitwaye neza cyangwa bakoresheje nabi ibyo bahawe. Ryari rigenewe abantu bari baracunze amafaranga yabo hakurikijwe iby'ingenzi by'umwuka.

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri Matayo 6:25-33.

Yesu yavuze uburyo Imana igaburira inyoni n'uburyo irimbisha uburabyo, yadusezeranije ko izitwitaho. Atubwira ko tudakwiye guhangayikishwa n'uko tuzabaho. Yadusezeranije ko ni dushyira ubwami bw'Imana imbere ibyo dukeneye tuzabihabwa.

Akenshi abantu ntibahangayikira iby'uwo munsi ahubwo bahangayikishwa n'iby'ejo hazaza. Imana ntiyasezeranije gutanga iby'ejo hazaza mbere y'igihe. Wibuke ko mu isezerano rya kera igihe manu yamanukaga yazaga buri munsi (Kuva 16). Yesu na we yavuze ko dukwiriye gusaba Imana umugati wacu w'uwo munsi (Matayo 6:11). Imana ishaka ko tuyizera buri munsi.

Yakobo avuga ko Imana yahinduye abakene ikabaha kuba abatunzi mu kwizera (Yakobo 2:5). Abakene bafite amahirwe menshi yo kwizera Imana kurusha abibwira ko bafite umutekano w'imari.

Kwizera Imana ariko ntibivuze ko tudakwiye gukurikiza amahame yayo. Ubusanzwe Imana itugenera ibyo dukeneye binyuze mu gukora akazi (Abefeso 4:28). Niba umuntu adashaka gukora, ntakwiye kwitega ko Imana izamugaburira, kandi abandi bantu ntibakwiye kumva ko bafite inshingano zo kumuha (2 Abatesalonike 3:10).

Ntidukwiye kwitega ko ibyo Imana iduha bizatugira abatunzi. Imana iha umugisha abantu bamwe kuba abatunzi, ariko gutunga ntabwo ari umugambi w'Imana ku bantu bose. Umuntu wifuza ubukire cyane azahura n'ibibazo mu mwuka.

## Umutungo ukoreshwa

Umutungo ukoreshwa ni ibintu umuntu atunze bimufasha gukora no gutanga umusaruro. Urugero twavuga nk'ubutaka, ibikoresho, cyangwa mudasobwa. Umuntu ashobora gukoresha umutungo ukoreshwa kugira ngo yunguke, ariko agomba kuwitaho kandi ntibikwiye ko yawugurisha, kuko bitabaye ibyo umusaruro uzahagarara. Urugero ruboneka muri Bibiliya ruvuga k'umutungo ukoreshwa ruri mu Imigani 14:4, "Urugo rutarimo inka rubamo isuku, ariko intege z'inka zihinga zitera kunguka."

Umukene ashobora kutumva igitekerezo cy'umutungo ukoreshwa. Urugero, ashobora gutekereza ko inshuti ye ifite amafaranga menshi kubera ko ifite ibikoresho bihenze, cyangwa mudasobwa, cyangwa imodoka. Atekereza ko inshuti cyangwa uwo bafitanye isano ufite ibintu nk'ibyo akwiye kumuha amafaranga igihe ayakeneye. Ariko ibyo bintu bishobora kuba umutungo ukoreshwa utagurishwa kuko kubitakaza byatuma nyirabyo abura aho akura amafaranga.

► Ni izihe ngero zindi z'umutungo ukoreshwa ubona mu buzima bwaho ukunze kuba uri?

Niba umuntu atumva uko umutungo ukoreshwa ukorera abandi, birashoboka ko na we atazi uko uwo mutungo nawe wamufasha. Ashobora kutabasha gusobanura neza icyo akeneye cyane cyangwa ubufasha bwamuhindurira imibereho. Ashobora gusobanura ubufasha nk'inkunga y'ako kanya imufasha mu mirimo ye ya buri munsi, aho kubufata nk'impinduka ihamye mu buzima bwe.

Kimwe mu biranga ubukene ni ukubura uwo mutungo ukoreshwa. Keretse iyo umuntu ukennye yize akamaro ko kubona, kubungabunga no kuzigama umutungo ukoreshwa, bitabaye ibyo ntashobora kuva mu buzima bwo gushingira ku bandi.

Mu mico imwe, biragorana ko umuntu azigama amafaranga no guteza imbere umutungo ukoreshwa, kuko abantu bamukikije baba bategereje ko abasangiza byose afite. Ntibumva impamvu abika amafaranga mu gihe hari undi uyakeneye. Bategereza gusangira ibyo afite ndetse niyo baba bataritwaye neza.

Umwigishwa wa Kristo agomba kubaha ibyo umuco we umwitegaho, ariko kandi agashyira mu bikorwa amahame ya Bibiliya. Ibyanditswe bitubwira ko tutagomba gufasha umuntu utazakora icyo ashoboye (2 Abatesalonike 3:10). Iyo umuntu ahaye umutungo ukoreshwa mugenzi we utita ku bintu mu buryo bwo kumufasha, birangira bombi bagumye mu bukene.

Bisa nkaho Ibyanditswe Byera bivuga ko kuba ubutunzi Imana itanga ari ugutunga umutungo ukoreshwa ku muntu ku giti cye bwite. Umuhanuzi Mika yavuze ko mu muryango wahawe umugisha, buri muntu azagira umuzabibu n’igiti cy’umutini cye (Mika 4:4). Ibyo bivuga umutungo bwite w’umuntu n’ibimufasha gutanga umusaruro. Mu bice bimwe na bimwe, ubuhinzi bushobora kutaba uburyo bwiza bwo gutanga umusaruro, ariko ihame ni uko abantu bahawe umugisha bagomba kugira ibibafasha kuzana umutungo.

Akenshi abakene bahindutse abizera batangira gutera imbere, atari gusa kubera umugisha uturuka ku Mana, ahubwo no kubera imibereho myiza batangiye kugenderaho. Batangira kureka gusesagura amafaranga ku bintu nk’inzoga, urusimbi, n’imyidagaduro itari myiza. Batangira gukora neza kurushaho kandi bakagira isura nziza mu bandi. Imana iha umugisha inkunga batanga mu murimo wayo. Kenshi abana b’umukirisitu baba bafite imibereho myiza kurusha ababyeyi babo.

► Ni izihe nzira abantu bo mu gace utuyemo bashobora kuba bakoresha mu gukora no kwizigama bikababafasha guteza imbere ubukungu bwabo?

## Urusimbi

Urusimbi ni ugusheta amafaranga ugamije kubona andi ku buryo bworoshye. Buri muntu utsinze atwara amafaranga y’uwatsinzwe, nta ngurane nimwe amuhaye. Abantu benshi bagwa mu ngeso yo gukina urusimbi, bagapfusha ubusa amafaranga yabo bakaba batagishoboye kwita ku miryango yabo. Hari abantu benshi bakoresheje amafaranga y’abandi mu gukina urusimbi, bizera ko nibatsinda bazayishyura. Abandi nabo benshi bari mu buroko bazira ubujura kubera gushaka kwiba ngo babone uko bakina urusimbi. Abantu benshi bari mu bukene nabo bakina urusimbi kuberako nta cyizere bifitiye cyuko ubuzima barimo buzahinduka bizera ko umunsi umwe bashobora kugira amahirwe bagatsindira amafaranga.

Gukina urusimbi bihabanye n’amahame menshi ya gikristu:

1. Ihame rigena kunguka binyuze mu gukora akazi (Abefeso 4:28)
2. Ihame ryo kunyurwa (1 Timoteyo 6:6)
3. Ihame ryo kubiba no gusarura (Abagalatiya 6:7)

Ikindi, Imana ishaka ko tubona inyungu dutanze serivisi cyangwa ibicuruzwa, aho gukura amafaranga ku bandi binyuze mu mahirwe. Urusimbi ni rubi kuko ni ingeso kandi rugatuma ibyaha byiyongera.

Gukina urusimbi bihabanye no kwiringira Imana. Umuntu akwiye kwibaza ati: “Ese nemera ko Imana iri kunyitaho?” “Ese nshobora gusenga nsaba ko Imana yampa ibyo nkeneye?”

“Ese nemera ko uburyo Imana ishaka kumpa ibyo nkeneye ari uko nshyira amafaranga yanjye mu kaga, nizeye kuyakura ku wundi muntu?” “Ese ntekereza ko Imana izampa ibihembo byo gukina urusimbi, ikandwanira ngo ntsindire amafaranga menshi?” Umuntu ukina urusimbi ntaba yiringira Imana ku bijyanye n’imibereho ye y’amafaranga. Iyo twizeye Imana by’ukuri, twimvira amabwiriza yayo, tukamenya neza ko izaduha ibyo dukeneye igihe tuyumviye.

## Umwenda

Iyo umuntu agujije amafaranga, aba yizeye ko azabasha kuyishyura mu mafaranga ateganye azaza mu bihe biza. Nuko rero, kuguza ni ugukoresha amafaranga yo mu gihe kizaza nubwo igihe kizaza nacyo kizazana n’ ibikenewe bishya.

Bibiliya ivuga ko uguze ari umugarugu w’ugurije (Imigani 22:7). Uwikopesha yishyiraho inshingano zimubuza ubwisanzure.

Ubwoko bumwe bwo kwikopesha buba bubi kurusha ubundi. Iyo umuntu yikopesheje amafaranga yo kugura ibikenewe nk’ibiribwa, aba yinjira mu bibazo bikomeye kurushaho. Ibiribwa bizakoreshwa bishire, kandi umwenda nawo uzagumaho, azarushaho kuba umukene kurusha uko yarari mbere.

Iyo umuntu afashe amadeni ku bintu bidakenewe, nko kwiyitaho birenze urugero, imyambaro idakenewe, imyidagaduro cyangwa imitako yo mu rugo, aba akoresheje amafaranga y’ejo hazaza. Aba yishyiriyeho imipaka ku bwisanzure bwe bwo mu minsi iri imbere; ejo hazaza ntazabasha guhitamo ibyo agura, kuko ayo mafaranga yamaze kuyakoresha.

Bimwe mu bigo by’ubucuruzi bitanga amadeni ku nyungu iri hejuru cyane. Abafata amadeni kuri ibyo bigo by’ucuruzi, bidatinze, bisanga babereyemo amafaranga menshi kurusha ayo bari barafashe mbere. Amaduka amwe agurisha ibintu ku nguzanyo ariko ku nyungu iri hejuru cyane. Abantu bishyura ibiciro byo hejuru ku bintu baguze ku nguzanyo kuko badashaka gutegereza kugeza bafite amafaranga ahagije yo kwishyura igiciro gisanzwe.

Hari igihe abantu bafata amadeni kugira ngo bitegure ubukwe buhenze nk’uko umuco wabo ubisaba. Bagatangira urushako rwabo bafite umwenda munini cyane. Itorero nk’umuryango w’abizera rikwiye gufasha abarigize, rihanga imigenzo mishya cyangwa rigashaka uburyo ubukwe bwaba bwiza ariko bidasabye amafaranga menshi cyane.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abaroma 13:7-8.

Iyi mirongo itubwira ko dukwiriye guha abandi ibyo tubabereyemo. Dufite umwenda wo kubaha no kumvira abadutegeka. Dufite umwenda wo kwishyura imisoro. Interuro ya mbere y’umurongo wa 8 ishyira mu ncamake ibyavuzwe mu murongo wa 7. Ntidukwiriye kubura guha umuntu icyo tugomba kumuha. Ibi ntibisobanura ko tudakwiye kuguza na rimwe, kuko iyo twishyuye nk’uko twumvikanye n’uwadukopesheje, tuba tutarenze ku byo tugomba gutanga.

Ni bibi ko umuntu aguza adafite umutima wo kuzishyura, cyangwa kuguza nyuma ukaza gufata umwanzuro wo kutishyura (Zaburi 37:21).

Amategeko yo mu Isezerano rya Kera yarebaga ishyanga rya Isirayeli ryari ribayeho mu buhinzi butari bufite ibikoresho bigezweho bikoreshwa mu buhinzi. Ubuhinzi ni bwo bwari isoko nyamukuru y'imibereho, imiryango yihazaga mu byo ikeneye mu buzima bwa buri munsi. Imiryango yabaga ifite ubutaka bumwe mu ibisekuru byinshi. Ni yo mpamvu bitari ibintu bisanzwe ko umuntu aguza amafaranga ngo agure ubutaka cyangwa atangire ubucuruzi. Iyo umuntu yaguzaga amafaranga, byaterwaga n'uko yabaga ari mu bibazo kandi akeneye amafaranga yo guhaza ibikenewe by'ibanze. Imana yashakaga ko Isirayeli iba umuryango w'abizera wita ku bawugize. Imana yababwiye kujya baguriza abantu bakeneye amafaranga ariko badashyizeho inyungu (Kuva 22:25). Kimwe mu biranga umuntu ukiranuka kigarukwaho muri Zaburi 15 ni uko ataguriza amafaranga ngo asabe n'inyungu (Ezekiyeri 18:5-9 ihuye Zaburi 15).

Si bibi iyo umushoramari asabye inyungu ku mafaranga agurije umuntu ushaka gutangira ubucuruzi (Matayo 25:27). Inyungu iba ari igihembo cy'umushoramari kubera ko yafashije ubucuruzi kubaho.

Abantu bakorana ubucuruzi n'abakene ntibakwiye gutekereza gusa ku nyungu (Imigani 22:16a). Ni bibi kugurisha ibicuruzwa bifite ireme ririri hasi cyangwa gusaba ibiciro bidakwiye, witwaje ko abakene baba badafite izindi nzira. Ni bibi gutanga amadeni cyangwa kugurisha ku nguzanyo ugamije inyungu iri hejuru cyane ku bantu bakugujije kubera ibibazo bikomeye bafite. Umucuruzi akwiye gushaka uburyo yafasha abakiriya be kugira imibereho myiza kurushaho.

Umuhanuzi Ezekiyeli yavuze ko icyaha cya Sodomu kitari gusa ubusambanyi, ahubwo ko abantu babagamo mu buzima bw'ibinezeza ntibafashe abakene n'abari mu bukene (Ezekiyeli 16:49). Imana idusaba kudaha abakene gusa, ahubwo no kubafasha mu buryo bufite umugambi kandi bunoze kugira ngo barusheho gukomera.

Amategeko y'Imana ku Abisirayeli atwereka ibyo Imana ishyira imbere. Muri iyi minsi ya none amategeko y'igihugu cyacu si amwe n'ayo Imana yahaye Isirayeli, ariko ibyo Imana yitaho biracyari bimwe kandi n'amahame yayo ni amwe. Itorero rikwiye gushaka uburyo bwo gufasha abakene kugira imbaraga, rihereye ku kwita ku muryango w'abizera, hanyuma rikagira uruhare mu guhindura imibereho y'abaturage muri rusange.

## Ingengo y'Imari

Bamwe mu bantu bakoresha amafaranga yabo yose ako kanya bakiyabona. Kenshi bahura n'ibibazo by'ibyo bakeneye mbere y'uko bongera kubona amafaranga. Bakaba batabasha gufasha abandi.

Ingengo y'imari ni umugambi wo gucunga neza uko amafaranga akoreshwa buri munsi. Abantu benshi bafite ibikenerwa baba bateganya igihe runaka, kandi bakwiye kuzigama amafaranga y'ibyo mbere y'igihe. Urugero, umuntu ashobora kuba akodesha inzu. Ashobora

kuba yishyura ku kwezi cyangwa ku mwaka. Akwiye kuba abasha kuzigama igice cy'amafaranga kuyo yinjiza kugirango abashe kwishyura ubwo bukode. Niba ubukode bwe ari ubwo yishyura ku mwaka, azaba afite amafaranga amwe igihe kirekire, ashobora kugwa mu gishuko cyo kuyakoresha, ariko akwiye kuyabika nk'aho yamaze kuyakoresha.

Amafaranga ya mbere umuntu akwiye kuzigama ni icyacumi (Imigani 3:9-10). Ugomba kwiyemeza gutanga 10% ku inyungu zawe mu gushyigikira umurimo w'Imana. Ntugategereze gukoresha amafaranga ngo asigaye abe ariyo utekereza gutangaho icyacumi. Imana izaha umugisha kudahemuka kwawe.[19]

Nyuma yo guhaza ibikenewe by'ibanze mu mafaranga yasigaye hamaze gutangwa icyacumi, umuntu akwiye kuzigama igice kimwe cyo muri ayo mafaranga asigaye kugira ngo azamufashe mu bihe bidasanzwe. Agomba kuzigama amafaranga amwe yo kuzamura imibereho ye, nko kuzigama kugira ngo azagure inzu ye bwite. Agomba no kugerageza gushora amafaranga mu bikorwa bizamura ibyo yinjiza. Urugero rw'ishoramari rito ni nko kugura ibikoresho bimufasha kubona amafaranga menshi ku kazi.

Umuntu ufite umutungo ukoreshwa, nk'imodoka cyangwa inyubako, akwiye guteganyiriza amafaranga yo kuwitaho. Niba umuntu akoresha imodoka ye kugira ngo abone inyungu ariko ntazigame amafaranga, ntazashobora kwishyura gusana imodoka cyangwa kugura indi, kandi inyungu ye izahagarara.

Umuntu utateganyiriza amafaranga ashobora kenshi kudashobora kwita ku nshingano ze. Ashobora kwiringira abandi kumufasha, ariko we ntazashobora gufasha abandi. Imibereho ye ntihinduka na rimwe kuko nta buryo na bumwe ashoramo amafaranga.

Yesu yavuze ku musamariya mwiza wafashije umuntu wakomeretse (Luka 10:25–37). Uyu musamariya yari afite amafaranga ndetse n'indogobe yo gukoresha ngo atware uriya muntu wari akomeretse. Ese tuvuge nkiyo uyu musamariya aza kuba yaragurishije indogobe ye yakoresheje gutwara uyu muntu wari yarakomeretse ndetse agakoresha ayo mafaranga yose? Nubwo yari kuba afite ibyifuzo byiza byo gufasha, yari kuba afite imbogamizi mu bushobozi bwo kugira icyo akora kuri icyo kibazo.

Gutegura ingengo y'imari bifasha umuntu kwiteganyiriza ibyo akeneye, kwita ku bamwinshingirikijeho, gushora imari mu hazaza he, kwitabara mu bihe bidasanzwe, no gushyigikira umurimo w'Imana.

### Umuryango wo Kwizera

Mu minsi ya mbere y'Itorero, nyuma gato ya Pentekote, abizera bari bafite ukwiyemeza gukomeye ku muryango w'abizera ku buryo bitaga ku byo buri wese akeneye. Basangiraga ibyo bari batunze, kandi muri bo nta numwe wavugaga ko icyo atunze ari icye bwite. Benshi muri bo bagurishaga ibyabo maze bagaha ayo mafaranga itorero (Ibyakozwe n'Intumwa

[17] Impamvu irambuye ishyigikira gutanga icya cumi igarukwaho mu isomo rya Shepherds Global Classroom ryitwa *Doctrine and Practice of the Church*, riboneka kuri https://www.shepherdsglobal.org/courses

2:44–45). Nubwo tudategereza ko ubuzima mu itorero buri gihe buzaba bumeze gutyo, tubona ko iyo itorero riri ku rwego rwiza habaho ubugwaneza no kwiyemeza kwita ku muryango w'abizera.

Abizera bo muri Tesalonike bitaga ku kuba buri wese abona ibyo kurya, ariko hari bamwe batakoraga. Abo bantu babaga mu kwinezeza, bategereje gufashwa n'itorero. Pawulo ntiyigeze abwira itorero ko kwita ku bagize umuryango wabo ari ikosa, ahubwo yavuze ko umuntu udashaka gukora adakwiye guhabwa ibyo kurya (2 Abatesalonike 3:10). Kuri bamwe, umurimo ushobora kutaba akazi k'umushahara, ahubwo bikaba nko gufasha abandi bizera mu byo bakeneye. Abantu bamwe bashobora kutabona akazi kabaha ibihembo, ariko hafi y'abantu bose bashobora kugira icyo bafasha.

Mu zindi nzandiko za Pawulo yatanze amabwiriza yo gufasha abapfakazi ndetse no gufasha abashumba (1 Timoteyo 5:3-18, Abagalatiya 6:6).

Uwizera wese akwiye kuba umunyamuryango w'itorero ry'aho atuye, kandi akiyemeza gufasha mu bibazo by'abarigize no gushyigikira umurimo w'Imana.

### Ibyo Gusangira mu Itsinda

► Ni gute abantu b'itorero bashobora gufatanya kwita ku bibazo biri mu itorero, ariko banategeka abantu gukora inshingano zabo?

► Ni ayahe mahirwe aboneka mu muryango wanyu abantu b'itorero bashobora gukoreshereza hamwe kugira ngo bateze imbere umutungo ukoreshwa?

### Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Ndagushimira kubw'isezerano ryo kumpaza mubyo nkeneye. Mfasha kuba indahemuka mu nshingano zanjye zo kwiyitaho no gufasha abanyishingikirijeho. Mfasha gutanga n'umutima ukunze ku byo ntunze. Mfasha kugira ubwenge bwo kubasha gufasha abakennye.

Ndasaba ngo umpe umugisha mu by'ubutunzi, ariko cyane cyane nshaka gukomeza gushyira imbere iby'umwuka no kunyurwa kubera umubano mfitanye nawe.

Amena

**Imikoro y'isomo rya 9**

(1) Senga usuzume witonze amahame yo muri Bibiliya yigishijwe muri iri somo. Subiza buri kibazo gikurikira mu nyandiko:

- Ni ibihe bigeragezo nahuye nabyo bijyanye n'amafaranga n'umutungo?
- Kuri ubu, ni ubuhe buryo mbonamo amafaranga cyangwa/n'umutungo?
- Ni ubuhe buryo ncungamo kandi nkakoreshamo amafaranga cyangwa/n'umutungo?
- Bishatse gusobanura iki kwizera Imana k'umutungo cyangwa/ku mafaranga?
- Ni uwuhe mutungo ukoreshwa ntunze?
- Ese haba hari imitungo ikoreshwa nkwiye kuba nteganya kugira mu bihe biza? Niba ari uko biri, nzabigeraho nte?
- Ni mu buhe buryo naba narangije amafaranga cyangwa/umutungo?
- Ni gute nakwikosora ku kibazo cyo gukoresha umutungo cyangwa/n'amafaranga nabi?

(2) Andika ipaji imwe usobanura amahame y'iri somo, ushyiremo n'uko yakwifashishwa mu buzima bwawe bwa buri munsi. Ni iki abantu bo mu muryango wawe bakwiye gusobanukirwa ku myumvire ya gikristu ku mafaranga?

(3) Fata mu mutwe Imigani 3:13-17 kandi wandike igika cyigaragaza ibyo watekerejeho. Mu gutangira isomo rikurikira, andika uyu murongo uwukuye mu mutwe hanyuma utange umukoro wawe k'umuyobozi w'isomo.

# Isomo rya 10
# Kuba Umunyakuri

## Intego y'Isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kwiyemeza kuba umunyakuri mu bihe byose no mu buryo bwose.

## Abraham Lincoln, Umugabo w'umunyakuri

Abraham yakoraga mu iduka. Umunsi umwe yaje kumenya ko atagaruriye umukiriya amafaranga yuzuye. Uwo mugore yari yagiye. Uwo mugore yabaga mu birometero byinshi kure mu cyaro, Abraham kandi yari azi kandi ko atazongera kumubona vuba. Nubwo ayo mafaranga yari make, yari afite impungenge ko uwo mugore azayakenera. Kandi nanone yashakaga ko uwo mugore atazatekereza ko ayo mafaranga yayagumanye ku bushake. Igihe gisanzwe iduka ryafungirwagaho, Abraham yagiye n'amaguru ibyo birometero byinshi kugirango asubize ayo mafaranga uwo mugore. Kubera uko yitwaye muri icyo gihe no mu bindi bihe, inshuti ze zamwise "Abe w'umunyakuri." Nyuma yaje kuba umunyamategeko, ubundi atangira gukora muri leta. Kuba umunyakuri kwe kwatumye abantu bamwubaha, ndetse aza no kuba perezida wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

## Kamere y'Imana

Bibiliya itubwira ko Imana itabasha kubeshya (Tito 1:2, Abaheburayo 6:18). Kamere yayo ntihinduka kandi ihoraho (Yakobo 1:17). Imana ntabwo ivugisha ukuri kubera ko ibifitemo inyungu. Imana ntibeshya kugirango ibone ibisubizo byiza. Dukwiye kugira icyizero ko ijambo ry'Imana ari ukuri kandi ko rya kwiringirwa. Ukuri kwayo kuduhesha gutekana (Zaburi 40:11, 91:4).

► Ese umubano wawe n'Imana waba ufite iyihe sura uramutse utizera ko Imana ari inyakuri ibihe byose?

Tekereze k'uburyo ukuri ari ingenzi mu mubano wacu n'Imana. Imana iduhamagarira kuyiyegurira wese. Ibyo ntabwo twabikora tutayizera rwose.

## Igipimo ngenderwaho cy'ukuri kw'Imana

Imana ishaka ko tuvugisha ukuri igihe cyose. Umuntu ubeshya ntabwo akiranuka imbere y'amaso y'Imana (Imigani 12:22).

Rimwe na rimwe abantu bakoresha ibinyoma mu nkiko kugirango batsinde. Abantu bafite amafaranga bashobora kwishyura umucamanza kugirango yemere ibinyoma byabo babone uko batwara imitungo y'abandi (Yakobo 2:6). Abakire bahunga ubutabera ndetse

bagashinja abarengana binyuze mu gutanga impongano kugirango hashyirweho ibinyoma (Yakobo 5:1, 6).

Ni icyaha gutanga ubuhamya bw’ikinyoma, nubwo waba ufite impamvu nyayo yo kubikora. Bibiliya yamagana abatangabuhamya b’ibinyoma kandi ntiyemera impamvu zidasanzwe (Kuva 20:16; Imigani 6:16-19; 14:25; 19:5, 9). Abantu benshi batekerezako umuntu ashobora kubeshya niba kubeshya bizagira ingaruka nziza ndetse bitateza ikibi, ariko nyamara Bibiliya ntabwo yemera ibyo. Ntaho Bibiliya itwemerera kubeshya aho ari ho hose.

Abizera bakwiye kuvugisha ukuri mu buryo bwose, nta mpamvu nimwe bemerewe kubeshya. Ukuri ni ingenzi ku mibanire yacu (Abefeso 4:25).

Mu Abefeso 4:15 havuga ko kuvugisha ukuri ari ingenzi mu mikurire y’ubuzima bwo mu mwuka.

Abakolosayi 3:9 havuga ko kubeshya ari igice cy’ubuzima bw’ibyaha twiyambuye.

Imana izacira urubanza kandi ihane abanyabinyoma. Abanyabinyoma bari ku rutonde rw’abanyabyaha Imana izacira urubanza kubw’amategeko yayo (1 Timoteyo 1:10, Ibyahishuwe 22:15). Abanyabinyoma bose bazajugunywa mu nyanja y’umuriro (Ibyahishuwe 21:8). Abanyabinyoma ntibazinjira mu mugi w’Imana (Ibyahishuwe 21:27).

### Ishyirwa mu bikorwa ryo gukoresha ukuri mu bucuruzi no mu mibanire

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Imigani 11:1.

Uyu murongo uvuga ku minzani ikoreshwa mu kugurisha ku bipimo, nk’imbuto imboga cyangwa inyama. Rimwe na rimwe abantu bakoresha iminzani yakozwe ku buryo itanga ibiro bitari ukuri kugira ngo umuntu abone amafaranga arengaho. Uyu murongo uvuga ko Imana yanga kutavugisha ukuri.

Ni bibi ko umuntu agurisha ikintu abeshye uko kimeze cyangwa ahishe ibitagenda neza cyacyo. Ni bibi kubeshya umuntu igiciro waranguje ikintu runaka ugamije kucyungukaho cyangwa kukigurisha ku mafaranga menshi.

Si byiza ko umuntu asinya mbere y’izina rye ku kintu azi ko atari ukuri agamije guhunga kwishyura amafaranga. Si byiza ko umuntu afasha umukoresha we kubeshya abantu hagamijwe inyungu.

► Ni ubuhe bwoko butandukanye bwo kutaba umunyakuri waba waritegereje?

Bibiliya ivuga ko abantu babi baguza ariko ntibishyure (Zaburi 37:21, Imigani 3:28). Abantu bamwe bumva ko baguza ariko ntibishyure iryo deni. Bibiliya ivuga ko tugomba kwishyura abandi ibibakwiye (Abaroma 13:7-8).

Kuba umunyakuri bishatse kuvuga ko ugomba kubahiriza amasezerano yawe ndetse n’ibyo wiyemeje. Zaburi ya 15 isobanura umuntu uri mu mubano mwiza n’Imana. Kimwe mu

bimuranga harimo nuko akomeza amasezerano ye nubwo byaba bimusaba ikiguzi (Zaburi 15:4).

Ni uburiganya iyo umuntu adakorera neza uwamuhaye akazi nk’uko bikwiye (Abefeso 6:5-6).

Ni bibi ku umukozi kwiba umukoresha we (Tito 2:9-10).

Ni bibi gutanga inyemezabwishyu z’ibinyoma zigaragaza ko ikintu cyatwaye amafaranga menshi kurusha uko cyaguzwe. Ni bibi ko umukozi cyangwa uhagarariye abandi abeshya ku giciro cy’ikintu agamije kubika asigaye.

Ni bibi ko umukoresha yanga guhemba abakozi nk’uko yari yabibasezeranyije (Yakobo 5:4).

Ni bibi kugumana ikintu umuntu yatakaje atabigambiriye. Ugomba kugisubiza nyiracyo niba bishoboka (Gutegeka kwa Kabiri 22:1).

Niba ushinzwe gucunga umutungo w’abandi (nk’umukoresha wawe cyangwa umurimo w’Imana), ni bibi kuwukoresha ku nyungu zawe bwite utabiherewe uburenganzira.

**Urugero rugaragaza imbogamizi zishingiye ku muco mu bijyanye no kuba umunyakuri**

Mu miryango imwe n’imwe, abantu baba bayobowe n’umutware wa gakondo. Abaturage baba indahemuka kuri uwo umutware wa gakondo, kandi baba bategereje ko abafasha muri buri kibazo cyose bagira. Mu baturage bo muri ibyo bice, abenshi ntibagira imitungo yabo ku giti cyabo. Umutungo w’ingenzi cyane cyane, nk’ubutaka, uba ari uw’umuryango rusange. Abayobozi baba bagomba gucunga umutungo ku nyungu z’abaturage bose. Iyo umuntu afite icyo akeneye, yumva afite uburenganzira bwo kugikura mu mutungo rusange w’umuryango.

Habimana yavukiye mu mudugudu wo mu ishyamba. Umuryango we n’indi miryango bari baturanye bahingaga ibibatunga ku butaka rusange bw’uwo mudugudu. Baje kubona umutungo muri iryo shyamba. Nta n’umwe muri bo wagiraga ubutaka bwe ku giti cye, ndetse n’aho amazu yabo yari yubatswe ntihari ahabo. Imiryango yarafashanyaga igihe havukaga ibibazo. Uwo mutware wa gakondo yabaga ameze nkaho ari umubyeyi wuwo mudugudu. Abaturage bategerezaga ko ahaza ibyo bakennye.

Habimana amaze gukura, yabonye akazi mu kigo cyakataga ibiti kigamije kubibyazamo ibikoresho by’ubwubatsi. Yavuye muri uwo mudugudu ajya gutura hafi y’aho yakoreraga. Yahabwaga umushahara buri kwezi. Hari igihe atabashaga kubona ibiribwa bimuhagije kuko atari amenyereye kugenera umushahara uko ukoreshwa. Yatekerezaga ko umukoresha ari we uzamugaburira, ariko atungurwa no kumva ko ari inshingano ze kugura byose akoresheje umushahara we. Igihe mushiki wa Habimana yari akeneye kujya kwa muganga, Habimana yasabye umukoresha we amafaranga yo kumufasha. Habimana yarakajwe no kuba umukoresha wawe yaranze kumufasha. Habimana yumvaga ko umukoresha agomba kumufasha mu bibazo bye, ariko umukoresha amubwira ko inshingano ye ari ukumwishyura

umushahara gusa. Habimana avuye kuri ako kazi,yibye bimwe mu bikoresho by'akazi, kuko yumvaga ko umukoresha we atamuhaye ubufasha yari akeneye.

Nyuma yaho, Habimana yimukiye mu mujyi hamwe n'umugore we n'umwana, maze abona akazi mu iduka rinini ricuruza ibiribwa. Habimana yasabye umukoresha we kumwishyurira amafaranga y'ishuri y'umwana we, ariko umukoresha arabyanga. Hari igihe Habimana atabashaga kubona amafaranga ahagije yo kugura ibyo umuryango we wari ukeneye byose. Kubera ko yakoraga mu iduka ricuruza ibiribwa, yumvaga ko akwiye kwemererwa kujyana ibiryo akuye muri iryo duka akabishyira muryango we. Yari azi ko umukoresha atazabyemera, bityo afata ibiribwa rwihishwa.

Abakozi bamwe ntibasobanukiwe imbibi z'inshingano umukoresha aba afite kuri bo. Batekereza ko umukoresha agomba kubitaho mu byo bakeneye byose. Basaba umukoresha ubundi bufasha bwinshi uretse umushahara bahabwa ku kazi. Iyo umukoresha atabahaye ibyo bakeneye, bumva bafite impamvu zumvikana zo kwiba, kuko batekereza ko abibabereyemo umwenda.

► Umunyeshuri akwiye gusomera itsinda muri Tito 2:9-14.

Iyi mirongo itwigisha ko umukozi atagomba kwiba umukoresha we. Umurongo wa 10 uvuga ko kuba umunyakuri bihesha ubwiza inyigisho za Kristo. Imirongo ikurikira isobanura ubuzima umuntu abaho iyo yahinduwe n'ubuntu bw'Imana.

## Kwizerwa

Kuba umunyakuri ntibigomba kugarukira ku bijyanye n'amafaranga cyangwa umutungo gusa.

Kalebu yasezeranyije mugenzi we bakorana ko bazahura saa mbiri za mu gitondo. Ariko yakererewe kuryama, atwara umwanya munini afata ifunguro rya mu gitondo, bituma atinda arenzaho isaha imwe. Yabwiye mugenzi we bakorana ko umushoferi yatinze kuza kumufata. Mugenzi we bakoranaga ntiyatunguwe. Inshuti za Kalebu zose zizi ko adakunda gukomeza ibyo yasezeranyije.

Kalebu ntiyari umunyakuri mu buryo bubiri:

1. Ntiyabashije gukomeza isezerano rye.
2. Yabeshye ku mpamvu yatumye atinda.

Ese amagambo yawe yakwizerwa n'abandi iyo usezeranye gukora umurimo cyangwa guhura na bo? Ese wowe ubwawe uriyizera mubyo wavuze? Iyo usezeranije ikintu, uba usezeranije no gukora uko ushoboye ngo ugisohoze. Ni bibi gusezeranya ikintu hanyuma ntugire ubushake bwo kugisohoza.

Iyo utabashije gukomeza ibyo wasezeranyije, ni byiza kwemera amakosa ndetse ukwiriye gusaba imbabazi. Ntugomba kubeshya ku mpamvu yatumye unanirwa kubyubahiriza.

Ni bibi gushinja abandi mu muryango cyangwa mu kazi amakosa yawe. Iyo abantu mukorana bamenye ko utajya wemera amakosa yawe, ahubwo ukabeshya, icyizere bagufitiye kiracika.

Umuyobozi wizerwa ntashishikariza abantu gukurikira igitekerezo cye akoresheje ibinyoma. Stephen Covey yavuze ko "Kuyobora ari ugutanga umusaruro mu buryo butuma abandi bagira icyizere."[20]

## Impamvu ishingiye ku imibanire

Hari abantu benshi batekereza ko ukuri ari ngombwa mu mibanire ya hafi, ariko ko kubeshya abandi bantu batari abo mu muryango cyangwa inshuti atari ikibazo. Bamwe mu bantu biba amafaranga cyangwa ibikoresho abakoresha babo kuko batekereza ko bakwiye guhembwa menshi kurushaho. Hari abantu bamwe biba abakire, cyane cyane abanyamahanga bakize. Hari abantu bamwe bakora ubucuruzi butarimo ubutabera n'abantu bakomoka mu yandi moko cyangwa mu bindi byiciro by'imibereho.

Yesu yavuze ko dukwiriye gukunda bagenzi bacu nk'uko twikunda (Mariko 12:31). Wibuka ikibazo umwe mu bigishamategeko yabajije Yesu? Ati: "Mugenzi wanjye ni nde?" (Luka 10:29). Uwo mwigishamategeko yashakaga ko Yesu asobanura icyiciro cy'abantu tugomba gukunda, ni cyo cyatumye Yesu amucira umugani w'Umusamariya w'impuhwe (Luka 10:30-37). Inkuru ivuga ku bantu babiri bakomoka mu moko atandukanye bahuye bwa mbere. Nta mubano bari basanzwe bafitanye, kandi amoko yabo yari afitanye amakimbirane. Umusamariya yafashije uwo muntu wari ukeneye ubufasha, nubwo nta mubano wari ubahuje wamuhatiraga kubikora. Kimwe mu byo Yesu yashakaga kwigisha muri iyi nkuru ni uko nta muntu n'umwe ugomba guhezwa mu rukundo rwacu.

Ntidukwiriye guhitamo abo tugomba kubera abanyakuri. Ntidukwiriye kuba abanyakuri ku bantu bamwe gusa. N'iyo twaba tubona ko umuntu atazagirwaho ingaruka n'ibinyoma byacu, dushaka gushimisha Imana iyo tubaye abanyakuri (Ibyakozwe n'Intumwa 24:16; reba kandi Abafilipi 1:10, 2 Abakorinto 5:9).

Ni umuntu ki wifuza kuba we? Ni umuntu ki Imana ishaka ko uba we?

Hari ubwo umuntu aba adakwiriye ko umugaragariza ikinyabupfura, ariko Imana yo ishaka ko uba umuntu ugaragaza ikinyabupfura. Hari ubwo umuntu aba adakwiriye ko umubwiza ukuri, ariko Imana ishaka ko uba umunyakuri. Hari ubwo umuntu aba adakwiriye urukundo rwawe, ariko Imana yo yagukunze utabikwiye, kandi ishaka ko uba umuntu wuje urukundo.

► Abanyeshuli nibasomere itsinda muri 1 Petero 2:21-23 no muri 1 Petero 3:8-12.

Ntukemere ko imico y'abandi ari yo igena imico yawe. Umuntu ashobora kukubeshya, ariko wowe ntukwiye kuba umunyabinyoma. Umuntu ashobora kukwiba, ariko wowe ntukwiye kuba umujura. Nubwo hari abakwitwaraho nabi, ntibikwiye ko wowe utakaza kubaha.

[20] *Stephen M. R. Covey. The Speed of Trust: The One Thing That Changes Everything. (New York: Free Press, 2006).*

## Ingero zituruka mu buzima

Ingero ziri muri iki gice zishingiye ku byabaye koko, ariko amazina n'ibindi bisobanuro byarahinduwe. Ni ingero zigaragaza kwiba, kubeshya, cyangwa byombi.

*Icyitonderwa ku muyobozi w'itsinda: Menya neza ko abanyeshuli basobanukiwe ibyabaye muri buri rugero. Saba abanyeshuli gusobanura impamvu igikorwa kiri mu rugero ari kibi.*

1. Yakobo yakoraga mu ruganda. Yakobo yajyaga atwara ibikoresho byo gukora isuku akabijyana mu rugo, ibikoresho by'akazi, n'utundi tuntu duto, kuko yari azi ko uruganda rushobora kubisimbuza.
2. Petero yari umushoferi w'ikamyo mu kigo kinini. Igihe Petero yabaga atwaye ikamyo y'akazi, akabona icyapa ku ruhande rw'umuhanda cyanditseho ngo "Tugura mazutu." Hari igihe yahagararaga akagurishaho igice gito cya mazutu yo mu ikamyo, azi neza ko ku kazi batari bumenye ko igice gito cya mazutu cyavuyeho.
3. Mariya yari yaragiriwe icyizere cyo kugurira ibikoresho bya mudasobwa ibiro yakoreragamo. Yatanze impongano ku mucuruzi wo mu iduka kugira ngo amwandikire inyemezabyishyu zigaragaza ibiciro biri hejuru y'ibyo yatanze, kugira ngo abashe kwigwizaho amafaranga asigaye.
4. Mu busitani bwo mu mujyi munini hari umugabo ugurisha amatara atagikora. Abayagura bazi neza ko adakora. Bayagura kugira ngo bajyane ayo matara mu biro byabo, aho baziba amatara meza bakayasimbuza ayo atagikora.
5. Kadogo yari umuyobozi w'ishuri. Umunsi umwe, se w'umunyeshuri yaje kureba Kadogo amutegeka ko umuhungu we ahabwa amanota meza mu masomo ya alijebure. Yahaye Kadogo amafaranga. Kadogo yategetse mwalimu guha amanota meza uwo munyeshuli.
6. Kamali yari umwalimu wo muri kaminuza. Umushahari we wari hasi. Yabwiye abanyeshuli be ko ikizamini kizaba kigoye cyane, kandi ko nta n'umwe uzagitsinda neza atamuguzeho urupapuro rw'ibisubizo.
7. Yohana yari Umuyobozi w'ishuli rya leta. Umunsi umwe, Gatera, inshuti ye wakoraga mu muryango w'ivugabutumwa, yamusabye ko uwo muryango wakodesha ibyumba bimwe byo mu nyubako y'ishuri. Yohana yatanze igiciro, maze Gatera akajya amuzanira amafaranga buri kwezi. Ariko Yohana yabikaga amafaranga ntatange raporo y'ayinjiye.
8. Filipo yakoraga mu muryango w'ivugabutumwa wari ukeneye gukodesha aho bigishiriza. Filipo yagiye kureba inshuti ye Aroni, wari umuyobozi w'ishuri. Bumvikanye ku giciro cyo gukodesha, hanyuma Filipo abwira umuryango w'ivugabutumwa igiciro kiri hejuru. Buri kwezi, Filipo yajyaga yishyura Aroni amafaranga, ariko agasigarana ayarengagaho.

9. Seti yakoreraga minisiteri yari ikeneye inyubako nshya. Minisiteri yabwiye Seti gushaka kompanyi yubaka izabubakira. Seti yavuganye na kompanyi nyinshi z'ubwubatsi. Aho guhitamo kompanyi yari kubaka ku giciro cyiza, yahisemo iyamwemereye ko izamuha igice cy'amafaranga izahabwa na minisiteri.

10. Murara yari akeneye uruhushya rw'imodoka ye, ariko yari azi ko itazatambuka isuzumwa ry'ibinyabiziga kuko hari amatara atarakoraga. Yajyanye imodoka ye ku ishami rishinzwe gutanga impushya, maze abona umurongo muremure w'abantu bari bategereje ko imodoka zabo zisuzumwa kandi no guhabwa uruhushya rwo kugenda. Umugabo wari hafi y'irembo yamubwiye ko aramutse amuhaye amafaranga, yamubonera uruhushya vuba nta gusuzuma imodoka kubayeho. Murara yatanze ayo mafaranga, maze bidatinze ataha afite uruhushya.

11. Simoni yari aje gufata imodoka ye aho yari iparitse. Umukozi ushinzwe parikingi yamubwiye igiciro cyo kuhaparika. Simoni yahaye umukozi wa parikingi amafaranga atuzuye aburaho, ariko amwemerera kugumana itike ya parikingi kugira ngo ayihe undi muntu, bityo abashe kwigwizaho ayo Simoni yari yamuhaye.

12. Anna ntiyigiye ikizamini bihagije. Ageze mu ishuri, yicaye hafi y'inshuti ye y'umunyeshuri w'umuhanga kugira ngo abashe kwandukura ibisubizo by'ikizamini.

13. Yozefu yatwaraga imashini y'ubuhinzi ikurura isuka, mu murima mugari wa leta yashakaga kuwurangiza vuba. Yazamuye isuka yari kuri iyo mashini kugira ngo itinjira cyane mu butaka, bityo abashe gutwara vuba. Nubwo umurima wagaragaraga nkaho wahinzwe neza, ariko ntiweze imyaka neza kuberako utahinzwe neza.

14. Pasiteri Mugisha yari yaratumwe n'umuryango w'ivugabutumwa ngo abe umushumba w'itorero. Umuryango w'ivugabutumwa wamwohererezaga umushahara buri kwezi. Kubera ko pasiteri Mugisha yashakaga ko n'itorero rimwishyura, yabwiye abayoboke be ko uwo muryango w'ivugabutumwa utamufasha.

15. Umujura yinjiye mu nzu ya Mahoro, yiba amafaranga. Igihe Mahoro yabwiraga inshuti ze ibyo kwibwa, yavuze ko umujura yibye n'ibindi bintu, nubwo bitari ukuri. Inshuti ze zamugiriye impuhwe, zimugenera amafaranga yo gusimbuza ibintu zari zizeye ko byibwe.

16. Matayo yari umutware wa gakondo. Kandi yari n'umuyobozi w'itorero mu mudugudu. Abaturage be bari batuye mu buryo bworoheje, ntibari barize kandi bari abakene, ariko umudugudu wabo wari ufite ubutaka bunini. Abacuruzi baturutse mu mujyi basabye kugura ubutaka bwo gukoreraho imishinga y'ubuhinzi. Matayo yagurishije ubutaka bwose bw'umudugudu, akoresha ayo mafaranga kubaka inzu ye mu mujyi.

17. Buri mwaka, Itorero "Umushumba mwiza" rihitamo umubyeyi w'umugore rishimira nk'"Umubyeyi w'Umwaka." Bahisemo Rasheli, si uko yari urugero rwiza rw'umubyeyi, ahubwo ni uko bari bazi ko azatanga inkunga ku itorero. Nyuma yo kumuha icyubahiro, Rasheli yatanze inkunga y'amafaranga kugira ngo itorero rigure

imiryango mishya y'inyubako. Umwaka wakurikiyeho, itorero ryafashe icyemezo cyo kongera guhitamo Rasheli nk'"Umubyeyi w'Umwaka," nubwo yari yarimukiye mu wundi mujyi.

18. Barutolomayo yari umushoferi w'umuryango w'ivugabutumwa. Buri mugoroba yajyanaga imodoka y'uwo muryango kuyiparika ahantu hizewe. Ariko rimwe na rimwe, mbere yo kuyiparika, yayikoresheje gutwara abagenzi cyangwa imizigo by'abakiriya be bwite.

**Akaga k'Igihugu gatewe n'Uburiganya**

Iyi nkuru ni iy'ibitekerezo, ariko isobanura ibintu byabaye henshi.

Abizera bo mu mujyi wa Borol bamenye ko mu karere kabakikije hari itsinda rinini ry'abantu babayeho mu bukene. Abo bantu bo muri ako karere bakomokaga ku bwoko bwa abanya Ibani. Mu gihe cy'imyaka myinshi, Aba banya Ibani babayeho mu nzu zoroheje cyane, badafite uburyo buhagije bwo kwivuza cyangwa kwiga. Benshi ntibari bafite ibiribwa bihagije, kandi bamwe bari bashonje cyane.

Abizera bo muri Borol batangiye gutanga amafaranga kugira ngo bafashe abaturage babanya Ibani. Bohereje intumwa mu matorero yo mu tundi turere basaba inkunga.

Abizera bo muri Borol batangiye kohereza amakamyo yuzuye ibiribwa ku baturage ba abanya Ibani. Bari bizeye abayobozi b'amatorero yaho muri Ibani ngo abe ari bo bagabanya iyo izo mpano z'ibiribwa.

Abo bayobozi bashinze amasoko kugira ngo bagurishe ibiribwa ku baturage babo. Abari bafite amafaranga ni bo bonyine babashije kugura ibyo biribwa, bityo ntibyigeze bigera ku bari bafite inzara. Inyungu zaturutse mu igurishwa ry'ibyo biribwa zasigaye mu maboko y'abayobozi b'itorero n'inshuti zabo. Bimwe mu biribwa byoherejwe kugurishwa mu kandi karere aho abantu bari bafite ubushobozi bwo kubigura ku giciro kiri hejuru.

Abizera bo muri Borol bahagurukiye gusaba ko ibiribwa bitangwa ku buntu ku bantu bari babikeneye kurusha abandi. Abayobozi b'itorero ry'Ibani bakoze ingengo y'imari yo gukwirakwiza ibiribwa, irimo gukodesha amakamyo n'abashoferi ndetse no guhemba abantu bagombaga gufasha muri uwo murimo. Bashyize ibiciro hejuru y'ibisanzwe, maze bagumana amafaranga y'inyongera. Igihe abizera bo muri Borol basabye raporo y'uko amafaranga yakoreshejwe, Aba nya Ibani banditse raporo z'ibinyoma.

Igihe cyose abizera bo muri Borol bavumburaga ibikorwa by'uburiganya, bararakaraga kandi bagacika intege. Bagerageje gushaka abandi bayobozi babafasha byibuze gutanga izo mpano ariko ibibazo byari bimwe. Abizera bi Borol benshi bageze aho bahagarika gutanga. Ariko abandi bakomeje gutanga. Aba pasitori bamwe ba Ibani mu gihe gito batangiye kugura ama modoka n'inzu nziza babikuye muri iyo nkunga yaturukaga i Borol. Abandi ba pasitori nabo babagiriraga ishyari, bifuza ko nabo babona aho bahurira n'abagiraneza bo muri Borol. Abenshi mu bari bashonje cyane mu bice by'icyaro ntibigeze bahabwa ubufasha.

## Urugero rusoza

Warren Buffett yari umuyobozi mukuru (CEO) w'ikigo cyitwa Berkshire Hathaway. Yifuzaga kugura sosiyete yitwaga McLane Distribution yari iyobowe na Walmart. Ikiguzi cyari mu madorari agera kuri Miliyari 23. Ubundi, kugura nk'uku bisaba amezi menshi y'igenzura kugira ngo ugura abanze asuzume buri kintu cyose. Buffett yahuye n'abayobozi ba Walmart maze bumvikana mu nama imwe gusa. Ntiyohereje n'umwe ngo asuzume niba umutungo n'ibindi byari mu buryo bwiza. Nyuma yagize ati: "Twari tuzi ko byose bizaba nk'uko Walmart yabivuze, kandi ni ko byagenze." Ubu bwunvikane mu bucuruzi bunini nkubu bwashojwe vuba kubera ko abayobozi bizeranaga.[21]

Noneho tekereza ku bantu bagarutsweho mu ngero zabanje. Nta n'umwe muri bo washoboraga kugirana amasezerano nk'aya, kuko batari abizerwa. Byari kuba ngombwa ko byose bisuzumwa, kandi ibyo byari gutwara igihe kinini n'amafaranga menshi.

## Ibyo Gusangira mu Itsinda

► Ni izihe ngeso z'uburiganya abantu bagorwa no kwirinda mu muco wanyu?

► Ni iyihe mikorere ugomba guhindura?

## Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Turagushimira kuko uri Imana ikiranuka kandi y'ukuri. Turagushimira ko uhora uri Imana y'inyakuri mu byo ukorana natwe.

Dufashe gukurikiza urugero rwo kuvugisha ukuri wifuza ko tugenderaho. Dufashe gushyira mu bikorwa amahame yo kuba abanyakuri mu byo tuvuga no mu byo dukora byose.

Turagushimira ko uri Data utwitaho kandi utuyobora. Turashaka kwizera ko utwitaho.

Amena

[21] *Stephen M. R. Covey. The Speed of Trust: The One Thing That Changes Everything. (New York: Free Press, 2006), 15*

**Imikoro y'isomo rya 10**

(1) Andika igika kuri buri kimwe muri ibi bikurikira:

- Sobanura isano iri hagati y'imiterere y'Imana (ukuri) n'igipimo idushyiriraho (kuba umunyakuri). Sobanura impamvu Imana idutegeka kuba abanyakuri mu byo tuvuga no mu byo dukora byose.
- Sobanura muri ncamake ibyo Bibiliya yigisha ku kuba umunyakuri. Koresha nibura ibyanditswe bitatu byo muri Bibiliya mu bisobanuro byawe.
- Sobanura nibura uburyo bune uburiganya cyangwa kuba umunyakuri bigira ingaruka ku mibanire yacu n'abandi.

(2) Tegura inyigisho ishingiye kuri Bibiliya yerekeye ku kuba umunyakuri, ushobora gusangiza itsinda ry'abantu bo mu muco wanyu. Tanga ishingiro ryo muri Bibiliya ku gipimo ngenderwaho Imana ikoresha, hanyuma ugaragaze uko icyo gipimo gikoreshwa mu bihe runaka.

# Isomo rya 11
# Agaciro ka Muntu

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Kwizera ko buri muntu afite agaciro kandi akwiye kubahwa kuko yaremwe mu ishusho y'Imana.

(2) Kwakira inshingano zo kurengera no gufasha abahohoterwa mu gace atuyemo, abinyujije mu bikorwa by'ubutabera no kugira imbabazi.

(3) Kwiyemeza guha agaciro abantu bose, uko ibintu byaba bihagaze kose.

## Dale Carnegie, Umugabo Wahaga Abantu Agaciro

Dale Carnegie yamamaye kubera igitabo cye cyitwa *How to Win Friends and Influence People*. Yizeraga ko buri muntu akwiriye kwitabwaho no kubahwa kuko afite agaciro kamukomokaho nk'umuntu. Ikigo cya The Dale Carnegie Institute cyashinzwe kugira ngo cyigishe amahame ye.

Hari igihe ikigo Dale Carnegie Insistitute cyigishaga abantu amasomo ya nimugoroba ku bantu bakora ubucuruzi, cyibigisha uko babana neza n'abandi no kubaka umubano. Igihe abanyeshuli bagiye gukoraga ikizamini, batangajwe n'ikibazo kimwe cyari kirimo. Ikibazo kitari cyitezwe cyari: "Umugore uhora akora isuku mu cyumba cy'inyubako iyo mutashye yitwa nde?" Abanyeshuli bari bamaze kumuca iruhande inshuro nyinshi cyane iyo basohoka mu ishuli bajya mu rugo, ariko ntibamwitagaho kuko batamubonaga nk'umuntu w'ingenzi, nubwo babaga bavuye kwiga ishuli ryigisha uko umuntu agira urugwiro no guhuza n'abandi. Batekerezaga ko ubumenyi bushya bungutse bagomba kubukoresha gusa mu gushaka umubano n'abantu bakomeye.

## Imyumvire ya GiKristu ku Agaciro ka Muntu

Abantu bose bashyize ukwizera kwabo muri Yesu Kristo ni abanyamuryango b'umubiri umwe—umubiri wa Kristo: "None ntihakiriho Umuyuda cyangwa Umugiriki, ntihakiriho imbata cyangwa uw'umudendezo, ntihakiriho umugabo cyangwa umugore, kuko mwese muri umwe muri Kristo Yesu" (Abagalatiya 3:28).

Ubutumwa bwiza bwanditswe na Luka buvuga ku kiganiro aho Yesu yasubiyemo itegeko rivuga ngo "Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." Umwigishamategeko yaramubajije ati, "Mugenzi wanjye ni nde?" (Luka 10:29). Iki kibazo cyari cy'ingenzi kuko uwo mwigishamategeko yibwiraga ko atari afite inshingano yo gukunda abantu bose. Yatekerezaga ko iryo tegeko risaba gusa gukunda abantu bo mu itsinda runaka.

Abantu bo mu mico yose bagira imitekerereze ihuye ku gipimo ngenderwaho cy'ibikwiriye n'ibidakwiriye. Bazi ko kwiba, kwica, no guhohotera abandi ari bibi. Ariko, ntibumva ko buri wese akwiye gufatwa mu buryo bungana. Bashobora kuba batakwiba inshuti, ariko bakiba umuntu badasanzwe bazi. Bashobora kutica umuntu wo mu gihugu cyabo, ariko bakica umunyamahanga. Bashobora kudakandamiza abo bafitanye isano, ariko bagakandamiza abantu bo mu bwoko batishimira.

Abayoboke ba Kristo bemera ko buri muntu yaremwe mu ishusho y'Imana, kandi afite agaciro kadashira.

Igihe cyose marayika yabonekeraga bantu nk'uko byanditswe mu Byanditswe, amagambo ye ya mbere yabaga ari "Ntutinye," kuko kuboneka kwe ubwako kwari guteye ubwoba kandi gutangaje. Hari ubwo abantu bacaga bugufi imbere ya marayika bashaka kumuramya.[22] Ariko abantu bafite agaciro karuta ak'abamarayika (1 Abakorinto 6:3).

Ushobora guhura n'umuntu usabiriza wo mu cyiciro cyiri hasi, utarize, utagira ubwenge, ufite imyitwarire mibi, udafite ubumenyingiro, udafite ijambo, ufite isura itariyo gukundwa, kandi ufite imyitwarire itera abantu kumwanga—nyamara ari gufata imyanzuro ifite ingaruka z'iteka ryose. Aramutse acunguwe n'Imana, azahinduka ikiremwa kiruta ibindi byose twigeze kubona ku isi.  Ni yo mpamvu akwiye kubahwa.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abagalatiya 3:28.

Uyu murongo uvuga ibyiciro bitatu abantu bakunze gushyirwamo—ubwoko, icyiciro cy'imibereho, n'igitsina. Icyiciro cy'imibereho kirimo urwego rw'ubukungu. Dushobora kongeraho ibyiciro bindi nk'imyaka, urwego rw'amashuli umuntu yize, n'ubumenyingiro. Nta na kimwe muri ibi byiciro kigira ingaruka ku gaciro Imana iha umuntu.

► Ese umuntu ashobora kugira agaciro karuta ak'abandi bantu? Sobanura.

Umuntu ufite ubwenge bwo hejuru, amashuri, ubumenyingiro, imbaraga z'umubiri, uburambe mu buyobozi, cyangwa amafaranga, agira akamaro kurushaho mu kurangiza ibintu bimwe na bimwe. Ariko, ni ikosa gufata umuntu nk'ufite agaciro karenze abandi nk'ikiremwa muntu kubera iyo miterere. Iyo miterere igira akamaro mu buzima busanzwe, ariko kamere y'ibanze y'umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana ifite agaciro kadashira kandi k'iteka ryose.

---

[22] Urugero rumwe rwibi ruboneka mu Ibyahisuwe 22:8-9, "Jyewe Yohana numvise ibyo kandi ndabireba. Maze kubyumva no kubireba nikubitira hasi imbere y'ibirenge bya marayika wabinyeretse, kugira ngo muramye. Ariko arambwira ati 'Reka! Ndi imbata mugenzi wawe kandi ndi mugenzi wa bene So b'abahanuzi, n'uw'abitondera amagambo y'iki gitabo. Imana abe ari yo uramya.'"

**Kugira ibitekerezo rusange ku itsinda runaka bidafite Ishingiro**

Abantu bakunze gutekereza ko abantu bo mu bwoko runaka bose bagira imyitwarire imwe. Hari ubwo bene ibi bivugwa bishingiye ku ibara ry'uruhu, nk'uko bavuga ngo "Abazungu bahora ________" cyangwa "Abirabura bose ni ________."

Hari igihe abantu bavuga amagambo y'ubusumbane ashingiye ku bwenegihugu, bagashyira abantu mu byiciro hashingiwe ku gihugu bakomokamo nka abanya Hait cyangwa Abadage cyangwa Abayapani. Rimwe na rimwe biba bisobanutse, nk'izina ry'ubwoko cyangwa itsinda ry'ubwoko riri mu gihugu runaka.

Amagambo abantu bavuga ku byiciro by'abantu rimwe na rimwe aba arimo gushima, ariko kenshi aba arimo kunenga. Iryo jambo rishobora kuvuga ko abantu bose bo mu itsinda runaka bafite inenge runaka.

Dore ingero z'amagambo anenga abantu hashingiwe ku bwoko cyangwa ku bwenegihugu. Amazina y'amoko atandukanye y'abantu ni yo yashyirwa mu mwanya usigaye.

- _________ ni abanebwe.
- _________ barasinda kenshi.
- _________ bariba iyo babonye uburyo.
- _________ barwana kenshi.
- _________ ntibakora akazi neza.
- _________ ntibafite ubwenge buhagije bwo kwitwara neza mu myigire.
- _________ barakara vuba.
- _________ barabeshya igihe cyose.

Biragaragara ko hariho itandukaniro ry'amoko, kandi iri tandukaniro si kw'isura y'inyuma gusa. Itsinda ry'ubwoko runaka rishobora kwitwara neza mu mikino imwe cyangwa mu bwoko runaka bw'imirimo bitewe n'imbaraga z'umubiri n'ubushobozi bwo mu bwenge rifite.

Itsinda ry'abantu rifite ibiranga umuco waryo. Umuco wigisha abantu uko bitwara mu bihe runaka, bityo tubasha kwiga uko twakwitega ibikorwa bitandukanye by'abantu baturuka mu mico runaka.

Si ikosa kubona imiterere y'umubiri n'iy'umuco y'itsinda ry'abantu. Ariko si byo gucira urubanza imiterere y'umuntu hashingiwe ku bwoko cyangwa umuco we. Umuntu wese, n'ubwo yaba akomoka mu bwoko runaka, ashobora kuba umuntu wubaha Imana, uvugisha ukuri, kandi ugira ineza. Ntabwo aribyo gufata umuntu nk'ufite kamere mbi utaramumenya ku giti cye.

Ubuzima twanyuzemo bugira uruhare mu buryo tubona abandi bantu. Niba umuntu afashwe nabi n'abantu bo mu bundi bwoko butandukanye n'ubwe, ashobora gutangira kumva ko abantu bose bo muri ubwo bwoko ari kimwe. Iyo umuntu akomeje gufatwa nabi n'abantu bo mu bwoko runaka, cyangwa iyo ibyo byamubayeho akiri muto, bituma arushaho kumva ko abantu bose bo muri ubwo bwoko ari kimwe.

Intambara z'igihe kirekire hagati y'amoko abiri zishobora gutuma habaho ibisekuruza by'abantu bafite ivangura hagati yabo.

Iyo umwana yumva ababyeyi be n'abandi bantu bakuru bavuga ku bantu bo mu bwoko runaka, bituma agira imyumvire kuri ubwo bwoko.

Umuntu wizera akwiye kwisuzuma ku bijyanye n'imyumvire ye ku moko y'abantu, kandi agasenga Imana asaba ko yamufasha kugaragaza ubutabera n'urukundo. Tugomba kwibuka ko Imana yita ku bandi nk'uko yita kuri twe, kandi ntinezezwa no kubona twe dufata nabi bagenzi bacu.

## Ivangura mu Murimo w'Imana

Inkuru ya Yona iboneka mu Isezerano rya Kera itanga inyigisho z'ingirakamaro. Yona ubwe asobanura impamvu yamuteye guhunga Imana.

> Asenga Uwiteka ati "Uwiteka, si icyo navugaga nkiri iwacu? Ni cyo cyatumye nshoka mpungira i Tarushishi, kuko namenye ko uri Imana igira ubuntu n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi kandi yibuza kugira nabi. None rero Uwiteka, ndakwinginze unyice kuko gupfa bindutiye kubaho" (Yona 4:2-3).

Yona yahunze Imana kubera urwango rukomeye yari afitiye Abanya Ashuri, kandi yari azi ko Imana imutumye gukorera mu aba i Ninewi byashobokaga cyane ko izabagirira neza.

Bibiliya ntishyigikira igitekerezo cy'irondabwoko nk'uko gikoreshwa muri sosiyete y'iki gihe. Bibiliya yigisha ko abantu bose ari ubwoko bumwe—ubwoko bw'abantu: "Kandi yaremye amahanga yose y'abantu bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza mu isi yose. Ni na yo yashyizeho ibihe by'imyaka ko bikuranwa uko yategetse, igabaniriza abantu ingabano z'aho batuye" (Ibyakozwe n'Intumwa 17:26).

Imana ihamagara itorero kugeza ubutumwa bwiza ku moko yose yo ku isi (Ibyakozwe n'Intumwa 1:8). Agaciro k'ubugingo bw'umuntu ni kamwe, hatitawe ku bwoko bwe.

## Gusuzugura ibyiciro by'abantu

Bitewe nuko abantu bakunda kwemera ibyo isi ibona ko ari ibyingenzi, banakunze kandi gukoresha uburyo butari bwo bwo guha agaciro abantu. Imiryango myinshi ishyira abantu bamwe mu byiciro bitagira agaciro, ikabafata nk'abatari abantu nyabantu.

Dore urutonde rw'ingero z'uko imiryango itandukanye yagiye isuzugura ibyiciro bimwe by'abantu. Bimwe muri ibi bikorwa ni amateka; ibindi biracyakorwa kugeza n'ubu.

Ingero nyazo zo gusuzugura ibyiciro by'abantu:

- Abashesha akanguhe bafatwa nk'abatagifite umumaro, bituma bashyirwa ahantu kure y'abandi bantu ngo bapfireyo.

- Abantu batunze abandi bantu bo yandi moko nk'abacakara,bashobora kubacuruza cyangwa bakababafata uko bishakiye.
- Ibigo by'ubucuruzi bishyira ibyapa bivuga ko bitazatanga akazi ku bantu bo mu bwoko runaka.
- Abagore bafatwa nk'imitungo y'abagabo babo, abagabo bakababafata uko bishakiye.
- Abana b'abakobwa baratereranwa ngo bapfe kuko imiryango yabo iba ishaka abana b'abahungu.
- Ubutegetsi bw'igihugu butuma abasirikare ahantu runaka ngo bice abantu bose b'ubwoko runaka.
- Abana bamwe nabo baratabwa kuberako bafite ubumuga bwo mutwe cyangwa ahandi k'umubiri.
- Igihugu runaka kigira amategeko abuza igitsinagore gutwara imodoka cyangwa kwiga kaminuza.
- Abantu bavuga ururimi rusanzwe rw'igihugu ariko bakaba batavuga ururimi rwigishirizwa mu mashuri ntibemererwa kwivugira mu biro bya leta.
- Abantu bahabwa akazi kubera ko bafite amazina y'Icyongereza aho kugira amazina ya kinyafurika.
- Abakobwa bashobora kugurishwa mu bucakara cyangwa mu busambanyi n'ababyeyi babo b'abagabo.
- Abana bicwa bataravuka kuko ba nyina baba bumva ko batiteguye kubyara.

Zimwe muri filozofiya n'amadini bishyigikira gukandamizwa no gusuzugura ibyiciro bimwe by'abantu.

Abahakanamana b'abizera ihindagurika ry'ibinyabuzima ntibemera ko abantu baremwe byihariye mu ishusho y'Imana. Bizera ko abantu b'iki gihe bavuye mu kurushanwa no kurimbura amoko y'abantu yari afite intege nke kandi adafite ubwenge buhambaye. Bemera ko "kubaho k'ufite imbaraga kurusha abandi" ari byo byatumye tubaho. Iyo ibyo bavuga biba ari ukuri, byaba bikwiye ko abantu bakomeza kurimbura amoko y'abantu bafite intege nke. Ariko tuzi ko abantu bose baremwe mu ishusho y'Imana, bityo bakaba ari ab'ingenzi kuri Yo.

Ibihugu byinshi ku isi byemerera abaganga kwica abana bataravuka. Hari n'ibihugu bimwe byategetse kwica abana bataravuka kubera ubwinshi bukabije bw'abaturage. Mu bihugu byinshi, ababyeyi b'abagore basaba abaganga kwica abana babo bataravuka kubera ko baba batari mu bihe byiza bibemerera kugira umwana. Iyo abana bataravuka bishwe, baba bafashwe nk'aho bataremwe mu ishusho y'Imana kandi ko nta gaciro bafite. Uburenganzira bwabo buba buhonyowe, kandi ntibaba bashobora kwivugira cyangwa kwirwanaho.

Amadini nk'ay'Abahindu n'abasenga Buda yemera ko abantu bababara kubera ibikorwa bibi bakoze mu buzima bwabo bwabanje. Bizera ko abantu bahohoterwa bakwiye kuba mu rwego babarizwamo. Bizera ko iyo umuntu yihanganiye imibabaro n'ihohoterwa neza, bishobora kumuhesha kugira ubuzima bwiza ikindi gihe gitaha. Iyo myemerere itanga impamvu nkeya zo gufasha umuntu uhohoterwa, kuko batekereza ko ari kunyura mu rugendo akwiriye gucamo.

Filosofiya mbi n'amadini bituma abantu bihanganira akarengane k'agahomamunwa gakorerwa amatsinda y'abantu. Imiryango imwe yemera akarengane gakabije mu mibereho nk'ibintu bisanzwe. Abizera baratandukanye. Inyigisho ya Bibiliya ivuga ko abantu baremwe byihariye mu ishusho y'Imana. Imana niyo yonyine itanga urufatiro ruhamye rw'agaciro k'umuntu.

► Ni iyihe myitwarire yo gusuzugura abantu b'itsinda runaka ifatwa nk'ibisanzwe mu muryango wawe?

### Umuturanyi mwiza

Nk'uko imigani myinshi ya Yesu yabaga itangaje, n'inkuru y'Umusamariya mwiza (Luka 10:29-37) nayo yatangaje cyane abayumvise. Igihe yavugaga ukuntu umutambyi n'Umulewi banyuze iruhande rw'uwakomeretse batamufashije, nta wigeze atungurwa nabyo. Abatambyi n'Abalewi bari bagize ubuyobozi bw'idini, ariko abantu bababonaga nk'abamunzwe n'amafaranga n'icyubahiro.

Abumvaga iyo nkuru bari biteze ko umuntu wa gatatu urakurikiraho ari we ntwari yiyo nkuru. Ariko batunguwe kandi bacibwa intege nuko yari umunya samariya. Abasamariya bari uruvange rw'amoko, kandi imyemerere yabo mu by'idini, yari yuzuyemo urujijo. Abayuda babangiraga iyo miterere yombi.

Wibuke ko umwigishamategeko w'Umuyuda yari yabajije Yesu ati: "Umuturanyi wanjye ni nde?" Yifuzaga ko Yesu asobanura mu buryo bwumvikana icyiciro cy'abantu runaka akwiye gukunda, kugira ngo abone uko abashyira mu itsinda rito ry'abantu bihariye. Nk'abantu benshi ku isi, nawe yatekerezaga ko inshingano zishingiye ku ndangagaciro kuri we zari ku cyiciro cy'abantu runaka, ndetse yunvaga ko bitamureba gukunda abandi.

Yesu yasubije icyo kibazo agaragaza ko tugomba kwita k'umuntu uwo ari we wese duhuye na we. Umuntu uwo ariwe wese ni mugenzi wacu. Ariko Yesu kandi yanasubije ikibazo kitigeze kibazwa n'umuntu numwe, "Umuturanyi mwiza ni inde?" cyangwa "Ni muntu ki ugaragaza urukundo nk'uru?" Yesu yagaragaje ko umuntu usuzuguritse mu muryango ashobora kuba uwo Imana ishima, kandi akerekana urukundo Imana ishaka kubona.

Yakobo yaburiye itorero ko ritagomba guha agaciro abantu hashingiwe ku buryo isi ibabona.

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri Yakobo 2:1-9. Ni ibihe bikorwa wigeze kubona amatorero akora bisa n'ibi?

Abantu benshi bafatwa nkaho ari ingenzi hano ku isi sibo Imana yemera. Abantu benshi banezeza Imana ntabwo bubashywe hano ku isi. Yesu yavuze ko mu buzima bwo mu bihe bidashira, imyanya y'abantu benshi izahinduka (Matayo 19:30).

Iyo abavandimwe b'AbaKristu bahuye, umukene ahabwa agaciro atagira mu isi, kuko yubahwa nk'umuvandimwe muri Kristo. Umukire atakaza icyubahiro yari afite ku isi, kuko amafaranga ye ntamushyira hejuru y'abandi mu itorero (Yakobo 1:9-10).

## Ubucakara

Umucakara ni umuntu ufatwa nk'umutungo w'undi, agakorera uwo muntu nk'umutungo we bwite. Mu bihugu byinshi byemera ubucakara, umucakara ntagira uburenganzira nk'umuntu. Nyir'umucakara ashobora kumukoresha uko ashaka, nk'aho ari inyamaswa cyangwa imashini. Ibyifuzo n'intego z'umucakara bigengwa n'ibyifuzo by'uwo akorera. Umugabo n'umugore bashobora gutandukanywa, n'abana bakavanwa ku babyeyi babo.

Mu Isezerano rya Kera, Imana yashyizeho imbibi ku bucakara kandi irengera uburenganzira runaka bw'abacakara (Kuva 21:1–11, 26–27). Kwita ku burenganzira bw'umucakara ntibyari bisanzwe muri icyo gihe. Mu Isezerano Rishya, Imana ivuga ko ari nyir'abantu bose, itarobanura ku butoni, kandi ko abatunze abacakara bagomba kubafata neza no mu butabera (Abefeso 6:9). Ihame rivuga ko umucakara agomba gufatwa nk'umuntu ufite agaciro nk'abandi bose, ryaje gutuma ubucakara buvanwaho mu bihugu byagize ingaruka zikomeye n'Ijambo ry'Imana.

Ubucakara buracyariho mu bice byinshi byo ku isi, mu buryo butandukanye. Urugero, hari aho abana bagurishwa n'ababyeyi babo kugira ngo bakoreshwe imirimo cyangwa ibikorwa by'ubusambanyi. Hari igihe abana batangwa mu nsengero z'ibigirwamana nk'ishimwe cyangwa igitambo cyo gukira indwara cyangwa gukurwaho umuvumo. Hari igihe abagore bashyirwa mu bucakara bwo gukora uburaya batabyifuza. Hari igihe abantu binjizwa mu bihugu by'amahanga mu buryo bw'ibanga, hagamijwe kubagira abacakara.

## Gukandamizwa mu buryo bw'Ubukungu

Ahantu hatagira ubwigenge mu by'ubukungu, imibereho y'abantu ishobora gusa n'ubucakara mu buryo bumwe na bumwe. Abantu ntibagira ubwisanzure bwo gutangiza no gukora ubucuruzi bwabo. Hari amahirwe make ko umuntu yahindura akazi ngo abone akarushijeho kuba keza. Hari abantu bakora akazi bahembwa amafaranga adashobora no gutunga imiryango yabo. Benshi ntibagura ibindi uretse ibyo kurya by'ibanze. Ntibafite ubushobozi bwo kwivuza. Bakora uko bashoboye, ariko ntibashobora kwimukira mu nzu nziza, kuko amafaranga yabo ahora ari make. Abakoresha babo ntibabongeza umushahara kuko bahora babona abandi biteguye gukorera umushahara muto.

Gukandamizwa mu buryo bw'ubukungu ni ikibazo kigoye kandi ntibiterwa gusa n'abakoresha. Mu bihugu bimwe, haboneka abantu benshi bashaka akazi, ariko inganda n'ibigo binini ni bike cyane. Iyo ubuyobozi bw'igihugu burangwamo ruswa, bushobora kubuza ibigo binini gutangira gukora, bubusaba imisoro ihanitse na ruswa. Iyo ibigo

by'ubucuruzi byinshi byemererwa gukora, abakozi baba bafite amahitamo menshi, bigatuma abakoresha bahatana babaha umushahara n'imibereho myiza kugira ngo babakure ahandi. Iyo ubucuruzi ari buke kandi akazi kaboneka ari gake, abakoresha babona uburyo bwo guhemba abakozi amafaranga make. Abakozi bahembwa amafaranga make adashobora kubafasha guhaza ibyo bakeneye mu buzima bwa buri munsi.

Umugambi wa Leta ni ugukorera abaturage bayo binyuze mu kubarinda ibitero no kubarindira ubwisanzure. Ubwisanzure bw'ibanze bwa muntu burimo: uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo, gusenga uko umuntu abyumva, gukora agamije inyungu, no gutunga umutungo bwite. Iyo umuntu abujijwe uburenganzira bwe bw'ibanze, aba atagifatwa nk'umuntu wuzuye.

Hari igihe abizera bo mu gace runaka bemera imibereho mibi nkiyo bakabifata nk'aho ari ibisanzwe, ntibagire icyo bakora ngo bafashe abahohoterwa mu by'ubukungu.

Yuliyana yari atuye m'umudugudu muto ahantu hataboneka akazi. Yasize abana be batatu kwa nyirakuru, ajya mu mujyi gukora mu rugo rw'umu pasitori nk'umukozi wo mu rugo, aho yahembwaga amafaranga make buri kwezi. Yabonaga abana be inshuro nke. Abantu benshi babona ko atari byiza ko umubyeyi atandukanywa n'abana be muri ubu buryo, nyamara n'abizera bamwe bakoresha abantu bari mu mwanya nk'uwa Yuliyana. Bibaza impamvu bakwiye guhemba umushahari uri hejuru, mu gihe hari undi muntu witeguye gukorera umushahara muke. Kubera iki bakwiye kwita kuri uku gutandukana kw' umukozi n' abana be, niba nyiri ubwite ari we wifatiye icyemezo cyo gusiga abana be akajya ku kazi?

► Ese abizera bafite inshingano zo kugira icyo bakora ku bibazo bya Yuliyana? Gute?

Igitabo cya Amosi kivuga kenshi ku ihohoterwa rishingiye ku bukungu. Mu Amosi 5:11–12, umuhanuzi agaruka ku mpongano ihabwa abacamanza babogamira ku bafite amafaranga, bigatuma abakene batabasha kubona ubutabera. Muri Amosi 8:4–6, umuhanuzi yamagana abantu bakoresha ibipimo by'uburiganya kugira ngo bibe abakene. Muri Amosi 4:1, avuga ko abagore nabo baba bafite uruhare mu gukandamiza abakene, iyo bishimira ubuzima bwiza bwavuye ku butunzi abagabo babo babonye bahohoteye abandi. Umuhanuzi yavuze ko ubutabera bukwiye kumeneka nk'umugezi (Amosi 5:24), bisobanura ko bugomba kuba bwinshi kandi buboneka kuri bose.

### Agaciro k'umuntu n'inshingano z'ubuyobozi

Kuba umuntu wese afite agaciro kadashira ntibisobanura ko abantu batagomba kugira abayobozi cyangwa inzego z'ubuyobozi. Agaciro kangana ntibivuga ububasha bungana. Urugero, nubwo buri wese mu Butatu Bwera ari Imana yuzuye kandi angana n'undi mu gaciro, Umwana agandukira Se (Yohana 6:38). Imana yategetse umugore kugandukira umugabo we; ariko ibyo ntibisobanura ko ari munsi ye (Abefeso 5:22). Imana yabwiye abana kumvira ababyeyi babo; ariko ibyo ntibivuze ko bafite agaciro gake kurusha ababyeyi babo, keretse mu bukure no mu bwenge (Abefeso 6:1).

Ni Imana yashyizeho inzego z'ubutegetsi (Abaroma 13:1–5). Yashyizeho n'ubuyobozi mu itorero (Abaheburayo 13:17).

Abayobozi bose bakwiye kuzirikana ko ari abagaragu (Matayo 20:25–28). Gukorera abandi binyuze mu kuyobora bisobanura kuyobora ugamije inyungu z'abagukurikira. Umuyobozi ntayobora agamije inyungu ze bwite, ahubwo aritanga akareka ibyiza bye kugira ngo akorere abamukurikira.

► Wabisobanura ute mu buryo bwumvikana ko abantu bamwe bafite umumaro kurusha abandi mu gihe ku rundi ruhande abantu bose bafite agaciro kangana?

### Ibyo abizera bakwiye gushyira mu bikorwa

Mwihatire ko nta n'umwe usigara inyuma mu kwitabwaho n'umuryango w'abizera.

- Ese abasaza n'abakecuru baribukwa kandi bagafashwa uko bikwiye?
- Ese abana bahabwa agaciro kandi bagahabwa inyigisho n'inkunga bihuye n'urwego rw'ubukure bwabo?
- Ese abakene bakirwa neza kandi bakitabwaho mu itorero ryanyu?
- Ese mwirinda guha icyubahiro abantu mu itorero kubera ubutunzi cyangwa icyubahiro bafite muri sosisyete?
- Ese abantu bo mu moko yose bakirwa neza kandi bagahabwa umwanya wo gufatanya mu buzima n'umurimo mw'itorero?
- Ese hari itsinda ry'abantu bo mu bwoko runaka mu gace utuyemo rigikeneye kubwirizwa ubutumwa?
- Ese hari abantu bakandamizwa mu gace utuyemo bakeneye umuntu ubavuganira?

Umuryango wubaha Imana ugomba kwerekana ko buri muntu afite agaciro. Umugabo n'umugore bombi bakwiye kubahwa. Ibyo bakeneye bikwiye kwitabwaho. Abana ntibakwiye kwirengagizwa cyangwa gufatwa nk'aho nta gaciro bafite. Abana bakwiye gutozwa neza no guhanwa mu buryo buboneye. Nta burenganzira ufite bwo gukorera umwana cyangwa umugore wawe urugomo, ibyo ni kimwe kandi no k'umuturanyi wawe.

Dukwiye gufasha abakene mu buryo bububaka kandi bukomeza icyubahiro cyabo. Ntukagire icyo utanga mu ruhame ushaka icyubahiro ukoza isoni abakene. Iyo ugeneye umukene uburyo buboneye bwo kubona ibyo akeneye abikuye ku murimo we, uba urinze icyubahiro cye kuko aba afite amahitamo kandi ashobora gukora akunguka. Ubufasha bwiza buha umukene amahirwe yo guhindura imibereho ye.

Abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera bigishaga ko Imana ishaka ko abantu baha umudendezo abakandamizwa (Yesaya 58:6).

Isezerano Rishya ryerekana ko Yesu yabanye n'abakene (2 Abakorinto 8:9). Yavukiye mu kiraro cy'inka (Luka 2:7). Benshi mu nshuti ze n'abamukurikiye bari abantu basanzwe bakora imirimo isanzwe n'abakene. Yesu yagaragaje urukundo n'impuhwe ku bantu batafatwaga nk'ingenzi muri sosiyete: abakene, abarwayi b'ibibembe, abapfakazi, abanyamahanga n'abana (Luka 7:22). Yavuze ko yaje kugeza ubutumwa bwiza ku bakene (Luka 4:18). Yesu yavuze ko ubutumwa yazanye bugamije kubohora ibisenzegeri (Luka 4:18–19).

Guhera mu minsi ya mbere y'itorero, abizera bagiye bagira uruhare rugaragara mu mibereho ya sosiyete babagamo. Bakiriye mu miryango yabo abana batawe, barokora abari mu bucakara, kandi bafasha abarwayi. Bitaye ku bantu sosiyete yabonaga nk'aho nta gaciro bafite.

Yesu yavuze ko dukwiye gusenga dusaba ko ubwami bw'Imana buza, kandi ko ibyo ishaka bikorwa hano ku isi nk'uko bikorwa mu ijuru (Matayo 6:10). Tuzi ko gukandamizwa kose kuzarangira ubwo Ubwami bw'Imana buzaba bwimakajwe ku isi. Mu gihe dutegereje, dukwiye gusenga dusaba ko Imana itabara abafite ikibazo cy'ikandamizwa hirya no hino ku isi.

## Ibyo Gusangira mu Itsinda

Ku matsinda menshi, iki kibazo kizatera ibiganiro birebire. Bamwe mu banyeshuli bashobora kugira amarangamutima akomeye ku byo banyuzemo cyangwa babonye.

► Ese watekereza ute ku bandi bo mu moko atandukanye, niba wibutse ko buri wese ari uw'agaciro imbere y'Imana?

► Ese hari ikintu wicuza kuba warakoze mu buryo runaka, nyuma yo gusobanukirwa agaciro umuntu afite imbere y'Imana? Shishikariza abanyeshuli gusangiza abandi ibyo biyemeje kurusha kugaragaza umujinya ku byakozwe n'abandi.

► Agaciro ka muntu kagombye kugira uruhe ruhare mu murimo w'itorero?

## Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Ndagushimiye ko waturemye mu ishusho yawe. Mfasha kubaha abantu bose. Mfasha kwihana ivangura n'amarangamutima mabi mfitiye abandi.

Ndakwinginze, Mana, uzane ubutabera ku bantu bose ku isi bahohoterwa bitewe n'amoko yabo, igitsina cyabo, imyaka cyangwa ibindi bibaranga.

Mfasha kurengera abakandamizwa no gukora ibishoboka byose kugira ngo sosiyete mbamo ibe iy'ubutabera kuri bose. Mana, dufashe nk'itorero ndetse n'umuntu ku giti cye, kugaragaza urukundo rwawe mu buryo bufatika.

Amena

**Imikoro y'isomo rya 11**

(1) Andika ku nshingano Imana yahaye itorero zo guhindura uburyo abantu bafatwa muri sosiyete babarizwamo.

- Itorero ryawe rikwiye kuba rikora iki?
- Abizera ku giti cyabo bakwiye gukora iki?
- Wowe uzakora iki?

(2) Iga Gutegeka kwa kabiri 24:10-22. Tanga urutonde rw'amabwiriza agaragaza agaciro k'abantu. Sobanura umugambi wa buri tegeko.

# Isomo rya 12
# Leta

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Gusobanukirwa inshingano n'imbogamizi Imana yashyize kuri leta.

(2) Kumvira amabwiriza n'amahame ya Bibiliya ajyanye no kugirana umubano na leta.

(3) Kwiyemeza kugira uruhare mu gukwirakwiza gukiranuka mu muryango.

## William Wilberforce, Umurinzi w'Ubumuntu

William Wilberforce (1759–1833) yari umudepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Bwongereza, waje kwizera Imana maze atangira kurwanya ubucakara, gukoresha abana imirimo ivunanye, no guhohotera abakene. Yakoze imyaka 20 ashishikajwe no gushyiraho itegeko ryahagarika ubucuruzi bw'abacakara, aho abantu bajyanwaga bunyago baturutse muri Afurika bagacururizwa hose mu Bwami bw'u Bwongereza. Kenshi yababazwaga no kubona abandi batitaye kuri icyo kibazo. Amaze kubona umubare munini w'abagize inteko nshingamategeko wemera gushyigikira iryo tegeko, ariko abarirwanyaga batumye bamwe mu bagize inteko nshingamategeko batitabira inama y'inteko binyuze mu kubagurira amatike yo kujya mu bitaramo, bituma iryo tegeko ritemezwa. Itegeko ryaciye ubucuruzi bw'abacakara mu 1807, ariko ubucakara ubwabwo bwari butarahagarikwa. Wilberforce yakomeje kurwanya ubucakara kugira ngo buvanweho burundu. Ubucakara bwaje kurangira hafi mu bwami bwose bw'Ubwongereza mu 1833. Wilberforce yapfuye hashize iminsi itatu gusa yakiriye amakuru ko iryo tegeko rizemezwa.

## Itangiriro

Hariho umubano w'uburyo bwinshi butandukanye abizera bagize hagati yabo na leta zabo. Hari aho mu bihe bimwe n'ahantu hamwe mu mateka itorero ry'igihugu ryakoraga rihuje imbaraga na leta. Ahandi no mu bindi bihe, leta yagiye ica itorero kandi ikarirenganya. Hari ibihugu byemerera abantu babyo gukurikira imyemerere yabo mu bwisanzure, kandi leta zabo zikavuga ko zidashyigikiye idini iryo ari ryo ryose kurusha ayandi.

Umubano uri hagati y'abizera na leta utera ibibazo byinshi bikomeye. Hari igihe itorero ry'ahantu runaka rigirana umubano na leta utashoboka ahandi ku isi kubera itandukaniro ry'imiyoborere.

Iri somo ntirizasubiza buri kibazo cyangwa ngo risobanure ibyo umuKristu akwiye gukora muri buri gihe, ariko tuzarebera hamwe amahame amwe ya Bibiliya yerekeye umubano hagati y'uwizera na leta.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abaroma 13:1-7. Ni ibihe bintu bivugwa kuri leta ubona muri uyu murongo?

Bibiliya itubwira ko Imana ariyo yashyizeho Leta. Imana ishaka ko habaho leta, kandi umuntu wanze kubaha leta aba yigometse ku Mana (Abaroma 13:1-2).

► Intego ya leta ni iyihe ukurikije uyu murongo?

Imwe mu ntego za leta ni uguhana imyitwarire mibi binyuze mu gushyira amategeko mu bikorwa (Abaroma 13:3). Umutegetsi akorera Imana kandi asohoza imigambi yayo iyo ahana abarenze ku mategeko (Abaroma 13:4).

► Umunyeshuri nasomere itsinda muri 1 Timoteyo 2:1-2.

Tugomba gusengera abayobozi b'igihugu kugira ngo tubashe kubaho mu ituze no mu mahoro. Ibyo bishatse kuvuga ko iyo leta ikomeje imirimo yayo nkuko bikwiye, irinda amahoro ya sosiyete.

### Uruhare rwa Gikristu

► Soma Matayo 5:13-16. Yesu yashakaga kuvuga iki ubwo yatubwiraga ko tugomba kuba umunyu n'umucyo?

Bamwe bemera ko abigishwa ba Kristo batagomba gutora cyangwa kugira imyanya mu leta, kuko leta zo mu isi zitagendera ku mahame ya GiKristu. Bamwe mu BaKristu bemera ko itorero rikwiye kuba umuryango wigenga, ritivanga mu buzima bwa sosiyete, kuko sosiyete yangiritse cyane.

Umuhanuzi Yeremiya yandikiye Abayuda bari barajyanywe mu gihugu cy'amahanga kuba mu muryango w'abapagani. Ntibari babayeyo mu bushake bwabo. Niba hari abemera Imana babaye bafite impamvu yo kwirinda kwivanga mu buzima bw'abandi muri sosiyete, nta gushidikanya ko aba Bayuda bari babifitiye impamvu. Bari bariyo batabishaka, idini ry'iyo sosiyete ryari irya gipagani, ubutegetsi bwari ubw'igitugu kandi bwari bwarasenye igihugu cyabo, Abayuda kandi bari bategereje umunsi bazataha.

Ariko tega amatwi ubutumwa Imana yahaye umuhanuzi ngo abugeze kuri aba bantu:

> Kandi umurwa ntegetse ko bazabajyanaho muri imbohe muzawushakire kuba amahoro, muwusabire ku Uwiteka kuko mu mahoro yaho namwe muzagira amahoro (Yeremiya 29:7).

*"Shalom,"* ijambo ry'igiheburayo rikoreshwa muri uyu murongo, ntirisobanura amahoro gusa, ahubwo n'imigisha ijyana n'amahoro. Risobanura imigisha y'Imana. Aba baramyamana bari kuzabona imigisha yayo ubwo bageragezaga kuyigeza muri iyo sosisyete y'abanyabyaha batari bazi Imana kandi yari yararenganyije ubwoko bwayo!

Abantu bakorera Imana bakwiye kugira uruhare mu guhindura sosiyete yabo, bakayigisha kubaha ibyo Imana ishaka kugira ngo ibone umugisha. Ntibazagombaga gusangiza abandi

ubutumwa bwiza gusa, ahubwo bagomba no gushyira mu bikorwa amahame y'Imana mu bihe byose no mu byemezo byose.

Ubutegetsi na sosiyete bikwiye kuyoborwa n'Ijambo ry'Imana. Ukuri Imana yahishuriye abantu ni ko gukwiriye kuvamo indangagaciro z'imyitwarire (amategeko agenga ibikorwa byiza), izo ndangagaciro z'imyitwarire zikavamo politiki (ubutegetsi bushingiye ku butabera no ku bwisanzure), hanyuma hakabaho ubukungu (imicungire y'umutungo). Bityo, umurongo ukwiye ni: ukuri, hanyuma indangagaciro z' imyitwarire ikwiriye, bigakurikirwa na politiki, ubukungu bukaza nyuma.

1. Icyanditswe
2. Indangagaciro z'imyitwarire
3. Politiki
4. Ubukungu

Kamere isanzwe y'imibereho ya sosiyete ya kimuntu ni uguhinduriza urwo rutonde icyabanzaga cyikaba aricyo cyiza inyuma . Abantu bashyira imbere ubukungu bwabo bwite, hanyuma bagashyigikira abayobozi n'amategeko abazanira inyungu n'ubwo byabatera gutakaza ubutabera n'ubwisanzure, bakubaka indangagaciro z'imyitwarire yabo ikwiranye n'ibyo bakora, hanyuma bagashaka idini ryemeza ibyo bikorwa byabo. Akenshi ibintu bikurikirana gutya: ubukungu, politiki, indangagaciro z'imyitwarire, hanyuma idini.

1. Ubukungu
2. Politiki
3. Indangagaciro z'imyitwarire
4. Idini

Ubwo bwoko nk'ubwo bw'idini bwubakiye ku mahame y'ibinyoma, ntirigira ukuri kwinshi.

Itorero rikwiye guhagararira ukuri kwa Bibiliya, ntirihagararire gusa kwamagana ibyaha bya sosiyete, ahubwo rikanasobanura kandi rigatanga urugero rw'uko sosiyete ikwiye kuba imeze. Niba abizera badashobora gusobanura no kugaragaza ibyo sosiyete ikwiye gukora, ntitwagombye gutungurwa n'uko abatazi ukuri kwa Bibiliya batabasha kugushyira mu bikorwa.

Abizera ntibakwiye gusa kunenga sosiyete barimo. Abizera bakwiye kuba igice cy'imibereho ya sosiyete batuyemo. Abizera bakwiye kwitabira ibikorwa by'aho batuye no kurengera ubutabera. Abizera bakwiye guhora bagaragaza imyitwarire ikwiye mu byo bakora byose, bityo bakagira uruhare mu kuzana gukiranuka ku bandi. Bagombye kwitabira imirimo ya leta n'imiryango igira uruhare ku mibereho ya sosiyete, igihe cyose babishobora batanyuranyije n'amahame ya GiKristu. Aho bemerewe gutora, bagombye gutora no gushyigikira abakandida begereye cyane imico ya gikirisitu.

► Ni uruhe rugero rugaragaza uburyo sosiyete ishyira igitutu ku itorero ngo rifate ibyemezo bigamije inyungu z'ubukungu aho kugendera ku kuri ko mu Byanditswe?

## Abizera n’amategeko agenga ubutegetsi bwa kimuntu

Abizera mu bihe bitandukanye by’amateka bagiye bahura n’imbogamizi zo kumenya uko bakomeza kugendera ku mahame ya GiKristu mu gihe leta yabo igendera ku yandi mahame atandukanye na ya GiKristu. Rimwe na rimwe, ayo makimbirane aba akomeye cyane, kuburyo abizera bahura n’akarengane kubera kwizera kwabo, kuko batabasha gukora ibyo leta ibasaba.

Bibiliya itwigisha ko tugomba gutanga imisoro dusabwa na leta (Abaroma 13:7, Matayo 22:21).

Bibiliya itubwira ko dukwiye kubaha amategeko y’igihugu cyacu (Tito 3:1). Ariko kandi, Bibiliya itubwira ko tugomba kumvira Imana iyo amategeko y’Imana ahabanye n’amategeko y’abantu (Ibyakozwe n’Intumwa 5:29).

Leta ishobora gusaba abaturage kujya ku rugamba kurwana ku mpamvu itarimo ubutabera. Leta ishobora gusaba ko abana bicwa kugira ngo hagabanywe umubare w’abaturage urenze Leta ishobora gusaba abaturage gufatanya mu gutegekesha igitugu ubwoko runaka.

Rimwe na rimwe usanga ikibazo ari uburyo bwo gusenga. Abayoboke ba Kristo bashobora gutotezwa iyo banze gusenga imana z’imiryango cyangwa amoko yabo. Abemera bashobora kurenganywa igihe ubutegetsi bwabo bushyigikiye irindi dini.

Hari ibihugu bimwe bifite amategeko abuza kwamamaza ubutumwa bwiza no kwigisha Bibiliya. Abizera baratotezwa iyo basangije abandi ubutumwa bwiza. Ibihugu bimwe bishyiraho ibihano ku babyeyi bigisha abana babo ibijyanye n’Imana.

Dufite ingero zo muri Bibiliya z’abantu b’inyangamugayo banze kumvira amategeko atarimo ubutabera y’abategetsi. Daniyeli yakomeje gusenga nubwo gusenga byari bibujijwe n’amategeko (Daniyeli 6:10). Inshuti eshatu za Daniyeli zanze gusenga igishushanyo cy’umwami (Daniyeli 3:16-18). Ababyaza b’Abisirayeli banze kumvira Farawo ubwo yabategekaga kwica abana b’Abisirayeli (Kuva 1:17).

Mu mateka hose, abizera bagiye babwiriza ubutumwa n’ubwo byari bibujijwe n’amategeko. Abizera bagiye bambutsa Bibiliya mu bindi bihugu nubwo byari bitemewe n’amategeko. Abizera kandi bakomeje kujya bahura mu ibanga. Abizera bagiye bitambika-mu mahoro ibigo ngerabuzima bishyigikira gukuramo inda. Abizera bafashije abacakara gutoroka.

Abizera benshi bakwifuza kwibera mu mutuzo aho guhangana n’iyo myanzuro. Ariko nubwo bimeze gutyo, uwizera akwiye guhitamo gukora ikintu cyiza nubwo byaba bimusaba ubwitange igihe ahuye n’urujijo rushingiye ku mahame y’imyitwarire. Iyo bafite amahirwe yo gukumira akarengane cyangwa gusangiza abandi ubutumwa bwiza, baba bafashe umwanzuro ukomeye igihe bemeye niba bagomba kugira icyo bakora cyangwa kutagikora.

► Ese wasobanura urugero rw’ikibazo cyerekeye ku amategeko umuKristu ashobora guhura na cyo mu gihugu cyawe?

## Guhongera

Umu pasitori yari mu rugendo anyura mu gihugu cy'amahanga. Yari afite impapuro zose zuzuye, ariko inshuro nyinshi abapolisi baramuhagarikaga bakamusaba amafaranga make. Iyo atabahaga amafaranga, baramutinzaga kandi bakamuteza ibibazo.

► Ese uyu mu pasitori yagombaga gukora iki muri iki kibazo?

Impongano ni amafaranga ahabwa umuntu ufite ububasha hagamijwe kumushishikariza kwemera ikintu runaka. Ni bibi guhongera umuntu ngo akore ikintu atari akwiye gukora (Gutegekwa kwa Kabiri 16:19). Urugero, niba inyubako cyangwa imodoka itujuje ibisabwa, ni ikosa guha impongano umuntu ushinzwe gusuzuma ngo asinye ikintu kitari ukuri. Ni bibi guhongera umucamanza cyangwa umu polisi ngo agucire urubanza rutagendanye n'ukuri.

Rimwe na rimwe umutegetsi ashobora gusaba impongano ngo akore ibyo n'ubusanzwe yarakwiriye gukora. Iyo bigenze gutyo, umuntu uri guhongera ntabwo aba amwishyuye ngo akore ikintu kibi. Si byiza kuri uwo muyobozi gusaba iyo mpongano (Luka 3:14) ariko uri gutanga iyo mpongano aba adafite amahitamo. Urugero wavuga nko gushaka uruhushya rwo gukora ikintu cyari gikwiriye kwemerwa, cyangwa kugerageza gufungura umuntu urengana. Rimwe na rimwe impongano ni nk'ubujura. Nubwo ubujura ari ikintu kibi, ariko ntabwo ducira urubanza uwo bibye.

Iyo dusuzumye neza Ibyanditswe, tubona ko Imana yamagana abakira impongano, ariko ikagirira imbabazi abahatirwa kuyitanga (Kuva 18:21; Kuva 23:8; Gutegeka kwa kabiri 10:17; 16:19; 27:25). Abizera ntibakwiye na rimwe gutanga impongano kugirango boroshye ubuzima, ariko nta cyaha baba bakoze iyo bayitanze babitegetse n'abayobozi babi.

► Ni uruhe rugero rw'impongano mbi?

## Umurimo wa Gisirikare

AbaKristu benshi bizera ko ari ikosa gukorera igihugu cyabo nk'abasirikare. Ibyo bizera babishingira ku magambo amwe n'amwe yo mu Byanditswe. Yesu yavuze ko niba umuntu agukubise urushyi ku musaya umwe, ugomba guhindukira abakubita n'undi musaya (Matayo 5:39). Yesu yavuze ko abagaragu be batarwana, kuko ubwami bwe atari ubw'iyi si (Yohana 18:36). Intumwa Pawulo yavuze ko intwaro zacu zitari iz'umubiri (2 Abakorinto 10:4). Aba baKristu bizera ko urugomo urwo ari rwo rwose rukorewe abandi bantu ari ikosa. Benshi muri bo baba batuye mu bihugu aho leta itemera ubwisanzure kandi ikaba yaratoteje abizera.

Abandi baKristu bizera ko dukwiriye kuba twiteguye kurwanira igihugu cyacu nk'abasirikare. Ibyanditswe bivuga ko Imana yashyizeho ubutegetsi, kandi ko ubutegetsi bufite uburenganzira bwo gukoresha intwaro mu guhana abakora ibibi (Abaroma 13:4). Bisa nkaho Imana yaremeye umugabo kugira ngo arinde umuryango we, nuko rero bisa nkaho ari ibintu bisanzwe ko abagabo bishyira hamwe kugira ngo barinde imiryango yabo mu buryo bwa gisirikare. Igihe umusirikare yabazaga Yohana umubatiza uko yakwihana,

Yohana yamubwiye kutacyira impongano cyangwa kutagira uwo akorera urugomo, ariko ntiyamubwiye ko akwiye kuva mu gisirikare (Luka 3:14). Ubwo Yesu yavugaga ko umuntu ahindura umusaya, ntabwo yari ashatse kuvuga ko tudakwiye kwirinda igihe dutewe, ahubwo ntidukwiye kwihorera igihe habayeho igikorwa cy'ubushotoranyi. Urugero nko gukubitwa urushyi mu maso. Yavuze ko abagaragu be batarwana ngo bashyireho ubwami bwe bwo ku isi, kuberako atazashyiraho ubwami bwe muri ubwo buryo. Niba leta ari igitekerezo cy'Imana, kandi niba igomba kurinda abaturage bayo, nuko rero ni byiza ko abizera bayishyigikira kugira ngo ibashe gusohoza inshingano zayo.

Mu binyejana bitandukanye by'amateka y'itorero, abizera benshi bo mu bihugu bitandukanye bakoze mu gisirikare, ndetse no mu mirwano, kuko bizeraga ko bagomba kugira uruhare mu kurinda igihugu cyabo ibitero by'ubugome.

AbaKristu bo hirya no hino ku isi ntibumvikana ku kibazo cyo gukorera mu gisirikare. Ni ingenzi ko umuntu akwiye gushaka Imana mu isengesho, agatekereza ku Byanditswe no mu bwenge bwimbitse, hanyuma akaguma ku cyo yizeye mu mutima we.

► Ese amatorero yo mu gihugu cyawe asubiza iki ku kibazo cy'umurimo wa gisirikare?

## Ibyo Gusangira mu Itsinda

Abizera benshi bagira ibitekerezo bikomeye kuri ibi bibazo. Ni ingenzi kumva ko abayoboke ba Kristo mu bihe bitandukanye no mu bice bitandukanye batigeze bahuriza ku bisubizo by'ibi bibazo. Tugomba kwirinda gucira abandi imanza ku mpamvu zibatera kugira ibitekerezo runaka.

► Ni ubuhe buryo dukwiye gukoreshwa mu gusuzuma umubano usanzwe uri hagati y'amatorero n'ubutegetsi mu gihugu cyacu? Ese haba hari igikwiye impinduka?

## Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Ndagushimiye ko wateguye ubutegetsi kugira ngo butange uburinzi n'ubwisanzure. Mfasha gukomeza kukubera indahemuka, nubwo ubutegetsi bw'abantu bufite intege nke bukaba budatunganye.

Mfasha gusohoza inshingano yanjye yo kurinda abandi no kugira ingaruka nziza muri sosiyete mbarizwamo.

Dutegereje gusohoza k'ubwami bwawe bwuzuye.

Amena

**Imikoro y'isomo rya 12**

(1) Bibiliya irimo inkuru nyinshi zigaragaza uko Imana yakoresheje abakozi ba leta kugira ngo isohoze imigambi yayo mu buzima bw'abantu bayo. Mu Imigani 21:1 havuga ngo, "Umutima w'umwami uri mu kuboko k'Uwiteka, Awuganisha aho ashatse hose nk'uyobora amazi mu migende yayo." Hitamo imwe muri izi nkuru kugira ngo uyigeho:

- Itangiriro 41:14-49, Itangiriro 42:1-3, Itangiriro 45:4-7
- Esiteri 4, 7-8
- Nehemiya 1-2

Andika ibyo witegereje:

- Ni iki cyari gikenewe kuba mu buzima bw'abantu b'Imana?
- Ni ubuhe buryo Imana yakoresheje abayobozi batubaha Imana mu gusohoza umugambi wayo?
- Ni ubuhe buryo Imana yakoresheje umuntu wubaha Imana mu gusohoza umugambi wayo?

(2) Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko:

- Kugira impinduka kwa giKristo
- AbaKristu n'amategeko ya kimuntu
- Guhongera
- Serivisi ya Gisirikare

Reba ibyanditswe biri muri iri somo bifitanye isano n'insanganyamatsiko yawe. Andika urupapuro usobanura uko wumva Bibiliya ivuga kuri iki kibazo.

# Isomo rya 13
# Umubiri w'UmuKristu

## Intego z'isomo

Ku musozo w'iri somo, umunyeshuri akwiye kuba ashoboye:

(1) Kumenya uko ibibazo by'umubiri bigira ingaruka ku buzima bwo mu mwuka.

(2) Kwegurira Imana umubiri we kandi akiga imyitwarire mishya yubaha Umwami.

## Martin Luther, Umugaragu w'Imana

Martin Luther yabaye umumonaki kuko yizeraga ko ari bwo buryo bwiza bwo kwiyegurira Imana no kuyikorera. Imigenzo y'ubuzima bw'umumonaki yarimo kwifata mu biribwa, kwiyiriza ubusa, kwambara imyambaro yo kwiyoroshya, kugira ibintu bike, no kudashaka umugore. Umurava wa Martin wo kwiyegurira Imana mu mubiri watumye anihanisha gukubitwa. Nyuma y'uko Martin asobanukiwe ubutumwa bwiza bwo gukizwa ku bw'ubuntu binyuze mu kwizera, yamenye ko adashobora kubona ubuntu bw'Imana abinyujije mu kubabaza umubiri we. Yanze indahiro z'ubumonaki azifata ko zitandukanye n'Ibyanditswe. Yashakanye na Katherina, wahoze ari umubikira, babyarana abana batandatu.

## Intangiriro: Kuvangirwa i Korinto

Bamwe i Korinto ntibemeraga ko abayoboke ba Kristo bazazuka. Bibwiraga ko umubiri utereranwa iyo umuntu apfuye, maze umwuka w'uwizera ariwo gusa ujya mu ijuru.

Bamwe bavugaga bati: "Kuko umubiri uzapfa ugatereranwa, nta cyo bitwaye icyo tuwukoresha ubu. Gukoresha umubiri iby'ibyaha ntacyo bitwaye, kuko umubiri nta gaciro gahoraho ufite."

Abandi bahakanaga umuzuko bakagira bati, "Umubiri uzatereranwa kuko ibyifuzo bwawo ari bibi. Mu ijuru ntabwo tuzagira ibyifuzo by'umubiri. Kubera ko ibyifuzo by'umubiri ari bibi, tugomba rero kutabikurikiza. Ntidukwiye kurya ibiryo byiza, kwambara neza, cyangwa gukora imibonano mpuzabitsina ku bashakanye. Tugomba guca intege umubiri mu buryo bwose bushoboka mpaka kugeza igihe tuzawuviramo."

Ibyo bitekerezo byombi si iby'ukuri. Byombi byari bishingiye ku makosa. Mu 1 Abakorinto igice cya 15, Pawulo asobanura impamvu inyigisho y'umuzuko ari ingenzi.

Nubwo ari byiza kuvuga k'ubuzima bwo mu mwuka kurusha uko twavuga ku bintu bigaragara, imibiri yacu igira ingaruka ku bibazo byo mu mwuka. Imana ntiyaturemye nk'ibiremwa by'Umwuka gusa ahubwo yanaturemanye imibiri igaragara. Ntabwo turi inyamanswa gusa, kandi ntabwo turi ibiremwa by'umwuka bituye mu mibiri mu gihe gito gusa.

## Kwiyegurira Imana

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu 1 Abakorinto 6:19-20.

Iyi mirongo itubwirako imibiri yacu ari iy'Imana kuko yaducunguye. Imibiri yacu ni insengero z'Umwuka Wera nuko rero ntikwiriye gukoreshwa ibyaha.

Bibiliya itubwirako Imibiri yacu igaragara igomba kwegurirwa Imana.

► Umunyeshuri nasomere itsinda Abaroma 12:1.

Uyu murongo utubwira ko imibiri yacu ikwiye kuba iyera kandi ko ari iy'Imana. Kuramya kuzima Imana ishaka ni ukuyunvira byuzuye.

Ntabwo dushobora gukorera Imana bihoraho niba tubaye tuyobowe n'ibyifuzo by'umubiri. Imyitwarire y'ibyaha nk'ingeso mbi.

Tekereza nawe inyamanswa iyobowe n'abatware babiri. Iyo umwe muri abo batware atanze itegeko, iyo nyamanzwa ntibasha kumvira kubera ko undi mutware yayambitse umunyururu. Uwo mutware wayambitse umunyururu, ayikururana aho ashatse hose. Iyi nyamanswa ishobora kuba ikunda uyu mutware kurushaho, ariko ntishobora kumwumvira. Ingeso mbi nayo rero ni uko imera. Umuntu ashobora kwifuza gukorera Imana, ariko ingeso mbi ni umunyururu adashobora kwikuramo.

Ingeso mbi ndetse n' ubwoko bwinshi bw'icyaha, byangiza umubiri w'umuntu ndetse n'ubwonko bwe. Kuberako imibiri yacu ari iy'Imana kandi yeguriwe kuyikorera, si byiza kuyangiza. Umurongo twasomye mu Abaroma utubwira gutanga imibiri yacu ikaba ibitambo bizima ku Mana, gusa ibyo ntibishoboka igihe kutabasha kwiyobora twebwe ubwacu.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu 1 Abakorinto 9:24-27.

Umubiri wawe ni umugaragu wawe, nuko rero ugomba kuwuyobora. Umubiri ni umugaragu mwiza. Gusa iyo uretse kuyoborwa, ukaba sebuja, ntabwo ubasha kuba sebuja mwiza. Pawulo yavuze ko yanze kuyobora n'ikifuzo icyo aricyo cyose (1 Abakorinto 6:12).

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abaroma 6:13.

Umubiri ni nk'ibikoresho biri hamwe byawe. Ibyo bikoresho biri munsi y'ubutware bwawe. Ntabwo uba ukwiriye kubikoresha ibyaha ahubwo biba bigomba gukorera Imana.

## Ibyifuzo Karemano

Abantu batekereza ko bidashoboka kwirinda ibyaha kubera ibyifuzo karemano. Ni ukuri kuvuga ko umuntu avukana kamere y'icyaha ituganisha ku cyaha. Iyi kamere ntabwo igizwe gusa n'ibyifuzo by'umubiri ahubwo kandi igizwe n'ibyifuzo byo mu mitekerereze ndetse n'ubushake buganisha ku cyaha. Umuntu utarahindurwa n'Umwuka w'Imana ntashobora kureka gukora icyaha, nubwo yashobora kunesha bimwe mu byaha. Umuntu utizera utarahura n'ubuntu bw'Imana ashobora kutizera ko yabaho ubuzima bwo kunesha.

Ibyifuzo karemano ntabwo aricyo kibazo. Imana niyo yaremye ibyifuzo karemano. Adamu yarafite ibyifuzo karemano ariko nta cyaha yarafite kugeza igihe yafataga umwanzuro wo gusuzugura Imana. Ibi byifuzo karemano ni igice kimwe cy'uko Imana yaremye umuntu ngo abe. Ibyifuzo karemano ubwabyo si icyaha, gusa bituma kugeragezwa bishoboka.

► Ni izihe ngero z'ibyifuzo karemano?

Iyi mbonerahamwe ikurikira ntabwo irambuye, ariko itanga ingero zimwe z'ibyifuzo karemano, uko ibyo byifuzo bigaragara mu buryo busanzwe kandi bukwiriye, ndetse n'uburyo bishobora gutuma umuntu agerwaho n'ibishuko.

Urabona ko ibyifuzo karemano atari ibyifuzo by'umubiri gusa. Ni karemano kuko bituruka muri kamere y'umuntu, gusa ntabwo ari ibyifuzo by'umubiri.

| **Ibyiciro by'Ibyifuzo karemano** | **Urugero rw'uko ibyifuzo bigaragara mu buryo bukwiriye** | **Ibyaha byitezwe** |
|---|---|---|
| Kwikingira | Gufata imyanzuro y'ubwirinzi | Ubugwari |
| Kwemerwa n'abantu | Kwambara neza, kugaragaza ikinyabupfura | Ubwibone, ishyari |
| Kunyurwa k'umubiri | Kurya, kuryama, no gukora imibonano mpuzabitsina kw'abashakanye | Kwinezeza mu byaha |
| Kwishimisha mu bandi | Ubusabane n'abandi | Ibihuha, kwiyemera |
| Kumererwa neza k'umubiri | Guhitamo umutuzo | Ubunebwe, gukunda ibintu |
| Umutekano w'ubukungu | Kugira ubushishozi mu gukoresha amafaranga, gushora imari | Ubusambo, Kutaba umunyakuri |

► Ese hari icyifuzo karemano ushobora guhora wubaha?

Nta cyifuzo karemano gikwiye kwemererwa kuyobora hatabanje kugisuzuma. Nta cyifuzo karemano ushobora guhora ukurikiza mu mutekano, kuberako icyifuzo kitabasha kwiha

umupaka ku bintu by'ukuri kuri wowe. Urugero, icyifuzo cy'inzara ntikibasha guhitamo ibiryo byawe, iby'undi muntu cyangwa ibyo wowe wabasha kwiyishyurira.

Hari n'igihe n'uburyo bukwiriye bwo kugaragaza ibyifuzo bugomba guhagarikwa. Kuberako umuntu ashonje ntibishatse kuvuga ko umuntu yafata ibiryo by'undi. Ni ibintu bisanzwe kwifuza kuruhuka, ariko akenshi umuntu aba akwiye gukora niyo arushye. Ni ibintu bisanzwe ko umuntu yakwifuza kwirinda ibyago, ariko agomba kurwanya irari ryo guhunga iyo afite inshingano zo kurinda abandi.

Ibyifuzo karemano bishobora kuyobywa no kwangirika ku buryo rifata ishusho itari karemano kandi itari iy'abantu. Niyo mpamvu usanga abantu bamwe bakora ibikorwa by'indengakamere cyangwa ibikorwa by'ubugome bukabije. Ibi byifuzo karemano biyobywa cyangwa bikangizwa n'imyigishirize itari ukuri, imitekerereze mibi, kuba ahantu hari ibyaha cyangwa ibikorwa by'ibyaha by'umuntu nyiri bwite.

Buri mwizera wese ategerezwa ko azahura n'ibigeragezo kubera ibyifuzo karemano. Ubuntu ntabwo bukuraho ibyifuzo karemano, ahubwo buha umuntu imbaraga zo kuyobora ibikorwa bye no kubasha kuyobora ibyo byifuzo akabyerekeza ku bintu byemewe.

Ibyifuzo karemano bituma imyitozo y'umwuka iba ngombwa kugira ngo umuntu akomeze kubaho mu buzima bwo kunesha mu buryo bw'umwuka. Ubuntu bw'Imana ntibukuraho inshingano zo kumvira ibyo Ibyanditswe bitwigisha, kwitabira amateraniro, gutwaza umubiri igitugu, no kwimenyereza gusenga no gusoma Bibiliya. Umwizera wiyemeje gukomeza kubaho ubuzima bwo kunesha ashobora kwishyiriraho ibyo atakora ari uburyo bwo kwirinda cyangwa kurinda aho aziko afite intege nke.

Ikigeragezo kizaragaza isura nziza, ariko iyo umutima w'umuntu watujwe mu gukunda gukora ibyo Imana ishaka, uwo muntu abasha kurwanya no kwanga icyo kigeragezo biturutse mu mutima we (1 Yohana 5:3). Ntazatekereza ko ari kwiyima ikintu cyari kumushimisha. Mu Kwizera azi ko Imana itabuza ikintu kitateza ibyago, nubwo atabona ibyago byaturuka kuri icyo kintu kibujijwe (Gutegeka kwa kabiri 6:24). Mu kwizera azi ko ntakintu gihabanye n'ubushake bw'Imana kizamuhaza, kubera ko guhazwa kwe kuri mu Mana (Zaburi 16:2, Zaburi 84:11).

### Imirire iboneye n'Imyitozo ngororamubiri

► Ese Bibiliya ivuga iki ku bijyanye n'ibiryo?

Bibiliya ntibuza ku buryo bweruye ikintu na kimwe mu byo kurya. Imirire ibujijwe mu isezerano rya kera ntabwo abizera bo mu isezerano rishya bayibujijwe (1 Timoteyo 4:4, Mariko 7:19). Hari ikibazo cyarebaga ibiryo byaterekerewe ibigirwamana, ariko ntabwo ari uko ibyo biryo byari bibujijwe, ariko abantu bamwe baryaga ibyo biryo nk' igice kigize kuramya ibigirwamana (1 Abakorinto 8).

Imirire iboneye ni ingenzi ku buzima bwiza ndetse no kugira imbaraga. Kuberako turi abagaragu b'Imana, dukwiye kwifuza kuba mu mwanya mwiza w'ireme ry'ubuzima

bw'umubiri. Dukwiye kwirinda kwangiza imibiri yacu, cyangwa kugabanya uburame bw'ubuzima bwacu binyuze mu mirire mibi. Abantu benshi nta mahitamo menshi ku mirire mizima bagira, kubera ko baba bakwiye kurya ibihari gusa n'ibyo bashobora kwigondera, ariko kandi baba bakwiye kugerageza guhitamo neza uko bashoboye. Baba kandi bakwiye kwigisha abana babo guhitamo neza imirire.

Abantu bafite amafaranga menshi usanga barya ibiryo byinshi kubera uburyohe bikundira aho guhitamo ibiryo bizabongerera intungamubiri. Abantu kandi bahura n'ikigeragezo cyo gutanga amafaranga menshi ku biryo bitari byiza k'ubuzima. Bamwe bumva batabasha kugura igitabo cyigendanye no kwitoza gukora umurimo w'Imana, nyamara buri cyumweru batanga ayo mafaranga kuri bombo na koka kola.

Imyitozo ngororamubiri ni ngomba k'umuntu kugirango ashobore gukomeza kugira imiterere myiza y'umubiri. Umuntu ntakwiye kwemera ko kubura imyitozo ngororamubiri bituma abura imbaraga cyangwa agira ibiro birenze, ku buryo bimubuza gukora ibishoboka byose ku bw'Imana. Niba akazi k'umuntu gasaba gukora imirimo ikomeye y'umubiri, ashobora kutagomba indi myitozo ngororamubiri; naho ubundi, akwiye kwigisha umubiri we kugira ngo ugume mu mimerere myiza.

Umwizera agomba kwita ku mirire mizima ndetse no gukora imyitozo kubera ko ari uw'Imana. Ariko, Bibiliya ntitanga amabwiriza yihariye ku mirire n'imyitozo ngororamubiri. Abantu bagomba gushaka uburyo bwo gushyira mu bikorwa ihame ryo kwiyegurira Imana mu buzima bwabo. Dukwiye kwirinda guca imanza cyangwa kunegura abandi. Ibi bisobanuro ku bigendanye n'imirire ndetse n'imyitozo ngororamubiri ntibikwiye guhindurwa amategeko y'imibereho yo mwuka keretse igihe itsinda ryihariye ry'abantu ryiyemeje imyitozo runaka.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abaroma 14:4.

Buri wese agomba gushyira mu bikorwa amahame ya Bibiliya mu buryo bumukwiriye, ariko ntidukwiye gucira abandi imanza kubera ko bayashyira mu bikorwa mu buryo butandukanye, igihe ishyirwa mu bikorwa ryihariye ritagarukwaho mu Byanditswe.

## Gukira k'umubiri mu buryo bw'igitangaza

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abaroma 8:18-23.

Indwara ni ingaruka y'umuvumo wageze ku byaremwe byose ubwo abantu ba mbere bacumuraga. Umugambi w'Imana w'agakiza uzasubiza ibyaremwe byose mu mwimerere wabyo kandi urangize imibabaro yose. Ariko, iyi mirongo itubwira ko uku gusanwa kose kudahita kuba uwo mwanya. Nubwo twamaze gukizwa, imibiri yacu ikomeza kubabara mu gukura mumywaka ndetse no mu burwayi kugeza igihe umugambi w'Imana w'agakiza usohoreye.

Imana isanzwe ikora ibitangaza mu isi. Ibitangaza byinshi byo gukira indwara byanditswe muri Bibiliya. Imana yasezeranye gukiza uburwayi binyuze mu isengesho ryo kwizera

kw'itorero (Yakobo 5:14-15). Si ngombwa ko gukira kw'indwara gukenera kwizera k'umurwayi ku giti cye, itorero rishobora kumwizerera. Nuko rero, umurwayi ntakwiye gushinjwa ko adafite kwizera.[23]

Ntidukwiye gutegereza ko umuntu wizera atazigera ababazwa n'uburwayi. Imana yemeye ko Yobu ababazwa mu mubiri igihe runaka nubwo yari indahemuka ku Mana (Yobu 2:8).

Pawulo yavuze ko Imana yemeye icyo yise "igishakwe cyo mu mubiri" kugirango atishyira hejuru ahubwo ngo yiringire Imana. Pawulo yasenze inshuro eshatu zose ngo abohorwe, ariko byarangiye amenye ko Imana yashakaga kumuha imbaraga zo kwihangana aho gukira (2 Abakorinto 12:7-9). Biragaragara ko ahari "igishakwe cyo mu mubiri" bwari uburwayi bw'umubiri, nubwo tutabizi neza ko ari ukuri.

Pawulo yababarijwe mu mubiri nubwo yabaga ari mu ivugabutumwa muri Galatiya (Abagalatiya 4:13-15). Bisa n'aho yari afite ikibazo cy'amaso, kuko yavuze ko Abagalatiya bamukundaga cyane ku buryo bari biteguye kumuha amaso yabo. Ntabwo tuzi neza niba Pawulo yaraje gukira iki kibazo nyuma, ariko biragaragara ko atahise akira uwo mwanya. Biragaragara ko Pawulo atigeze yigisha ko uwizera wese akwiye guhita abaho ubuzima butagira uburwayi buri gihe, ndetse n'Abagalatiya nabo ntibatekerezaga ko ubwo burwayi bwe bwari bunyuranye n'ubutumwa bwiza yabwirizaga.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Abafilipi 2:25-30.

Epafuradito yararwaye ndetse hafi yo gupfa. Yarwaye biturutse ku murimo ukomeye yakoraga ngo afashe Pawulo. Pawulo yavuze ko Epafuradito yarakwiriye icyubahiro kuberako yashyize ubuzima bwe mu kaga k'ubw'umurimo wa Kristo.

Ingero za Yobu, Pawulo, na Epafuradito zitwereka ko tudakwiye gucira abantu imanza ko nta kwizera bafite iyo barwaye. Ntidukwiye kwibaza ko bari guhanwa kubw'icyaha bakoze. Imana niyo izi niba ikibazo cyo mu mwuka aricyo kiri gutera uwo mubabaro. Bamwe mu baKristu b'inararibonye mu mateka, abantu bafite ukwizera gukomeye, barwaye igihe kirekire.

Bibiliya ntibuza ikoreshwa ry'abaganga cyangwa imiti. Nubwo dusengera ubuzima no gukira, ariko ntabwo ari bibi gukoresha ubufasha bubonetse.

Ni bibi gushaka ubufasha guturuka ku bantu bavuga ko bakoresha imbaraga z'ubukonikoni cyangwa indi myuka idaturuka ku Mana. Ntabwo dukorera Satani, kandi ntidukwiye gushakira inyungu kuri we. Kudahemuka kwacu kuri ku Imana, ndetse dukwiye kunyurwa n'imigisha Imana itanga. Niba Imana ihisemo kutagukiza, dukwiye gusenga tuyisaba kuduha ubuntu n'imbaraga zo gukomeza kuyizera.

[22] Yesu yakijije umuntu wari waramugaye kubera kwizera kwa bagenzi be (Mariko 2:5).

## Ibintu byangiza Ubuzima

Abantu bamwe bakoresha ibintu binezeza umubiri ariko kandi bigira ingaruka mbi.

Nubwo ibiyobyabwenge hari aho bikoreshwa nk'imiti ikiza indwara, ntibikwiye gukoreshwa na rimwe mu kwinezeza. Bishobora kwangiza umubiri, bikangiza ubwonko ndetse bikaba byahinduka ingeso itari nziza. Ahantu henshi birabujijwe gukoresha ibiyobyabwenge umuntu atabyandikiwe ndetse no gukurikiranwa na muganga.

Usibye igihe iri mu rugero ruto cyane, naho ubundi inzoga igira ingaruka k'uburyo umuntu abonamo ibintu ndetse ikanamutera kwitwara mu buryo atakwitwara atayinyoye. Inzoga nazo zishobora guhinduka ingeso mbi. Iyo umuntu anyoye nyinshi ubuzima burangirika. Inzoga zikunzwe gukoreshwa ahantu hakorerwa imyidagaduro idakwiye ndetse n'ahantu hari ibikorwa by'isi. Bibiliya ntibuza kunywa inzoga mu buryo bweruye, ariko amatorero menshi arazibuza kuko zigira ingaruka ku myitwarire no ku bushishozi, zishobora gutera ububata, kandi akenshi ziherekezwa n'imyitwarire itari myiza. AbaKristu benshi bafite impungenge ko n'iyo umuntu yakoresha inzoga neza kandi yirinda ingaruka zayo, ashobora kugira ingaruka mbi ku bandi, cyane cyane ku rubyiruko.

► Umunyeshuri nasomere itsinda mu Imigani 20:1 ndetse no mu Imigani 31:4-5.

Itabi, rinyobwa cyangwa rikacangwa kenshi ritera ububata kandi rikunze kugabanya imyaka umuntu aba afite yo kubaho. Urikoresha aba ari mu kaga kari hejuru ko kurwara kanseri.

Bibiliya ntibuza mu buryo bweruye ikoreshwa ry'itabi, ibiyobyabwenge cyangwa inzoga. Ariko, abantu benshi basobanukiwe ububi bizera ko umuyoboke wa Kristo adakwiye kubikoresha. Gusa ntabwo ariko byahoze, igihe cya kera abantu bahoze bazi ingaruka z'ibi bintu.

Ingorane ikomeye yo gukoresha ibi bintu, nuko bitera ububata. Ingeso mbi ziyobora ubuzima bw'Umuntu. Zimunyunyuza umutungo we. Zikagira ingaruka k'uburyo abona ibintu, zikamutera guha ibyo bintu impamvu mu buryo budafite ishingiro. Atanga ibitambo bigira ingaruka mbi ku muryango we no ku kazi ke. Ingeso mbi isaba kudahemuka nk'ukw'idini, ariko uko kudahemuka kugongana no kudahemukira Imana.

Mu Abefeso 5:18 hatubwirako abizera badakwiye gusinda, ko ahubwo bakwiye kuzura umwuka w'Imana.

## Isuku n'uburyo umuntu agaragara

UmuKristu akwiye kugira imyitwarire y'isuku ihwanye nibura n'imigenzo isanzwe y'isuku mu muco we. Ntakwiriye kugaragara imbere y'abandi afite impumuro mbi, umusatsi utitaweho, cyangwa imyambaro yanduye cyangwa itameze neza. Umuntu uri mu bukene ashobora guhura n'ikibazo cy'uburyo agaragara, ariko akwiye kugerageza uko ashoboye akaboneka neza.

Ukwiye kumvira iyo bagenzi bawe baneguye uko uboneka cyangwa isuku yawe. Ababyeyi bakwiye kwigisha abana babo imico myiza.

Abizera ntibakwiye gukurikira imigenzereze y'ab'isi, gukoresha imyambarire no kwitaka nk'uburyo bwo kugaragaza ko bari hejuru y'abandi. Ariko kugaragara nabi bishobora kugaragaza ko umuntu aha agaciro gake abo ahura na bo. Urugero, niba witwara uko wiboneye ku bijyanye n'uko ugaragara igihe ugiye mu nama, bishobora kugaragara nk'aho utekereza ko iyo nama n'abantu bayirimo nta cyubahiro bakwiye. AbaKristu bakwiye kugaragaza uburyo bwo guha Imana icyubahiro kandi bubaha abandi biciye kugaragara neza.

Abantu badashyira imbere iby'umwuka n'ibizahoraho iteka ryose, akenshi bambara bagambiriye gukurura abantu. Umugabo ashobora kwambara agambiriye kugaragaza imikaya. Umugore ashobora kwambara mu buryo bwo gukurura abagabo. Abizera ntibakwiye rwose kwambara bagaragaza ubwibone cyangwa bagambiriye gukurura abantu mu buryo bubi binyuze mu myambarire.

## Ibyo Gusangira mu Itsinda

Shishikariza abanyeshuli gutekereza ku bijyanye n'uburyo kwiyegurira Imana bikwiye kuzana impinduka mu mibereho.

► Ni gute imyitwarire yawe yerekana ko umubiri wawe ari uw'Imana?

Ntukajye mu mpaka ndende zishaka gutegeka imirire cyangwa izindi ngamba nk'aho ari ibisabwa kugira ngo umuntu abe umuKristu nyakuri.

► Wabisobanurira ute umuntu impamvu utajya ukoresha ibintu bimwe na bimwe (nk'inzoga, itabi, cyangwa ibindi biyobyabwenge)?

## Isengesho

Data uri mu Ijuru,

Urakoze ku gishushanyo cyiza waduhaye cyo kuba hano ku isi mbere yo kuzaba mu Ijuru.

Mfasha kubaho ubuzima bweguriwe wowe rwose, menye ko ari wowe wandemye kandi ukanancungura.

Mfasha kuba mu buzima mbohotse ku bintu byose byatuma ntabasha kugukorera no kukuramya nkuko bikwiye.

Urakoze kubw'ubuntu bwawe kuba ndi urusengero rw'Umwuka Wera. Ndashaka kuba mu buzima buguhesha icyubahiro.

Amena

**Imikoro y'isomo rya 13**

(1) Andika ibisubizo byawe kuri buri kibazo gikurikira mu gitabo cyawe cyihariye. (Ntugomba kubishyikiriza Umuyobozi w'isomo.)

- Ese waba wariyeguriye Imana mu buryo busesuye? Ese byaba bisobanuye iki kuri wowe?
- Ni ikihe cyifuzo karemano gikunze kukuyobora mu kigeragezo mu buzima bwawe?
- Ni iyihe mirongo ya Bibiliya ukwiriye gufata mu mutwe kugirango ijye igufasha buri gihe kunesha ibi bigeragezo?
- Ni izihe mpinduka Imana yaba yarakuganirije igihe wigaga iri somo?

(2) Soma 1 Abakorinto 15. Banza ugabanye icyi cyanditswe mu bice ku buryo buri kimwe kiba gikubiyemo insanganyamatsiko ntoya. Andika igika kuri buri gice usobanura ubutumwa buri muri icyo gice. Ni amabwiriza ngiro yahe akwiriye gushingira kuri iki gice?

# Ibikoresho byunganira gusobanukirwa

Niba ushaka kumenya byinshi ku byo twize muri iki gitabo, ushobora kwifashisha ibi bikoresho bikurikira.


**Isomo rya 1 - Ubunyangamugayo bwa GiKristu**

McDowell, Josh, and Bob Hostetler. *Right from Wrong.* Nashville: W Publishing Group, 1994.

Sider, Ron. *The Scandal of the Evangelical Conscience.* Grand Rapids: Baker Books, 2005.

**Isomo rya 2 - Umwitozo wo Kumvira Imana**

Keep, Tim and Becky. *It's All about Obedience.* Shoals: Whispering Pines Publishing, 2016.

*Spiritual Formation* (rimwe mu amasomo ya Shepherds Global Classroom). Riboneka kuri murandasi cyangwa mu buryo bucapywe kuri: https://www.shepherdsglobal.org/courses

**Isomo rya 3 - Umurimo**

McQuilkin, Robertson. *An Introduction to Biblical Ethics.* (Second Edition). Wheaton: Tyndale House Publishers, Inc., 1995.

**Isomo rya 4 - Imibanire**

Chapman, Gary. *The Five Love Languages.* Chicago: Northfield Publishing, 2015.

Carnegie, Dale. *How to Win Friends and Influence People*. New York: Pocket Books, 1936.

**Isomo rya 5 - Kuyoborwa n'Imana**

Duewel, Wesley. *Let God Guide You Daily*. Greenwood, IN: One Mission Society, 1988.

**Amasomo ya 6-7 - Urushako**

Drescher, John. *For Better, For Worse.* Morgantown, PA: Masthof Press, 2012.

Eggerichs, Emerson. *Love and Respect*. Nashville: Thomas Nelson, 2004.

Thomas, Gary. *Sacred Marriage.* Grand Rapids: Zondervan, 2000.

**Isomo rya 8 - UbuKristu mu kubungabunga ibidukikije**

Schaeffer, Francis, Udo W. Middelmann, Lynn White Jr., and Richard Means. *Pollution and the Death of Man*. Wheaton: Tyndale House, 1970.

**Isomo rya 9 - Amafaranga**

Ramsey Dave. *The Financial Peace Planner*. New York: Penguin Books, 1998.

Wesley, John. “The Use of Money” (a sermon). Riboneka kuri https://holyjoys.org/john-wesley-on-the-use-of-money/ (Guhera ku itariki ya 12, Ukwakira 2022).

**Isomo rya 10 – Kuba Umunyakuri**

Covey, Stephen M. R. *The Speed of Trust: The One Thing that Changes Everything.* New York: Free Press, 2006.

**Isomo rya 11 - Agaciro ka Muntu**

Lewis, C. S. *The Abolition of Man*.

Colson, Charles and Nancy Pearcey. *How Shall We Now Live?* Wheaton: Tyndale House Publishers, 1999.

**Isomo rya 12 - Leta**

Schaeffer, Francis. *A Christian Manifesto*. Wheaton: Crossway Books, 1981.

**Isomo rya 13 - Umubiri w’UmuKristu**

Foster, Richard. *Celebration of Discipline*. New York: HarperCollins Publishers, 1978.

# Inyandiko y’imikoro yatanzwe

Izina ry’Umunyeshuri ________________________________________

Shyiraho inyuguti buri gihe umaze kurangiza Imikoro. Imikoro yose igomba kurangizwa neza kugira ngo ubone impamyabumenyi itangwa na Shepherds Global Classroom.

| Isomo | Imikoro wa 1 | Imikoro wa 2 | Imikoro wa 3 |
|---|---|---|---|
| 1 | | | |
| 2 | | | |
| 3 | | | |
| 4 | | | |
| 5 | | | |
| 6 | | | |
| 7 | | | |
| 8 | | | |
| 9 | | | |
| 10 | | | |
| 11 | | | |
| 12 | | | |
| 13 | | | |

Ubusabe bwo kubona impamyabumenyi y’isozwa ry’amasomo ya Shepherds Global Classroom bushobora gusabwa ukoresheje uru rubuga rwacu: www.shepherdsglobal.org. Impamyabumenyi zizoherezwa mu buryo bw’ikoranabuhanga zivuye ku muyobozi mukuru wa Shepherds Global Classroom, zijyanwe ku barimu n’abayobora amasomo bujuje ibisabwa mu izina ry’abanyeshuli babo.